IKINYARWANDA

Amashuri yisumbuye umwaka wa

4

Amashuri yiga Ikinyarwanda nk'isomo Rusange

Igitabo cy'umwarimu

Kigali, Mutarama, 2019

© 2019 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda,

Iki gitabo ni umutungo w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda.

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

IJAMBO RY'IBANZE

Barimu, barezi,

Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu, umwaka wa kane, kigenewe amashami yiga Ikinyarwanda nk'isomo rusange. Iki gitabo kizabafasha mu myigishirize ishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri mu kunoza imyigishirize y'ibiteganijwe. Intego u Rwanda rufite mu burezi ni ugukora ku buryo umunyeshuri agera ku rwego rushimishije rujyanye n'ikiciro arimo. Ibyo bigamije gutegurira abanyeshuri gukoresha neza amahirwe y'akazi aboneka mu muryango nyarwanda.

Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi, Guverinoma y'u Rwanda ishyira imbaraga mu gutegura imfashanyigisho zijyanye n'integanyanyigisho kugira ngo bifashe abanyeshuri mu myigire yabo. Hari impamvu nyinshi zituma abanyeshuri biga, ibyo bize bikabaha ubushobozi bwo gukora. Muri zo twavuga ibyigwa biteguye neza, abarimu beza, uburyo bw'imyigishirize, uburyo isuzuma rikorwa ndetse n'imfashanyigisho zateguwe.

Muri iki gitabo, twitaye cyane ku myitozo ifasha abanyeshuri mu myigire yabo. Iyo myitozo bayubakiraho batanga ibitekerezo ndetse banivumburira udushya, binyuze mu bikorwa bifatika bikorwa na buri wese ku giti ke cyangwa bari mu matsinda mato. Iyo myitozo ibafasha kandi kwimakaza indangagaciro zizatuma haboneka ubudasa kuri bo ubwabo ndetse no ku Gihugu muri rusange. Bafashijwe n'abarimu abanyeshuri bazunguka ubushobozi bushya bazifashisha mu buzima bwabo buri imbere.

Mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, imyigire yubakiye ku munyeshuri, aho ategurirwa ibikorwa bimwinjiza mu isomo, bikamufasha kwiyungura ubumenyi, kongera ubushobozi ndetse no kwimakaza indangagaciro zikwiye. Ibi bitandukanye n'imyigire ya kera yari ishingiye ku bumwenyi gusa, aho umwarimu yafatwaga nk'uzi byose. Ikindi kandi, ubu buryo buzafasha abanyeshuri gukora ibikorwa bitandukanye, batekereza ku byo bakora kandi banakoresha ubumenyi basanganwe muri iyo myigire. Ni muri urwo rwego, mu mikoreshereze y'iki gitabo, mukwiye kwita kuri ibi bikurikira:

- Gutegura isomo n'imfashanyigisho ziboneye.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda mwita ku bushobozi bwa buri wese, ntimukore amatsinda y'ababanga gusa cyangwa ay'abadakurikira neza gusa.
- Guha abanyeshuri uruhare mu myigire yabo bajya impaka mu matsinda, bakorera imyitozo mu matsinda cyangwa buri wese ku giti ke kandi bakora ubushakashatsi.
- Gutegurira abanyeshuri uburyo buzamura ubushobozi bwabo mukoresheje imyitozo ituma batekereza byimbitse, bakemura ibibazo, bakora ubushakashatsi, bahanga udusha kandi babasha gusabana, gukorera hamwe no kubana n'abandi.
- Gufasha no koroshya uburyo bw' imyigire muha agaciro imyitozo abanyeshuri bakorera mu ishuri.
- Kuyobora abanyeshuri mu guhuza ibyo bakoze.
- Gushyigikira imyitozo yakorewe mu ishuri na buri munyeshuri ku giti ke, mu matsin-

da mato ndetse no mu matsinda magari no gukoresha isuzuma rishingiye ku bushobozi hakoreshejwe uburyo buboneye bwo gusuzuma.

Mu kuborohereza kwigisha amasomo yanyu, ibigize iki gitabo cy'umwarimu birasobanuye kugira ngo mugikoreshe ku buryo bworoshye. Iki gitabo kigizwe n'ibice bitatu:

Igice cya mbere: Gisobanura imiterere y'igitabo n'uburyo bukoreshwa mu kwigisha.

Igice cya kabiri: Kigizwe n'ingero z'imiteguro y'amasomo atandukanye.

Igice cya gatatu: Kerekana uko buri somo riri mu gitabo cy'umunyeshuri ryigishwa.

Nubwo iki gitabo cy'umwarimu gifite ibisubizo by'imyitozo yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri, ni ngombwa kubanza gusubiza buri kibazo na buri mwitozo mbere yo kumva no kugira icyo muvuga ku bisubizo by'abanyeshuri.

Ndashimira cyane abantu bose bagize uruhare mu myandikire y'iki gitabo, by'umwihariko abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) bagize uruhare rukomeye muri iki gikorwa cyo kwandika ibitabo, kuva gitangiye kugeza kirangiye.

Ndashimira kandi abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye ndetse na Kaminuza bitanze batizigamye mu iyandikwa ry'iki gitabo.

Ndashimira by'umwihariko Kaminuza y'u Rwanda, Ishami ry'Ubugeni no Gutunganya Amashusho yatanze abahanga bakoze umurimo ukomeye wo gutunganya iki gitabo.

Habaye hari ubundi bwunganizi ku byanozwa muri iki gitabo twabyakira kugira ngo bizifashishwe mu ivugurura ryacyo.

Dr. NDAYAMBAJE Irénée
Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda/REB

GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu, umwaka wa kane w'amashuri yisumbuye. Ntabwo iki gitabo cyashoboraga kwandikwa uko bikwiye, iyo hatabaho uruhare rw'abafatanya-bikorwa banyuranye mu burezi.

Ndashimira abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye, kaminuza n'abandi bitanze batizigamye kugira ngo iki gitabo gishobore kwandikwa.

Ndashimira kandi abashushanyije amashusho yakoreshejwe muri iki gitabo.

By'umwihariko, ndashimira Kaminuza y'u Rwanda, Ishami ry'Ubugeni no Gutunganya Amashusho yatanze abahanga bakoze umurimo ukomeye wo gutunganya iki gitabo.

Ndangije nshimira abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi, cyanecyane abo mu Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho bagize uruhare rukomeye muri uyu mushinga wo kwandika ibitabo.

MURUNGI Joan
Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho/REB

IBIMENYETSO N'IMPINE BYAKORESHEJWE

ES	Ecole Secondaire
G S	Groupe Scolaire
IPRC	Integrated Polytechnics Regional Center
I.N.R.S	Institut National de Recherche Scientifique
IRST	Institut de Recherche Scientifique et Technologique
Mgr	Monseigneur
NCDC	National Curriculum Development Center
REB	Rwanda Education Board
UNESCO	United Nations Educational, Scientific and Cultural Organization
UNICEF	United Nations Children's Fund
UR	University of Rwanda
USAID	United State Agence for International Development
UTAB	University of Technology and Art of Byumba
nt.	Inteko
GR	Ingombajwi y'indagi
D	Indomo
J	Inyajwi
Co	Igicumbi kirimo inyajwi o
Ce	Igicumbi kirimo inyajwi o
RT	Indanganteko
RS	Indangasano
Z	Umuzi
Zo	Umuzi urimo inyajwi o
Ze	Umuzi urimo inyajwi e
C	Igicumbi
+	Ukwiyunga ku inyajwi cyangwa ingombajwi
→	Ihinduka, bibyara
Ø	Iburizwamo/izimira ry'ijwi; ibura ry'akaremajambo gateganyijwe muri uwo mwanya

ISHAKIRO

IJAMBO RY'IBANZE iii
GUSHIMIRA v
I. IRIBURIRO 1
II. INTANGIRIRO RUSANGE 2
III. IMBATA Y'IMITWE Y'IBYIGWA 5
IV. INGERO Z'UMUTEGURO W'ISOMO NTANGARUGERO 7
V. IMYIGISHIRIZE YA BURI MUTWE 21
UMUTWE WA MBERE: UMUCO NYARWANDA 29
Umwandiko: Ugira ineza ukayisanga imbere 31
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko 31
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko 33
Igice cya gatatu: Umugani muremure 34
Igice cya kane: Ubuvanganzo bwo muri rubanda 35
Umwandiko: Kami ka muntu ni umutima we 36
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko 36
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko 39
Igice cya gatatu: Insigamigani 41
Igice cya kane: Imigani migufi 43
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa mbere A 49
UMUTWE WA MBERE: UMUCO NYARWANDA 55
Umwandiko: Kamana yitwa izina 56
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko 56
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko 58
Igice cya gatatu: kungurana ibitekerezo 60
Igice cya kane: Izina mbonera gakondo 61
Igice cya gatanu: Ihangamwandiko 64
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa mbere B 66
UMUTWE WA KABIRI: UMUCO W'AMAHORO 69
Umwandiko: Yahabaye intwari 71
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko 71
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko 73
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo 74
Igice cya Kane: Ntera 75
Umwandiko: Mpore Nyampinga 77
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko 77
Igice cya kabiri: Gusesengura umuvugo 79
Igice cya gatatu: Izina ntera 81
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa kabiri 83
UMUTWE WA GATATU: UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE 89
Umwandiko: Ihinduka rya Migambi 91
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko 91

Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko 93
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo 94
Igice cya kane: Ibisantera..... 95
Umwandiko: Gasharu isurwa n'umunyamakuru..... 98
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko..... 98
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko 100
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo 101
Igice cya kane: Ikiganiro mpaka..... 102
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wagatatu 105
UMUTWE WA KANE: IBIDUKIKIJE..... 109
Umwandiko: Ndekwe na Gatesi bavuye ku ishuri 111
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko..... 111
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko 113
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo 115
Igice cya kane: Iyiganteruro..... 116
Umwandiko: Inzovu y'amakenga n'izindi nyamaswa..... 119
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko..... 119
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko 121
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo 122
Igice cya kane: Iyiganteruro..... 123
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa kane 126
UMUTWE WA GATANU: ITERAMBERE 131
Umwandiko: Igihe kirahenda..... 133
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko..... 133
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko 135
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo 136
Igice cya kane: Ikomorazina mvazina..... 137
Igice cya gatanu: Ikomorazina mvanshinga..... 139
Igice cya gatandatu: Umwandiko ntekerezo..... 141
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa gatanu..... 143
UMUTWE WA GATANDATU: IKORANABUHANGA..... 147
Umwandiko: Ikoranabuhanga mu gukemura ibibazo..... 148
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko..... 148
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko 151
Igice cya gatatu: Amagambo adahinduka..... 153
Igice cya kane: Itondaguranshinga..... 154
Igice cya gatanu: Ibihe by'inshinga..... 156
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa gatandatu..... 161
TWIYUNGURE AMAGAMBO 164
INYANDIKO N'IBITABO BYIFASHISHIJWE..... 166

I. IRIBURIRO

Iki gitabo kigenewe umwarimu wigisha mu mwaka wa kane mu mashami yiga Ikinyarwanda nk'isomo rusange. Ni imwe mu mfashanyigisho zigomba kumworohereza kwigisha inyigisho z'Ikinyarwanda. Iki gitabo kijyanye n'igitabo cy'umunyeshuri. Ni yo mpamvu umwarimu atagikoresha ukwacyo; ahubwo cyuzuzanya n'icy'umunyeshuri. Cyanditswe gihereye ku nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda ishingiye ku bushobozi yateguwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) mu mwaka wa 2015.

Iki gitabo kigabanyijemo imitwe itandatu. Buri mutwe ufite insanganyamatsiko wubakiyeho. Insanganyamatsiko zubakiye ku myandiko inyuranye. Izo nsanganyamatsiko ni izijyanye n'umuco nyarwanda, umuco w'amahoro, uburinganire n'ubwuzuzanye, ibidukikije, iterambere n'ikoranabuhanga. Muri buri mutwe harimo kandi ubumenyi bw'ururimi umunyeshuri akeneye mu gukoresha ururimi yubaka interuro ziboneye, avuga cyangwa yandika.

Intego rero si ukwigisha ikibonezamvugo kugira ngo umunyeshuri afate mu mutwe amategeko agenga imikoreshereze y'ururimi; ahubwo intego ni uko ayo mategeko amwunganira mu gukoresha ururimi neza mu mvugo no mu nyandiko kandi akagenda avumbura uko akoreshwa buhorobuhoro. Buri mutwe usozwa n'isuzuma rizafasha umwarimu gusuzuma ubushobozi bw'abanyeshuri kugira ngo arebe ko ari ngombwa guhita atangira undi mutwe cyangwa se ko agomba gusubira mu masomo atarumvikanye neza.

Buri mutwe ugiye ugabanywamo ibice binyuranye bitewe n'imiterere y'ibyigwa. Bityo buri gice kigenerwa umubare w'amasomo bitewe n'uko giteye. Muri iki gitabo umwarimu yateganyirijwe amasomo ntangarugero amufasha gutegura no gutanga amasomo ye uko bikwiye.

Muri iki gitabo harimo imyitozo inyuranye n'ibisubizo byayo bituma umwarimu adatakaza umwanya munini abishakisha. Icyakora imyitozo iri mu gitabo si kamara umwarimu yayiheraho agashaka indi akurikije ikigero abanyeshuri bagezeho n'aho ishuri rye rihereye.

Muri iki gitabo kandi hakubiyemo imbonezamasomo ihishurira umwarimu uburyo bwo kwigisha amasomo anyuranye ashingiye ku bushobozi. Mu kwigisha rero, umwarimu asabwa gusuzuma ko intego yihaye yagezweho nyuma ya buri somo ndetse ko n'ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri buri mutwe bwagezweho. Hateganyijwe amasomo ntangarugero afasha umwarimu gutegura no gutanga amasomo ye uko bikwiye. Harimo kandi n'ubumenyi bw'inyongera ku mitwe imwe n'imwe bitewe n'aho bukenewe.

Twizeye ko iki gitabo kizafasha umwarimu kwigisha neza Ikinyarwanda hamwe n'umuco kibumbatiye no kubikundisha abanyeshuri. Umwarimu azabakundisha kandi umuco wo gusoma no guhanga bigana ubuvanganzo bize kugira ngo bakurane inyota yo gutahura ibyiza by'Ikinyarwanda, kubisesengurana ubushishozi no kubisangiza abandi.

II. INTANGIRIRO RUSANGE

2.1. Imyigishirize ishingiye ku bushobozi

Guhera mu mwaka wa 2015 mu mashuri y'inshuke, abanza n'ayisumbuye u Rwanda rwasezereye imyigire n'imyigishirize yari ishingiye ahanini ku bumenyi, rwinjira mu myigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi bukomatanya ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha. Bityo imyigire n'imyigishirize yahaga umwarimu umwanya munini isimburwa n'imyigire n'imyigishirize iha abanyeshuri uruhare runini. Ni imyigire iha umunyeshuri ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha bimufasha gushyira mu bikorwa ibyo yize no gutanga ibisubizo by'ibibazo ahura na byo mu buzima bwe n'ubw'abandi.

Mu myigire ishingiye ku bushobozi abanyeshuri ni bo bahabwa uruhare runini mu myigire yabo. Umwarimu ahera ku byo abanyeshuri basanzwe bazi kandi bafitiye ubushobozi, akabafasha kuvumbura ibindi bungurana ibitekerezo mu matsinda yabo. Iyo abanyeshuri bakorera mu matsinda umwarimu agenda abayobora atanga ubufasha ku babukeneye. Iyo barangije kungurana ibitekerezo mu matsinda, bamurika ibyo bagezeho, nyuma bagafatanya n'umwarimu kunonosora iby'ingenzi basigarana. Abanyeshuri ntibagomba gufatwa nk'aho nta cyo bazi. Umwarimu ntagomba kumva ko ari we ufite ubumenyi agomba kubapakiramo.

2.2. Ubushobozi nsanganyamasomo

Iki gitabo cy'umwarimu cy'umwaka wa kane giteguye ku buryo hagaragaramo ubushobozi nsanganyamasomo bukurikira : ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo, guhanga udushya, ubushakashatsi, gusabana mu Kinyarwanda, ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.

Ibibazo bimwe na bimwe byo kumva no gusesengura umwandiko biba bisaba umunyeshuri gutekereza byimbitse. Bimufasha gukemura ibibazo ahuye na byo yifashishije ibyo yize. Mu bisubizo by'ibyo bibazo ni ho **ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo** bugaragarira. Ahandi ubwo bushobozi bugaragarira ni mu myanzuro y'ibibazo byo kujya impaka no kungurana ibitekerezo. Ni mu gihe kandi kuko biba ari ibibazo bituma abanyeshuri batekereza cyane uburyo bakemura ibibazo bashobora guhura na byo mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Muri iki gitabo kandi hakubiyemo imyitozo yo guhanga iha abanyeshuri urubuga rwo guhanga imyandiko y'ingeri z'ubuvanganzo zinyuranye. Iyi myitozo ni yo ituma abanyeshuri bimakaza umuco wo **guhanga udushya**.

Mu myitozo y'inyunguramagambo abanyeshuri basabwa gukoresha inkoranyamagambo bashaka ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe, ni ho **ubushakashatsi** bugaragarira. Iki gitabo kandi giteguye ku buryo umwarimu asaba abanyeshuri kwitabira amasomero bagahabwa ibibazo bakwifashisha kugira ngo basesengure ikibonezamvugo cyangwa ingeri y'ubuvanganzo runaka.

Abanyeshuri **basabana kandi mu Kinyarwanda** bajya impaka cyangwa bungurana ibitekerezo na bagenzi babo. Umwarimu agomba kubatoza kuvugira mu ruhame no kujora ibitekerezo bya bagenzi babo mu bwubahane.

Hakubiyemo kandi imyitozo isaba abanyeshuri gukorera mu matsinda anyuranye. Iyi myitozo ituma abanyeshuri bagira **ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi.**

Mu gihe umunyeshuri yiga, ahabwa kandi imikoro inyuranye akorera ahandi hatari ku ishuri nko mu rugo cyangwa mu isomero. Iyi myitozo ni yo imufasha kwiga no **guhora yiyungura ubumenyi.**

Iyo umwarimu yigisha agomba kwita ku myitozo ikubiyemo ubu bushobozi nsanganyamasomo kugira ngo intego zabwo zigerweho.

2.3. Kwita ku buryo bunyuranye bw'imyigire y'abanyeshuri

Mu myigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi bw'uwiga, umwarimu agomba kuzirikana ko abanyeshuri yigisha barimo ingeri zitandukanye. Mu ishuri abanyeshuri ntibanganya ubushobozi mu myigire yabo kandi n'uburyo bakoresha mu myigire yabo buratandukanye. Buri wese agira uburyo bwihariye bwo kwiga bumworohera kandi bumubangukira. Bamwe biga neza iyo bahawe ibisobanuro birambuye intambwe ku ntambwe, mu magambo cyangwa mu nyandiko abandi bakiga neza babonye ibisobanuro rusange cyangwa inshamake.

Hari abiga neza ari uko bakoze ubushakashatsi bakivumburira, abandi bakiga neza bahereye ku mashusho, ibimenyetso no kureba uko ibintu bikorwa, mu gihe abandi biga neza ari uko bahuje ibintu bakabona amasano bifitanye. Hari abakunda guhanga udushya aho gusubira mu bintu bimwe naho abandi bakiga neza iyo bajya impaka banasobanurirana n'abandi.

Umwarimu rero agomba kugira uburyo bwo kwigisha butandukanye bufasha abo banyeshuri bose mu myigire yabo ariko yita buri gihe ku ihame ry'uko umunyeshuri ari we pfundo ry'imyigire n'imyigishirize. Ibi kandi abikora ahereye ku miterere ya buri somo, intego yaryo imfashanyigisho zikoreshwa n'igihe rimara, uburyo bwihariye buri munyeshuri akoresha mu myigire ye, ubushobozi bwe n'uko asobanukirwa n'ibyo yiga.

2.4. Kwita ku bafite ibibazo byihariye

Mu ishuri, umwarimu asabwa kwita ku bafite ibibazo byihariye kugira ngo bashobore kujyana n'abandi. Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Iyo umwarimu asoma, arangurura ijwi kugira ngo afashe abatumva neza ndetse n'abafite ubumuga bwo kutabona. Abatumva neza umwarimu abicaza hafi, akabasaba kumureba avuga, agakoresha ibishushanyo aho bishoboka hose, agakoresha ibimenyetso n'amarenga uko abishoboye.

Abatabona neza abicaza akurikije imiterere y'ubumuga bwo kutabona bafite byaba ari imbonahafi cyangwa imbonakure. Bityo abafite imbonahafi abicaza hafi naho abafite imbonakure akabicaza ahitaruye. Abafite ubumuga bw'ingingo z'umubiri, umwarimu abashakira umwanya bicaramo ubafasha mu myigire yabo.

Abafite ubumuga bwo mu mutwe umwarimu atangira abafasha mu byo bakora ariko gahorogahoro akagenda agabanya ubufasha abagenera. Umwarimu arabareka bagakorana n'abandi banyeshuri kandi akabatera umwete mu byo bagenda bageraho n'imbaraga bakoresha.

Abagenda buhoro mu myigire yabo bagomba gushyirwa mu matsinda y'ababyumva kurusha abandi kugira ngo babazamure, kandi umwarimu akabibandaho ababaza n'iyo baba batateye urutoki kugira ngo basubize. Bahabwa kandi imyitozo yihariye ituma bazamura ubushobozi bwabo.

2.5. Uburyo isuzuma rikorwa

Umwarimu agomba kugenzura imyigire n'imyigishirize akusanya amakuru ajyanye n'uburyo buri munyeshuri yiga ndetse no gufata umwanzuro ku byo umunyeshuri yagezeho hashingiwe ku bipimo byagenwe mbere yo gukora isuzuma. Isuzuma rero ni igice k'ingenzi mu myigire n'imyigishirize. Muri iki gitabo cy'umwarimu, amasuzuma na yo yateguwe ashingiye ku bushobozi. Hakubiyemo ibibazo binyuranye bijyanye n'ubuzima bwa buri munsi bituma umunyeshuri ashyira mu bikorwa ibyo yize.

Amasuzumabumenyi ari muri iki gitabo ari ukubiri: imyitozo y'isuzuma umwarimu agomba guha abanyeshuri nyuma y'ikigwa asuzuma ko intego z'isomo zagezweho. Hari kandi n'imyitozo y'isuzuma risoza umutwe ituma umwarimu afata umwanzuro wo gutangira undi mutwe. Kuri buri suzuma hategurwa kandi imyitozo nzamurabushobozi ikorwa n'abanyeshuri bagaragaje ubushobozi buke mu isuzuma ryakozwe, hakaba n'indi myitozo nyagurabushobozi igenerwa abanyeshuri bagaragaje ubushobozi bwo kumva ibyo bize kurusha abandi ku buryo budasanzwe. Ibyo bifasha buri munyeshuri gukomeza gutera intambwe ashingiye ku bushobozi amaze kugeraho.

Nyuma yo gukora isuzuma, umwarimu agabanya abanyeshuri mu bice bibiri. Abatashoboye gutsinda isuzuma ryatanzwe akababaha imyitozo nzamurabushobozi ibafasha gushyira mu bikorwa ibyo bize. Mu gihe barimo kuyikora, abagaragaje ubushobozi bwo kumva ibyo biga kurusha abandi bo baba bakora imyitozo nyagurabushobozi.

Isuzuma ritegurwa hashingiwe ku ntego zihariye z'isomo cyangwa ku bigenderwaho mu isuzuma rya buri mutwe. Isuzuma riteguye ku buryo risaba umunyeshuri gushyira mu bikorwa ibyo yize. Cyakora hagenda hagaragaramo n'ibibazo bike bimusaba kugaragaza ubumenyi bw'ibyo yize. Mu itegurwa ry'iri suzuma ibibazo bikurikirana hashingiwe ku nzego z'intego z'imyigire n'imyigishirize zagenwe n'umuhanga mu iyigandero Bulumu (Bloom). Ni ukuvuga ko ibibazo biri ku ntera zo hejuru ku rwego rw'intego ari byo bihabwa umwanya ugaragara muri iki gitabo kurusha ibibazo bishingiye ku ntera zo hasi zijyanye n'ubumenyi.

III. IMBATA Y'IMITWE Y'IBYIGWA

Umutwe wa mbere A: Umuco nyarwanda Umubare w'amasomo: 16	
Ibyigwa	**Umubare w'masomo**
Umwandiko: Ugira ineza ukayisanga imbere	Amasomo 3
Umugani muremure	Amasomo 2
Ubuvanganzo bwo muri rubanda	Amasomo 2
Umwandiko: Kami ka muntu ni umutima we	Amasomo 3
Insigamigani	Amasomo 2
Imigani migufi	Amasomo 2
Isuzuma risoza umutwe wa mbere A	Amasomo 2
Umutwe wa mbere B: Umuco nyarwanda Umubare w'Amasomo: 14	
Ibyigwa	**Umubare w'amasomo**
Umwandiko: Kamana yitwa izina	Amasomo 6
Izina mbonera gakondo	Amasomo 3
Ihangamwandiko	Amasomo 3
Isuzuma risoza umutwe wa mbere B	Amasomo 2
Umutwe wa kabiri: Umuco w'amahoro Umubare w'Amasomo: 18	
Ibyigwa	**Umubare w'amasomo**
Umwandiko: Yahabaye intwari	Amasomo 7
Ntera	Amasomo 3
Umuvugo: Mpore nyampinga	Amasomo 4
Izina ntera	Amasomo 2
Isuzuma risoza umutwe	Amasomo 2
Umutwe wa gatatu: Uburinganire n'ubwuzuzanye Umubare w'amasomo: 24	
Ibyigwa	**Umubare w'amasomo**
Umwandiko: Ihinduka rya Migambi	Amasomo 7
Igisantera	Amasomo 2
Umwandiko: Umunyamakuru Kamahoro aganira n'abaturage ba Gasharu	Amasomo 7
Ikiganiro mpaka	Amasomo 6
Isuzuma risoza umutwe	Amasomo 2

Umutwe wa kane: Ibidukikije **Umubare w'amasomo: 24**	
Ibyigwa	**Umubare w'amasomo**
Umwandiko: Ndekwe na Gatesi bavuye ku ishuri Ibice by'interuro Umwandiko:Inzovu y'amakenga n'izindi nyamaswa Umumaro w'amagambo mu nteruro Isuzuma risoza umutwe wa kane	Amasomo 8 Amasomo 3 Amasomo 8 Amasomo 3 Amasomo 2
Umutwe wa gatanu: Iterambere **Umubare w'amasomo: 20**	
Ibyigwa	**Umubare w'amasomo**
Umwandiko: Igihe kirahenda Ikomorazina Umwandiko ntekerezo Isuzuma risoza umutwe wa gatanu	Amasomo 6 Amasomo 7 Amasomo 4 Amasomo 3
Umutwe wa gatandatu: Ikoranabuhanga **Umubare w'amasomo: 28**	
Ibyigwa	**Umubare w'amasomo**
Umwandiko: Ikoranabuhanga mu gukemura ibibazo Amagambo adahinduka Itondaguranshinga Isuzuma risoza umutwe wa kane	Amasomo 8 Amasomo 6 Amasomo 11 Amasomo 3

IV. INGERO Z'UMUTEGURO W'ISOMO NTANGARUGERO

1. Isomo ryo gusoma no kumva umwandiko

Izina ry'ishuri: .....Amazina y'umwarimu: .....

Igihembwe	Itariki	Inyigisho	Umwaka wa	Umutwe Wa	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
cya mbere	**.....**	**Ikinyarwanda**	**kane**	**mbere B**	**.....**	**Iminota...**	**.....**
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo.			Abanyeshuri babiri batumva neza				
Umutwe wa mbere B	**Umuco nyarwanda**						
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Gusesengura umwandiko uvuga ku muco wo kwita izina, guhanga umwandiko akurikije imbata yawo no gusesengura izina mbonera gakondo agaragaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi.						
Isomo	**Gusoma no kumva umwandiko: Kamana yitwa izina**						
Intego ngenamukoro	Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri arashobora: Gusoma adategwa. Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko. Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko Gusobanura akamaro ko kwita izina mu muco nyarwanda.						
Imiterere y'aho isomo ribera	Isomo rizatangirwa mu ishuri, aho bishoboka abanyeshuri bicaye mu buryo bw'igice cy'uruziga.						
Imfashanyigisho	Imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zitegwa amatwi, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri.						
Imyandiko n'ibitabo byifashishijwe	Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda, imbuga nkoranyambuga.						

Ibice by'isomo + igihe	**Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora**		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo
	Umwarimu yifashishije umwandiko watanzwe, amashusho n'izindi mfashanyigisho zifatika afasha abanyeshuri gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho, abafite ibyo bagenerwa byihariye bitabwaho.		
	Ibikorwa by'umwarimu	**Ibikorwa by'umunyeshuri**	
1. Intangiriro Iminota 10	-Kubwira abanyeshuri kurambura ibitabo ahari amashusho y'umwandiko bagiye gusoma no kuyitegereza. -Kubaza abanyeshuri ibibazo mvumburamatsiko ku mashusho biganisha ku kuvumbura insanganyamatsiko ku kamaro k'umuhango wo kwita izina. (ab'ibitsina byombi bitabwaho mu gihe bahari). Urugero rw'ibibazo : 1.Murabona iki kuri aya mashusho ? 2. Hari umuntu uvuka afite izina ? 3.Bigenda bite kugira ngo umuntu ahabwe izina ? 4. Habaho umunsi cyangwa ibirori byo kugena izina uruhinja ruzitwa, ibyo birori cyangwa uwo munsi byitwa ngo iki ?	- Kurambura ibitabo no kwitegereza amashusho beretswe. -Gusubiza ibibazo mvumburamatsiko ku mashusho. Urugero rw'ibisubizo : 1.Turabona abantu bicaye, ababyeyi bicaye, umubyeyi ukikiye uruhinja, abavandimwe basuye umubyeyi wibarutse uruhinja, abana barira ku nkoko, abana barira ku rukoma… 2.Uruhinja ntiruvukana izina. 3. Ababyeyi baha umwana izina nyuma y'iminsi umunani nyina avuye ku kiriri. 4. Uwo munsi cyangwa ibirori byo kugena izina umwana azitwa byitwa «umunsi wo kwita izina», «ibirori byo kwita izina» cyangwa «umunsi wo kurya ubunnyano».	Ubushobozi nsanganyamasomo - Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa) Ingingo nsanganyamasomo Uburinganire n'ubwuzuzanye (ab'ibitsina byombi bitabwaho mu gihe bahari).

2. Isomo nyiri izina **Iminota 50**			
2.1. Igikorwa cya mbere:	-Gusaba abanyeshuri gutahura insanganyamatsiko y'umwandiko bagiye gusoma. -Kwandika ku kibaho umutwe w'umwandiko bagiye gusoma. Umutwe : Kamana yitwa izina. -Gufasha abanyeshuri kujya mu matsinda. -Gusaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece bandika amagambo akomeye bahuye na yo mu mwandiko. -Kugenzura ko basomye ababaza ibibazo bijyanye n'umwandiko. Urugero rw'ibibazo: 1. Nyiramana yasohotse ku munsi wa kangahe ? 2. Kagabo yakoze iki? 3. Kwa Kagabo hari hateguwe iki? 4. Abana batashye ryari? 5. Mbere yo kwita izina ni ikihe gikorwa kibanza? 6. Mu gihe cyo kwita izina bicaraga he? -Gusaba abanyeshuri gusimburana basoma mu ijwi riranguruye igika ku gika. -Gufasha abanyeshuri kwikosora mu gihe badasomye neza. -Gusaba abanyeshuri gusomera umwandiko mu matsinda basobanurirana amagambo akomeye hanyuma bagakora umwitozo w'inyunguramagambo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Urugero rw'ibibazo: Reba igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 19 -Gusaba amatsinda arimo abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva neza kujya basoma baranguruye kugira ngo na bo bashobore kumva neza. -Kugendagenda mu matsinda atanga ubufasha aho bukenewe.	-Gutahura insanganyamatsiko y'umwandiko Insanganyamatsiko:Umuhango wo kwita izina -Kwicara mu matsinda -Gusoma umwandiko bucece kandi bandika amagambo akomeye bahuye na yo mu mwandiko. Urugero: Abakobwa b'amasugi, irebe ry'umuryango, uruhamo rw'umuryango, kuzingama, inkonzo... -Gusubiza ibibazo bigaragaza ko basomye. Urugero rw'ibisubizo: Nyiramana yasohotse ku munsi wa munani. 2. Kagabo yatumiye abaturanyi be, ararika n'abana b'ababungu n'ab'abakobwa. 3. Kwa Kagabo hari hateguwe umuhango wo kurya ubunnyano. 4. Abana batashye bugorobye bamaze kwita izina. 5. Igikorwa kibanza ni ukubaka urugo. 6. Bicaraga mu irebe ry'umuryango. Gusimburana basoma mu ijwi riranguruye. -Gusoma bikosora aho batabikoze neza. -Gusomera umwandiko mu matsinda basobanurirana amagambo akomeye banakora umwitozo w'inyunguramagambo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. -Gusoma baranguruye bafasha abafite ubumuga bwo kutumva neza. -Gusaba ubufasha bw'umwarimu iyo bibaye ngombwa.	Ubushobozi nsanganyamasomo -Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva). -Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze). - Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi Ingingo nsanganyamasomo Uburezi budaheza (buri wese ufite ibyo agenerwa byihariye agomba gufashwa kugira ngo adatakara).

2.2.Igikorwa cya kabiri	-Igihe cyagenwe kirangiye, gusaba abanyeshuri kumurika ibyavuye mu matsinda	-Kumurika ibyavuye mu matsinda. Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda: Reba igitabo cy'umwarimu ku rupapuro rwa 28	Ubushobozi nsanganyamasomo -Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva).
2.3.Igikorwa cya gatatu	Kunoza no kwandika ku kibaho ibyavuye mu matsinda.	Gufatanya n'umwarimu kunoza ibyavuye mu matsinda no kubyandika mu makayi yabo. Urugero rw'ibisubizo byanogejwe: Reba igitabo cy'umwarimu ku rupapuro rwa 28	-Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).
2.4.Umusozo w'isomo/ Ikomatanya	-Kubaza abanyeshuri iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye. Urugero rw'ikibazo: Muvuge iby'ingenzi mwize muri uyu mwandiko "Kamana yitwa izina".	-Kuvuga iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye. Urugero rw'igisubizo: Iby'ingenzi byizwe mu mwandiko: -Igihe umubyeyi aruhuka amaze kubyara. -Igihe bitira umwana izina. -Abatumirwa igihe cyo kwita izina. -Ibikorwa by'ingenzi mu gihe cyo kwita izina. -Aho umubyeyi yicara agiye kwita izina.	Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).
3. Isuzuma Iminota 20	Gutanga ibibazo by'isuzuma. Ibibazo by'isuzuma 1. Aba mbere bagira uruhare mu kwita umwana izina ni ban de? 2. Ni iyihe mihango yakorwaga mu gihe cyo kwita izana? 3. Umwana bamwise Kamana, barimwise ku munsi wa kangahe? Se yari yicaye he?	Gusubiza ibibazo by'isuzuma. Ibisubizo ku isuzuma 1. Aba mbere bagira uruhare mu kwita izina ababyeyi b'umwana. 2. Gutumira abavandimwe, guhinga no gutera imbuto, gusangira kw'abatumiwe, kubaka urugo… 3. Barimwise ku munsi wa munani avutse se yicaye mu irebe ry'umuryango kandi avuye hanze.	Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze). Ingingo nsanganyamasomo Uburezi budaheza: Umwarimu atanga umwitozo wihariye ku banyeshuri batekereza cyane kurusha abandi. Uwo mwitozo uzaba ukomeyeho ugereranyije n'uwatanzwe ku bandi, kugira ngo na bo bakore ibigendeye ku kigero cyabo.

4. Umukoro	Gutanga umukoro (mu nyandiko cyangwa mu magambo). Uzasubize ibi bibazo nyuma ibisubizo uzabisangize bagenzi bawe Urugero rw'umukoro: 1. Abanyarwanda baravuga ngo: «Izina ni ryo muntu», baba bashatse kuvuga iki? 2. Garagaza ingaruka wagira uvutse ntuhabwe izina. 3. Uhawe izina nyuma ukumva riguteye ipfunwe, wabigenza ute?	Kwandika umukoro. Gukora umukoro.	Ubushobozi nsanganyamasomo -Ubushakashatsi (buri wese aharanira kunguka ibindi byiyongera ku byo yize). -Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi (buri munyeshuri ashishikarira kunguka byinshi no kwirinda guta ishuri). Ingingo nsanganyamasomo Uburezi budaheza Umwarimu ateganya umukoro ku banyeshuri batekereza cyane kurusha abandi.
Kwisuzuma (umurezi)	- Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye. - Kugaragaza imbogamizi yahuye na zo (igihe zihari).		

2.Isomo ryo gusesengura umwandiko

Izina ry'ishuri: ..... Amazina y'umwarimu: .....

Igihembwe	Itariki	Inyigisho	Umwaka wa	Umutwe Wa	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
cya mbere	**.....**	**Ikinyarwanda**	**kane**	**Kabiri**	**muri**	**Iminota 40**	**.....**
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo		Abanyeshuri babiri bafite ubumuga bwo kutabona neza					
Umutwe wa mbere B	**Umuco nyarwanda**						
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Gusesengura umwandiko ku nsanganymatsiko ivuga ku muco w'amahoro no gusesengura ntera n'izina ntera.						
Isomo	**Gusoma no gusesengura umwandiko: Kamana yitwa izina.**						
Intego ngenamukoro	Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri arashobora: Kugararagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko. Gutahura isomo akuye mu mwandiko no kurihuza n'ubuzima busanzwe. Gushishikarira no gushishikariza abandi mu mvugo no mu nyandiko kumenya akamaro ko kugira izina n'uko baryita.						
Imiterere y'aho isomo ribera	Isomo rizatangirwa mu ishuri, aho bishoboka abanyeshuri bicaye mu buryo bw'igice cy'uruziga.						
Imfashanyigisho	Imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zitegwa amatwi, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri.						
Imyandiko n'ibitabo byifashishijwe	Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda, imbuga nkoranyambuga.						

Ibice by'isomo + igihe	**Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora**		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo
	Umwarimu yifashishije umwandiko watanzwe, amashusho n'izindi mfashanyigisho zifatika afasha abanyeshuri gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Abafite ibyo bagenerwa byihariye bitabwaho.		
	Ibikorwa by'umwarimu	**Ibikorwa by'umunyeshuri**	
1. Intangiriro: Iminota 5	-Kugenzura ko abanyeshuri bakoze umukoro. -Kubaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka kwiga (ab'ibitsina byombi bitabwaho igihe bahari). Urugero rw'ibibazo : 1. Vuga umutwe w'umwandiko duheruka kwiga. 2. Abantu b'ingenzi bavugwa muri uwo mwandiko ni bande ?	-Kugaragaza aho bakoreye umukoro. - Gusubiza ibibazo biganisha ku mwandiko baheruka kwiga. Urugero rw'ibisubizo: 1. Umutwe w'umwandiko duheruka kwiga witwa «Kamana yitwa izina». 2. Abantu b'ingenzi bavugwa mu mwandiko : -Kamana, Kagabo, Nyiramana, n'abavandimwe b'umuryango wa Kagabo.	Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa) Ingingo nsanganyamasomo Uburinganire n'ubwuzuzanye (ab'ibitsina byombi bitabwaho igihe bahari).
2. Isomo nyiri izina: **Iminota 25**			
2.1. Igikorwa cya mbere:	-Gufasha abanyeshuri gukora amatsinda. -Gusaba abanyeshuri gusoma umwandiko baranguruye Gusaba abanyeshuri gusoma ibibazo byo gusesengura umwandiko baranguruye kugira ngo abafite ubumuga bwo kutabona bumve. Ibibazo : Reba igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 19 -Kwitegereza no kugenzura ibikorwa byo mu matsinda areba imbogamizi bahuye na zo abafasha kuzikemura ubwabo.	-Gukora amatsinda. -Gusoma umwandiko baranguruye. -Gusoma ibibazo byo gusesengura umwandiko baranguruye -Kugaragaza imbogamizi bahuye na zo bazikemura ubwabo bagendeye ku nama z'umwarimu.	Ubushobozi nsanganyamasomo -Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva). - Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi Ingingonsanganyamasomo Uburezi budaheza Mu matsinda yabo, umwarimu asaba abanyeshuri gufasha abakeneye ubufasha.

2.2.Igikorwa cya kabiri	Igihe cyagenwe kirangiye, gusaba abanyeshuri kumurika ibyavuye mu matsinda	Kumurika ibyavuye mu matsinda. Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda: Reba igitabo cy'umwarimu urupapuro rwa 29.	Ubushobozi nsanganyamasomo Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva).
2.3.Igikorwa cya gatatu	Kunoza no kwandika ku kibaho ibyavuye mu matsinda.	Gufatanya n'umwarimu kunoza ibyavuye mu matsinda no kubyandika mu makayi yabo.	Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).
2.4.Umusozo w'isomo/ Ikomatanya	Kubaza abanyeshuri iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye.	Kuvuga iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye. Iby'ingenzi bize: -Uko umuhango wo kwita izina wagendaga. - Uko muri iki gihe umuhango wo kwita izina ukorwa. - Inenge zabonekaga hambere mu muhango wo kwita izina.	Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).
3. Isuzuma: Iminota 10	Gutanga ibibazo by'isuzuma. 1. Mu muhango wo kwita izina abahungu n'abakobwa bagabagabanaga imirimo. Vuga icyo buri wese yakoraga. 2. Amazi nyirabukwe wa Nyiramana yazanye yari ayo gukora iki ? 3. Kurya ubunnyano bihuye n'ibihe bikorwa by'abana bariye bakijuta/bagahaga ?	Gusubiza ibibazo by'isuzuma. Ibisubizo ku isuzuma : 1. Abahungu barahingaga, abakobwa bagatera intabire. 2. Ayo mazi yayateraga abana barimo guhinga agira ngo bahingure, batahe. 3. Kurya ubunnyano bifatiye ku tubumbe twinshi tw'udutsima tubumbabumbye abana basangirira ku nkoko.	Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze). Ingingo nsanganyamasomo Uburezi budaheza: Umwarimu atanga umwitozo wihariye ku banyeshuri batekereza cyane kurusha abandi. Uwo mwitozo uzaba ukomeyeho ugereranyije n'uwatanzwe ku bandi, kugira ngo na bo bakore ibigendeye ku kigero cyabo.

4. Umukoro	Gutanga umukoro (mu nyandiko cyangwa mu magambo) Urugero rw'ibibazo: 1. Buri wese azaze yabajije igisobanuro k'izina rye, asobanura impamvu barimwise. 2. a) Tanga amazina y'abantu afatiye ku Mana. b) Tanga amazina y'abantu agaragaza ko umuntu yavutse ari uwa kabiri, uwa karindwi. Urugero: Nyampeta/ Kampeta (Yavutse ari uwa kabiri mu mbyaro z'iwabo). Nyandwi/Mukanyandwi (yavutse ari uwa karindwi)	Kwandika umukoro. Gukora umukoro	Ubushobozi nsanganyamasomo -Ubushakashatsi (buri wese aharanira kunguka ibindi byiyongera ku byo yize). -Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi (buri munyeshuri ashishikarira kunguka byinshi no kwirinda guta ishuri). Ingingo nsanganyamasomo Uburezi budaheza Umwarimu ateganya umukoro ku banyeshuri batekereza cyane kurusha abandi.
Kwisuzuma (umurezi)	- Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye. - Kugaragaza imbogamizi yahuye na zo (igihe zihari).		

3. Isomo ry'ikibonezamvugo

Izina ry'ishuri: .....Amazina y'umwarimu:.....

Igihe-mbwe	Itariki	Inyigisho	Umwaka wa	Umutwe wa	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'aba-nyeshuri
cya mbere	**.....**	**Ikinyarwanda**	**kane**	**kabiri**	**..... muri.....**	**Iminota 40**	**.....**
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo		Abanyeshuri babiri basiga abandi ku buryo bukabije					
Umutwe wa kabiri	**Umuco w'amahoro**						
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Gusesengura umwandiko ku nsanganymatsiko ivuga ku muco w'amahoro no gusesengura ntera n'izina ntera.						
Isomo	**Isesengura rya ntera**						
Intego ngenamukoro	Ahereye ku nteruro zikuwe mu muvugo mugufi, umunyeshuri arashobora kugaragaza inshoza, uturango, intego (uturemajambo) bya ntera n'amategeko y'igenamajwi aho biri ngombwa.						
Imiterere y'aho isomo ribera	Isomo rizatangirwa mu ishuri, aho bishoboka abanyeshuri bicaye mu buryo bw'igice cy'uruziga.						

Imfashanyigisho	Imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zitegwa amatwi, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri.
Imyandiko n'ibitabo byifashishijwe	Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda, imbuga nkoranyambuga.

Ibice by'isomo + igihe	**Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora**		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo
	Gusobanura igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora Umwarimu yifashishije umuvugo mugufi, amashusho n'izindi mfashanyigisho zifatika afasha abanyeshuri gutahura ntera mu mikarago igize umuvugo ndetse yifashishe imfashanyigisho ziganjemo ntera (abafite ibyo bagenerwa byihariye na bo bitabwaho).		
	Ibikorwa by'umwarimu	**Ibikorwa by'umunyeshuri**	
1. Intangiriro Iminota 5	- Gusomesha umuvugo mugufi «Ihogoza» no kubaza abanyeshuri ibibazo basubiza bakoresheje interuro zirimo ntera. Urugero rw'ibibazo : 1. Soma uyu muvugo nyuma utange interuro zikubiyemo amagambo ashushanya ubwiza bwa Ihogoza. 2. Garagaza andi magambo avuga imiterere cyangwa imimerere y'ikintu yakoreshejwe nk'ayagaragaje imiterere ya Ihogoza. -Gusaba abanyeshuri kwandika izo nteruro ku kibaho noneho agaca akarongo kuri ntera cyangwa azandikisha ibara. -Gusaba abanyeshuri kugaragaza isanisha rya ntera bagoragoza mu nteko z'amazina biri kumwe bagereranya n'andi magambo bize (ab'ibitsina byombi bitabwaho igihe bahari). -Kubaza ikibazo kiganisha ku isomo ry'umunsi. Urugero rw'ikibazo Aya magambo avuga imimerere cyangwa imiterere y'ikintu, afutura izina agaragiye muyita ngo iki? Umwarimu yandika umutwe w'isomo ku kibaho.	-Gusoma umuvugo mugufi ku kurwanya ihohoterwa. - Gusubiza ibibazo bakoresheje interuro zirimo ntera Urugero rw'ibisubizo: 1.Interuro zirimo amagambo ashushanya ubwiza bwa Ihogoza: -Yabaye mwiza aratangaza. -Afite uruhu rutoto runyura bose. -Afite uruhanga rugari rusa n'isimbi. -Afite kandi n'imigambi mitagatifu. 2. Andi magambo: - Ingeri nyinshi. -Nta kintu gishya. -Amashyi make. -Mbaye muzima n'ubutaha. Ndi mukuru simbeshya. Kwandika interuro ku kibaho. -Yabaye mwiza aratangaza. -Afite uruhu rutoto runyura bose. -Afite uruhanga rugari rusa n'isimbi. -Afite kandi n'imigambi mitagatifu. -Kugaragaza isanisha rya ntera mu nteko n'amazina biri kumwe bakoresha igoragoza bagereranya n'andi magambo bize. Kuvuga ubwoko bw'amagambo bamaze gusuzuma. Igisubizo: Ni ntera.	Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa) Ingingo nsanganyamasomo Uburinganire n'ubwuzuzanye (ab'ibitsina byombi bitabwaho igihe bahari).

2. Isomo nyiri izina **Iminota 25**			
2.1. Igikorwa cya mbere	-Gusaba abanyeshuri gukora amatsinda bakagaragaza imiterere ya ntera ku mazina biri kumwe -Gusaba abanyeshuri gutahura inshoza n'uturango bya ntera. -Kwitegereza no kugenzura ibikorwa byo mu matsinda areba imbogamizi bahuye na zo abafasha kuzikemura ubwabo.	-Gukora amatsinda bakagaragaza imiterere ya ntera ku mazina biri kumwe -Gutahura inshoza n'uturango bya ntera. -Kugaragaza imbogamizi bahuye na zo bazikemura ubwabo bagendeye ku nama za mwarimu.	Ubushobozi nsanganyamasomo -Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva). -Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo. - Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi
2.2.Igikorwa cya kabiri	Igihe cyagenwe kirangiye, gusaba abanyeshuri kumurika ibyavuye mu matsinda.	Kumurika ibyavuye mu matsinda.	Ubushobozi nsanganyamasomo Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva).
2.3.Igikorwa cya gatatu	Kunoza ibyavuye mu matsinda no ku bikorera ubugororangingo (anita kuri ba bandi basiga abandi).	Gufatanya n'umwarimu kunoza ibyavuye mu matsinda no kubyandika mu makayi yabo. Urugero rw'ibisubizo byavuye mu matsinda: Reba igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 31	Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze). Ingingonsanganyamasomo Uburezi budaheza
2.4.Umusozo w'isomo/ Ikomatanya	Kubaza abanyeshuri iby'ingenzi bize.	Kuvuga iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye. Iby'ingenzi bize: -Inshoza ya ntera. -Uko ntera yisanisha n'izina biri kumwe. -Uko ntera igaragaza indangantekobiri kumwe. -Uko ntera ishobora gusimbura izina, intego yayo ikaba nk'iy'izina.	Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).

3. Isuzuma Iminota 10	Gutanga ibibazo by'isuzuma. 1. Ungera usome akavugo wahawe nyuma wubake interuro zikoreshejwemo amagambo akurikira: mugari, mutomuto, ryinshi, hatagatifu. 2. Ntera zikurikira zisimbuze amazina asanzwe : muhire, gishyashya, kirekire,mabi.	Gusubiza ibibazo by'isuzuma. Urugero rw'ibisubizo: 1.Umurima mugari urera. Umukinnyi mutomuto naze. Ivu ryinshi riri hariya murimene. I Kibehoni hatagatifu. 2. Muhire : umuhire. Gishyashya : Igishyashya. Kirekire : ikirekire. Mabi : amabi.	Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze). Ingingo nsanganyamasomo Uburezi budaheza: Umwarimu atanga umwitozo wihariye ku banyeshuri batekereza cyane kurusha abandi. Uwo mwitozo uzaba ukomeyeho ugereranyije n'uwatanzwe ku bandi, kugira ngo na bo bakore ibigendeye ku kigero cyabo.
4. Umukoro	Gutanga umukoro (mu nyandiko cyangwa mu magambo) Urugero rw'ibibazo rw'umukoro: 1. Wifashishije isomero, shaka ntera zindi usanga mu rurimi rw'Ikinyarwanda. 2. Ubaka interuro zigaragaramo amazina yafashe intego y'amazina asanzwe kandi yari ntera.	Kwandika umukoro. Gukora umukoro no kwitegura kuzawumurikira abandi.	Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushakashatsi (buri wese aharanira kunguka ibindi byiyongera ku byo yize). -Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi (buri munyeshuri ashishikarira kunguka byinshi no kwirinda guta ishuri). Ingingo nsanganyamasomo Uburezi budaheza Umwarimu ateganya umukoro ku banyeshuri batekereza cyane kurusha abandi.
Kwisuzuma (umurezi)	- Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye. - Kugaragaza imbogamizi yahuye na zo (igihe zihari).		

4. Isomo ry'ubuvanganzo

Izina ry'ishuri: .....Amazina y'umwarimu: .....

Igihembwe	Itariki	Inyigisho	Umwaka wa	Umutwe wa	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
cya mbere	**.....**	**Ikinyarwanda**	**kane**	**kabiri**	**.....**	**Iminota 40**	**.....**
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo			Batatu basigara inyuma ku buryo bukabije.				
Umutwe wa kabiri	**Umuco w'amahoro**						
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Gusesengura umwandiko ku nsanganyamatsiko ivuga ku muco w'amahoro no gusesengura ntera n'izina ntera.						
Isomo	**Gusesengura umuvugo:**						
Intego ngenamukoro	Ahereye ku muvugo wizwe , umunyeshuri arashobora kugaragaza neza uturango tw'umuvugo no guhanga umuvugo muto yigana uwo bize.						
Imiterere y'aho isomo ribera	Isomo rizatangirwa mu ishuri, aho bishoboka abanyeshuri bicaye ku ruziga.						
Imfashanyigisho	Imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zitegwa amatwi, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri.						
Imyandiko n'ibitabo byifashishijwe	Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda, imbuga nkoranyambaga.						

Ibice by'isomo + igihe	**Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora**		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo
	Umwarimu yifashishije umuvugo wasomwe, amashusho n'izindi mfashanyigisho zifatika afasha abanyeshuri gutahura inshoza, uturango tw'umuvugo no guhanga umuvugo bigana uwo basomye.		
	Ibikorwa by'umwarimu	**Ibikorwa by'umunyeshuri**	
1. Intangiriro Iminota 5	- Gusomesha umuvugo bize ubushize ku kurwanya ihohoterwa no kubaza abanyeshuri ibibazo. Urugero rw'ibibazo 1. Ubushize twize uwuhe mwandiko? 2. Uwo mwandiko uvuga ku biki muri rusange? -Kwandika agace k'umuvugo bize ku kibaho no gusaba abanyeshuri ko bagasoma. -Kubaza ikibazo ku biranga umuvugo kiganisha ku isomo ry'umunsi. Urugero rw'ikibazo Ibika by'uwo mwandiko byanditse bite? -Kwandika umutwe w'isomo ku kibaho: Uturango tw'umuvugo	-Gusoma umuvugo bize ubushize. - Gusubiza ibibazo. Urugero rw'ibisubizo 1. Mpore Nyampinga. 2. Kurwanya ihohoterwa. -Gusoma agace k'umuvugo kanditse ku kibaho. -Kuvuga bimwe mu biranga umwandiko basomye. Urugero rw'igisubizo Byanditse mu mikarago kandi bitangiwe n'inyuguti nkuru.	Ubushobozi nsanganyamasomo - Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa) Ingingo nsanganyamasomo Uburinganire n'ubwuzuzanye (ab'ibitsina byombi bitabwaho igihe bahari).
2. Isomo nyiri izina **Iminota 25**			
2.1. Igikorwa cya mbere	-Gufasha abanyeshuri gukora amatsinda, bagasoma umwandiko, batahura inshoza y'umuvugo banasesengura imiterere yawo. -Gusaba abanyeshuri kugaragaza uturango tw'umwandiko basomye. -Kwitegereza no kugenzura ibikorwa byo mu matsinda areba imbogamizi bahuye na zo abafasha kuzikemura ubwabo kandi bigakorwa mu bworoherane.	-Gukora amatsinda bagasoma umwandiko, batahura inshoza, bakanasesengura imiterere yawo. -Kugaragaza uturango tw'umwandiko basomye. Reba igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 37 -Kugaragaza imbogamizi bahuye na zo bakazikemura ubwabo bagendeye ku nama z'umwarimu.	Ubushobozi nsanganyamasomo -Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva). -Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo. - Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi

2.2.Igikorwa cya kabiri	Igihe cyagenwe kirangiye, gusaba abanyeshuri kumurika ibyavuye mu matsinda (ab'ibitsina byombi bitabwaho igihe bahari).	Kumurika ibyavuye mu matsinda. Reba igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 37	Ubushobozi nsanganyamasomo Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva). Ingingo nsanganyamasomo uburinganire n'ubwuzuzanye (ab'ibitsina byombi bitabwaho igihe bahari).
2.3.Igikorwa cya gatatu	Kunoza ibyavuye mu matsinda no ku bikorera ubugororangingo (anita kuri ba bandi basigara inyuma abandi cyane).	Gufatanya n'umwarimu kunoza ibyavuye mu matsinda no kubyandika mu makayi yabo.	Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).
2.4. Umusozo w'isomo/ Ikomatanya	Kubaza abanyeshuri iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye.	Kuvuga iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye. Reba igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 37	Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).
3. Isuzuma Iminota 10	Gutanga ibibazo by'isuzuma. Urugero rw'ikibazo Hanga umuvugo kuri imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira wubahiriza uturango twawo nyuma uwuvugire imbere ya bagenzi bawe. 1. Turwanye ihohoterwa 2. Umuco w'amahoro Kubaho ni ukubana	Gusubiza ibibazo by'isuzuma. Urugero rw'igisubizo Umwarimu areba umuvugo wa buri munyeshuri akamufasha kuwunoza.	Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze). Ingingo nsanganyamasomo Uburezi budaheza Umwarimu atanga umwitozo wihariye ku banyeshuri batekereza cyane kurusha abandi. Uwo mwitozo uzaba ukomeyeho ugereranyije n'uwatanzwe ku bandi, kugira ngo na bo bakore ibigendeye ku kigero cyabo.

4. Umukoro	Gutanga umukoro urimo no guhanga umuvugo (mu nyandiko cyangwa mu magambo) Urugero rw'ikibazo Fata uyu muvugo « Mpore nyampinga » mu mutwe uzawuvugire imbere ya bagenzi bawe.	Kwandika umukoro. Urugero rw'igisubizo Umwarimu areba uko buri munyeshuri atondagura umuvugo akamugira inama aho biri ngombwa.	Ubushobozi nsanganyamasomo Guhanga udushya (buri wese ashishikarizwa guhanga ibishya yigana ibyo yize). -Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi (buri munyeshuri ashishikarira kunguka byinshi no kwirinda guta ishuri). Ingingo nsanganyamasomo Uburezi budaheza Umwarimu ateganya umukoro ku banyeshuri batekereza cyane kurusha abandi.
Kwisuzuma (umurezi)	- Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye. - Kugaragaza imbogamizi yahuye na zo (igihe zihari).		

V. IMYIGISHIRIZE YA BURI MUTWE

Iki gitabo kigabanyijemo imitwe itandatu. Buri mutwe wubakiye ku nsanganyamatsiko ziteganywa n'integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ishingiye ku bushobozi. Buri mutwe kandi ufite umubare w'amasomo arimo ugenewe. Giteguye ku buryo ibyigwa bigabanywa mu bice binyuranye kandi buri gice kikagaragaza umubare w'amasomo akigenewe. Ibyo bice ni ibi bikurikira.

Igice cya mbere: gusoma no kumva umwandiko

Igice cya kabiri: gusesengura umwandiko

Igice cya gatatu: kungurana ibitekerezo

Igice cya kane: ubuvanganzo/ ikibonezamvugo

Mu gice cya gatatu haba hakubiyemo umwitozo wo kungurana ibitekerezo. Ariko uyu mwitozo si ngombwa ko ugaruka buri gihe muri buri gice; biterwa n'ibisabwa mu bikorwa by'umunyeshuri biteganyijwe mu nteganyanyigisho. Igice cya kane kigaragaramo ubuvanganzo, ikibonezamvugo cyangwa ubumenyi bw'ururimi. Cyakora hari igihe byose bishobora kuba biteganyijwe mu nteganyanyigisho bityo n'umubare w'ibice mu mutwe runaka ukiyongera.

Imbonezamasomo kuri buri gice

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

Muri iki gice hakubiyemo amasomo ajyanye no gusoma, inyunguramagambo n'ibibazo byo kumva umwandiko.

Imbonezamasomo yo gusoma umwandiko.

1.1. Ivumburamatsiko

Mu ivumburamatsiko, umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku mwandiko bagiye gusoma. Ibyo bibazo bishobora gushingira ku mashusho ari mu gitabo cyangwa ku buzima busanzwe. Ibibazo bishingiye ku mashusho abanyeshuri babisubiza babanje kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma.

1.2. Gusoma bucece

Iyo basoma umwandiko babanza kuwusoma bucece nyuma bakaza kuwusoma baranguruye. Gusoma bucece bikorwa buri gihe iyo abanyeshuri bagiye gusoma bwa mbere umwandiko mushya. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece akagenda agenzura uko bikorwa. Umwarimu abatoza gusoma bucece badahwihwisa.

Mu gihe basoma bucece umwarimu abasaba kugenda bandika amagambo batumva neza kugira ngo baze kuyasobanura nyuma. Ubu buryo bwo gusoma ni ingenzi ku munyeshuri kuko bumutegura kuza gusoma neza aranguruye adategwa. Iyo barangije gusoma bucece umwarimu ababaza ibibazo basubiza bavuga. Ni ibibazo byoroheje bidasaba kwinjira mu mwandiko cyane.

1.3. Gusoma baranguruye

Mu gihe cyo gusoma baranguruye, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma batajijinganya.

Umunyeshuri umwe asoma igika kimwe mugenzi we akamwakira ku gika gikurikiyeho bityobityo kugeza umwandiko urangiye. Umwarimu agomba kugenda akosora abanyeshuri aho basoma nabi, anagenzura kandi ubukesha bw'abanyeshuri mu kwitabira gusoma. Iyo ari umwandiko wihariye w'ubuvanganzo nk'umuvugo, igisigo, ikivugo n'ibindi.

Iyo abanyeshuri barangije gusoma bucece umwarimu abanza kuwubasomera by'intangarugero agaragaza isesekaza maze abanyeshuri bakaza kuwusoma bamwigana. Iyo basoma baranguruye, umwarimu akora ku buryo yita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Buri wese amufasha bitewe n'ikibazo afite. Nk'iyo mu ishuri harimo umunyeshuri ufite ikibazo cyo kutumva neza, umwarimu asaba umunyeshuri ugiye gusoma kurangurura ijwi ku buryo na we yumva.

1.4 Inyunguramagambo

Iyo abanyeshuri barangije gusoma baranguruye umwarimu abafasha gukora amatsinda anyuranye bakoreramo umwitozo w'inyunguramagambo. Iyo bakora amatsinda bakora ku buryo agenda anyurana. Babiribabiri, batatubatatu cyangwa banebane.

Si byiza gukora amatsinda arengeje abanyeshuri batanu. Amatsinda kandi agomba kuba arimo ibitsina byombi aho bishoboka kandi avanga abanyeshuri bumva vuba kurusha abandi n'abagenda buhoro mu myigire yabo. Abagize buri tsinda bitoramo umuyobozi w'itsinda ugenda yandika ibyo bumvikanyeho.

Mu gihe cyo gukora umwitozo w'inyunguramagambo umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko bari mu matsinda yabo bagenda basobanura amagambo akomeye banditse igihe basomaga bucece. Abasaba kandi gukora umwitozo w'inyunguramagambo watanzwe mu bitabo byabo akababaha igihe cyo kubikora. Umwarimu agenda asura buri tsinda kandi atanga ubufasha aho bukenewe.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umunyeshuri umwe muri buri tsinda agenda yandika ibyo bumvikanyeho nyuma akajya kubigaragaza imbere ya bagenzi be kandi abanyeshuri bakajya basimburana muri icyo gikorwa. Mu gihe cyo kumurika ibyavuye mu matsinda, amatsinda yose agenda asimburana mu kugaragaza bimwe mu byo bagezeho, ibyo barangije kumvikanaho, abandi bakirinda kubisubiramo. Ubu buryo bwo kumurika ibyavuye mu matsinda ni na bwo bukoreshwa ahandi hose hari umwitozo ukorerwa mu matsinda.

Umwarimu afatanya n'abanyeshuri gukora ubugororangingo ku bisubizo bikwiye maze bikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

1.5. Ibibazo byo kumva umwandiko

Iyo abanyeshuri bamaze gukora umwitozo w'inyunguramagambo, umwarimu abasaba gusubira mu matsinda yabo. Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko byatanzwe mu bitabo byabo. Iyo ibibazo byatanzwe ari byinshi, umwarimu arabibagabanya; amatsinda amwe agakora bimwe andi agakora ibindi. Mu gihe cyo kubimurika hamurika amatsinda afite ibibazo bitandukanye, ibisubizo bya buri tsinda bigakorerwa ubugororangingo. Iyo ibibazo byatanzwe atari byinshi buri tsinda rirabisubiza bityo uburyo bwo kubimurika bugakorwa nko ku mwitozo w'inyunguramagambo.

Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko

Muri iki gice hakubiyemo ibibazo byo gusesengura umwandiko. Ibi bibazo biba byerekeranye no kugaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko, kuvuga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko, kuvuga isomo ryo mu buzima busanzwe riri mu mwandiko, guhina umwandiko n'ibindi bibazo byimbitse umunyeshuri asubiza ahereye ku mwandiko agakoresha ubundi bumenyi bwe.

2.1 Imbonezamasomo yo gusesengura umwandiko

Gusesengura umwandiko bigizwe n'ibice bikurikira:

2.1.1 Isubiramo

Isubiramo ni intangiriro ifasha umwarimu gukomeza isomo yari yatangiye ariko ritari ryakarangiye. Rifasha umwarimu kurushaho mu gushimangira ibyizwe no mu gutangiza igice cyari gisigaye k'iryo somo. Mu isubiramo, umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo baheruka kwiga. Bashobora no gukosora umukoro baba barahawe.

2.1.2 Isesengura

Mbere y'uko abanyeshuri batangira isesengura ry'umwandiko, umwarimu abashyira mu matsinda, akabasaba kongera kuwusoma kugira ngo bawiyibutse. Uyu mwitozo wo gusesengura umwandiko ukorerwa mu matsinda nk'uko umwitozo wo kumva umwandiko ukorwa.

Mu gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko umwarimu afasha abanyeshuri kubisubiza ababaza ibindi bibazo bituma bagera ku bisubizo bikwiye.

Urugero

Iyo umunyeshuri asabwa gushaka insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko, umwarimu amubaza gutahura ingingo yibanzweho mu mwandiko cyangwa akamusaba gushaka undi mutwe yaha umwandiko. Ibi byamufasha gutahura insanganyamatsiko rusange ivugwa mu mwandiko.

Iyo umunyeshuri asabwa gutahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko, umwarimu ashobora kumubaza gutahura igitekerezo k'ingenzi kiri muri buri gika cy'umwandiko.

Iyo ari ikibazo cyo guhina umwandiko, umwarimu amusaba guhuriza hamwe ingingo z'ingenzi agasa n'uzirambura ashingiye ku burebure busabwa.

Iyo ari ikibazo cyo kuvuga isomo akuye mu mwandiko, umwarimu amusaba guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe bityo bikamufasha gutahura isomo umwandiko umusigiye.

Ku bindi bibazo byimbitse, umwarimu ashakisha ubundi buryo bufasha umunyeshuri kugera ku gisubizo gikwiye.

Iyo igihe bahawe kirangiye, abanyeshuri bamurika ibyakorewe mu matsinda.

Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo

Kungurana ibitekerezo bikorerwa mu matsinda anyuranye. Iyo bagiye kungurana ibitekerezo, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwitozo wo kungurana ibitekerezo ugaragara mu gitabo. Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo

umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo uyobora abandi mu gutanga ibitekerezo byabo. Mu gihe bungurana ibitekerezo, umwarimu agenzura uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira abibashishikarize n'abakeneye ubufasha abubahe.

Iyo kungurana ibitekerezo mu matsinda birangiye, abagize itsinda bumvikana ku bitekerezo by'ingenzi, umuyobozi wa buri tsinda akabisangiza ayandi matsinda. Umwarimu afasha abanyeshuri gukora umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo ukandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

Iyo ari ukungurana ibitekerezo umwarimu abwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari ikibazo kigibwaho impaka. Umwarimu abanza gusobanurira abanyeshuri uburyo impaka zigibwa, akabasaba kujya mu matsinda abiri bakurikije aho bumva babogamiye.

Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro mpaka n'umwanditsi w'ibitekerezo by'ingenzi. Umwarimu akamusaba gutangiza ikiganiro akurikije amabwiriza umwarimu yatanze. Mu gihe bajya impaka, umwarimu agenzura uburyo abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo akanagenzura imyitwarire yabo muri izo mpaka bajya.

Iyo barangije umwarimu asaba abandi banyeshuri batari mu matsinda ajya impaka kugira icyo bavuga ku bitekerezo byatanzwe n'amatsinda yajyaga impaka. Umwarimu afatanya n'abanyeshuri bose gukora umwanzuro ukwiye ukandikwa ku kibaho.

Igice cya kane: Ikibonezamvugo/ ubuvanganzo

4.1 Imbonezamasomo yo kwigisha isomo ry'ikibonezamvugo

Iyo higishwa ikibonezamvugo, umwarimu agomba guca mu ntera eshatu z'ingenzi.

4.1.1. Intangiriro

Mu mwinjizo, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma bitegereza interuro cyangwa igika byavuye mu mwandiko baheruka kwiga birimo amagambo yanditse aciyeho akarongo cyangwa atsindagiye yafasha gutahura ikibonezamvugo bagiye kwiga. Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ayo magambo akababaza ibibazo biganisha ku kibonezamvugo kigiye kwigwa.

4.1.2. Gusesengura

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora ubushakashatsi ku bibazo byatanzwe ku nteruro cyangwa ku gika bivugwa mu mwinjizo. Kugira ngo ubushakashatsi bwabo bugende neza, umwarimu arangira abanyeshuri ibitabo bakwifashisha mu nzu y'isomero ndetse akanabaha ibindi bibazo bibayobora mu bushakashatsi bwabo kugira ngo bashobore gukora ubushakashatsi bwimbitse. Umwarimu abaha igihe, cyagera akabasaba kumurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo.

4.1.3. Kumurika ibyavuye mu bushakashatsi

Ubushakashatsi bwabo bukorerwa mu ishuri cyangwa mu isomero.

Kumurika ibyavuye mu matsinda bikorwa nk'uko byakozwe mu yindi myitozo ikorerwa mu matsinda.

4.2. Imbonezamasomo yo kwigisha isomo ry'ubuvanganzo

Iyo higishwa isomo ry'ubuvanganzo, umwarimu agomba guca mu ntera eshatu z'ingenzi.

4.2.1. Intangiriro

Mu mwinjizo, umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma bitegereza imiterere y'umwandiko w'ubuvanganzo. Akabasaba gutahura inshoza n'uturango byawo. Iyo ari indi ngeri ishobora gutahurwa nk'ibisakuzo cyangwa imigani migufi, agenda abigaragaza ku buryo bwihariye agasaba abanyeshuri kwitegereza imiterere yabyo kugira ngo batahure inshoza n'uturango byabyo.

4.2.2. Gusesengura

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora ubushakashatsi ku bibazo byatanzwe ku nteruro cyangwa ku gika bivugwa mu mwinjizo. Kugira ngo ubushakashatsi bwabo bugende neza, umwarimu arangira abanyeshuri ibitabo bakwifashisha mu nzu y'isomero ndetse akanabaha ibindi bibazo bibayobora mu bushakashatsi bwabo kugira ngo bashobore gukora ubushakashatsi bwimbitse. Umwarimu abaha igihe, cyagera akabasaba kumurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo.

4.2.3. Kumurika ibyavuye mu bushakashatsi

Ubushakashatsi bwabo bukorerwa mu ishuri cyangwa mu isomero. Kumurika ibyavuye mu matsinda bikorwa nk'uko byakozwe mu yindi myitozo ikorerwa mu matsinda.

Ikitonderwa

Hari ubundi bumenyi bw'ururimi butavuzwe muri ibyo bice bufite imbonezamasomo yihariye. Muri bwo twavuga nk'imyandikire y'ururimi, guhanga, gutondagura umuvugo no gukina bigana n'ibindi.

Iyo ari uguhanga, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma ikibazo kijyanye no guhanga kiri mu bitabo byabo kikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo. Iki kibazo akibaha nk'umukoro. Umukoro ushobora gukorerwa mu matsinda cyangwa gukorwa n'umunyeshuri ku giti ke. Umwarimu abaha igihe cyo kubikora cyagera bagakosorera hamwe igihangano mu matsinda buri tsinda rikagaragaza uko ribona igihangano ryasomye. Umwarimu agenda akosora agaragariza buri tsinda cyangwa buri wese ibitagenda neza mu bihangano byakozwe.

Iyo ari ugukina bigana, umwarimu abanza gusobanurira abanyeshuri imiterere ya bamwe mu bakina nkuru basabwa kwigana, akabasaba gukina babigana. Umwarimu agenda abakosora kugeza igihe bagereye ku byo basabwa kwerekana imbere ya bagenzi babo.

Iyo ari ugutondagura umuvugo, umwarimu abanza kuwubasomera agenda agaragaza isesekaza n'imbamutima. Iyo ibyo birangiye, umwarimu abasaba kubyitoza agenda abakosora, hanyuma akabasaba gutondagura umuvugo bagaragaza isesekaza, imbamutima

UMUTWE WA MBERE A
UMUCO NYARWANDA

1A

Umubare w'amasomo : 16

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gusesengura umwandiko, kugaragaza ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda no gusesengura umugani muremure, insigamigani n'imigani migufi.

Ubushobozi shingiro: Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe agomba kuba azi inshoza y'umwandiko.

Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho

Uburinganire n'ubwuzuzanye no kwita ku bidukikije: Mu bibazo byo gusesengura umwandiko harimo ikibazo kigusha kuri izo ngingo zombi. Umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo abanyeshuri bazisobanukirwe.

Uburyo bwo kwinjira mu isomo:

Abanyeshuri ubwabo ni bo bagomba kwivumburira ibyo bagiye kwiga, bahereye ku mashusho, ku kaganiro cyangwa udukino twateguwe mu ivumburamatsiko. Umwarimu agenda abayobora, ababaza ibibazo, kandi akabafasha kunonosora ibisubizo batanga ku buryo bibaganisha ku cyo bagiye kwiga.

Urutonde rw'ibice bigize umutwe wa mbere n'umubare w'amasomo

Umutwe wa mbere A: Umuco nyarwanda **Umubare w'amasomo 16**		
Ibice	Intego rusange	Umubare w'masomo
Umwandiko: Ugira ineza ukayisanga imbere		
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko	Gusobanura indangagaciro z'umuco nyarwanda.	Amasomo 2
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko	Gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Igice cya gatatu: Umugani muremure	Gusesengura umugani.	Amasomo 2
Igice cya kane: Ubuvanganzo bwo muri rubanda	Gusesengura ubuvanganzo bwo muri rubanda.	Amasomo 2
Umwandiko: Kami ka muntu ni umutima we		
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko	Gusobanura indangagaciro z'umuco nyarwanda.	Amasomo 2
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko	Gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Igice cya gatatu: Insigamigani	Gusesengura insigamigani	Amasomo 2
Igice cya kane: Imigani migufi	Gusesenguraimigani migufi.	Amasomo 2
Isuzuma risoza umutwe		**Amasomo 2**

Umwandiko: Ugira ineza ukayisanga imbere

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 2)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora: – Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa – Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko – Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse – Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko w'insigamigani, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma akababazaho ibibazo biganisha kuri uwo mwandiko.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo.

Urugero rw'ibyavamu matsinda

I. Ibibazo n'ibisubizo ku nyunguramagambo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 5)

1. Uzuza mu ruhushya A amagambo yakoreshejwe mu mwandiko afite ibisobanuro mu ruhushya B.

A	B
Muzakome inkanda	Muzigane ababyeyi banyu.
Imbonera	Umuntu w'inyangamugayo, abantu batangaho urugero
Ngo arite mu gutwi	Akimara kumva ijambo avuze.
Aranzika	Atangira kuvuga.
Kugimbuka	Gukura uva mu bwana ugana mu busore cyangwa mu bukumi.
Mu bwangavu	Mu kigero k'imyaka iri hagati y'ikenda na cumi n'ine ku mwana w'umukobwa.
Mu bugimbi	Mu kigero k'imyaka hagati ya cumi n'itatu na cumi n'itandatu ku mwana w'umuhungu.
Ikibirima	Ubwoko bw'imbeba iba mu rubingo.

2. Simbuza amagambo atsindagiye ayo bihuje inyito ukuye mu mwandiko.

a) Umugore wa Bagabobarabona yari **afite inda** akeneye kurya imbonekarimwe. (yari atwite)

b) Mbere yo **kubyara** Muka Bagabobarabona yari yarahuzwe ibiribwa byose. (kwibaruka)

c) Umuhigi **arekura imbwa** ze ajya mu ishyamba guhiga. (ashumukura)

d) Bagabobarabona **ayikura mu mutego** irigendera. (arayitegura)

Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 6)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora: – Gutahura ingingo z'amateka n'ingingo z'indangamuco ziri mu mwandiko. – Kugaragaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko. – Guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa.....

Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko

a) Tanga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigaragara mu mwandiko wasomye.

- Umuco wo gutarama bya kinyarwanda
- Umuco wo gushyikirana n'urubyaro
- Ingeso za bamwe mu bana basuzugura
- Umuco wo kwiteganyiriza ejo hazaza
- Umuco mwiza wo kwisubiraho

b) Garagaza ingingo zijyanye n'umuco usanga mu mwandiko.

- Ingingo zijyanye n'umuco: ababyeyi bataramana n'abana babo, kubahana, gufashanya, guharanira kurwanya icyagirira nabi abandi.

c) Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko ku bijyanye n'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ndetse no kubungabunga ibidukikije?

- Abanyarwanda bakundaga gutaramana n'abana babo, bityo muri iki gihe dusiganwa n'ikoranabuhanga, biradusaba gufata akanya ko gutarama n'abana bacu tubigisha indangagaciro z'umuco wacu, tukanaboneraho kubibutsa kwita ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye aho guhugira kuri mudasobwa na murandasi gusa.

- Guca imigani ku manywa ntibyemewe kuko bishobora kudindiza umurimo.
- Umuco wo gutabarana, gufashanya no kubahana ni ngombwa kuwukomeraho.
- Nta muntu wemerewe guhiga inyamaswa atabiherewe uburenganzira n'urwego rubishinzwe kugira ngo atangiza ibidukikije.

Igice cya gatatu: Umugani muremure

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku urupapuro rwa 6)

Intego zihariye
1. Gusobanura inshoza y'umugani muremure. 2. Gutahura uturango tw'umugani muremure.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusubira mu mwandiko basomye, bitegereza imiterere yawo, uko utangira, uko usoza, ibivugwamo maze abasabe gutahura inshoza n'uturango byawo.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda.

Umwitozo n'uko wakorwa

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 7)

Shaka undi mugani muremure hanyuma uwucire bagenzi bawe.

Umwarimu akurikirana uko abanyeshuri baca imigani akayikorera ubugororangingo aho biri ngombwa.

Umwitozo nzamurabushobozi

1. **Vuga muri make ibiranga umugani muremure.** (Umugani muremure urangwa n'ibintu usanga bidashoboka mu buzima busanzwe n'amakabyankuru kandi ukarangwa n'amagambo awutangira: Kera habayeho ugasozwa na si nge wahera hahera…)

2. **Ni irihe somo wakuye mu mugani wa Bagabobarabona n'ikibirima**. Isomo nyamukuru ni uko iyo iteka ugize neza, iyo neza irakugarukira, urayiturwa. Gira so yiturwa indi, ineza iratinda ntihera.

Umwitozo nyagurabushobozi

1. **Byari umuziro guca umugani muremure ku manywa. Uwuciye ngo yashoboraga guhinduka umuserebanya cyangwa akaba yamera igihaza ku mutwe. Ese ibi bifite ishingiro ? Sobanura.**

   Nta shingiro bifite ariko bifite icyo byigisha. Ku manywa ni igihe cy'umurimo, guterura ikiganiro cyangwa guca umugani abandi bakora byashoboraga kudindiza igikorwa barimo.

2. **Kwiga imigani miremire ubona byungura iki umuryango nyarwanda ? Ese ubona ari ngombwa ko tuyiga muri iki gihe? Sobanura.**

   Kwiga imigani miremire ni byiza. Imigani ikubiyemo inama zitandukanye kandi mu migani tumenyeramo imitekerereze n'imikorere y'aba kera : ibibazo bahuraga na byo n'uko babikemuraga, ibyiza bahuraga na byo n'uko babyishimiraga… Muri iki gihe ni byiza kwiga imigani, iduha kumenya ishusho y'abavandimwe bacu babayeho mbere yacu.

Igice cya kane: Ubuvanganzo bwo muri rubanda

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku urupapuro rwa 7)

Intego zihariye
1. Gusobanura inshoza y'ubuvanganzo bwo muri rubanda. 2. Kurondora ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma igika yatanze, akakibazaho ibibazo bigusha ku buvanganzo bwo muri rubanda.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda.

Umwitozo n'ibisubizo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 10)

Vuga mu magambo yawe bwite ibiranga ubuvanganzo bwo muri rubanda.

Ibiranga ubuvanganzo bwo muri rubanda: ubuvanganzo bwo muri rubanda ntiwamenya uwabuhimbye; usanga bwarabaye gikwira kandi bwaragiye bubera muri rubanda rwo hasi. Ubuvanganzo bwo muri rubanda bukubiyemo inyigisho zo mu buzima bwacu bwa buri munsi. Ubuvanganzo bwo muri rubanda budufasha kujora imiryango tubamo, kwidagadura.

Umwitozo nzamurabushobozi

Rondora nibura imyuga itanu y'Abanyarwanda, uvuge n'ingeri z'ubuvanganzo zishamikiyeho. Urugero : Guhinga (ibyidogo)

Umwarimu areba niba imyuga abanyeshuri barondoye bayihuje n'ingeri y'ubuvanganzo bwayo.

Umwitozo nyagurabushobozi

1. Himba urwenya urubwire bagenzi bawe.
2. Tanga nibura ibisakuzo bitanu unagaragaze uburyo babyica.

Umwarimu areba ko ibisubizo abanyeshuri batanze binoze, cyanecyane akagenzura ko igisakuzo cyangwa urwenya ntawe bibangamiye.

Umwandiko: Kami ka muntu ni umutima we

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 13)

Intego zihariye
1. Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora: 2. Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. 3. Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko. 4. Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. 5. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko w'insigamigani, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma akababazaho ibibazo biganisha kuri uwo mwandiko.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 13.

I. Ibibazo n'ibisubizo by'inyunguramagambo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 13)

1. Sobanura amagambo akurikira ukurikije ibisobanuro afite mu mwandiko.

a) **Umukobwa: (umukôobwâ)**: umunyiginya wo mu muryango ukomoka kuri Mukobwa(Mukoobwâ) wa Ndoba

b) **Umupfumu**: umuntu uragura

c) **Kugisha:** kwiherera k'umupfumu agashaka indagu

d) **Kwarama:** gufata igihe cyo kuruhuka by'umugore ukuriwe cyane ategereje kubyara

e) **Urwaho**: akanya ko gukora iki n'iki (guca/kubona urwaho: kuba ubonye akanya ko gukora iki n'iki

f) **Gufumyamo:** kwiruka

g) **Gukeza**: gusaba ubuhake

h) **Kwikota:** kwikuba ahantu kenshi utahava

i) **Kujumarirwa:** kuba uri aho usa n'uwumiwe

i) **Gutona:** gukundwa cyangwa kurebwa neza n'umuntu uguhatse cyangwa ugutegeka

k) **Abagaragu b'irimenanda**: abagaragu b'inshuti z'inkoramutima (akadasohoka)

l) **Gucumbira:** kugirira uruhare

m) **Kunyagwa:** kwamburwa inka wari waragabiwe n'uguhatse

2. Uzuza kandi ukosore aho bishoboka izi nteruro ukoresheje amagambo akurikira dusanga mu mwandiko: kunyaga, gufumyamo, kwarama, gukeza, urwaho

a)Baravuga ngo: "Ntawukeza abami babiri."

b)Umujura aguciye urwaho yakwiba.

c)Kera uwitwaraga nabi ibwami bashoboraga kumunyaga.

d)Ubu ababyeyi bajya kwarama kwa muganga.

e)Kariza yikanze abajura bamukurikiye maze afumyamo ariruka.

3. Tanga izindi nyito z'aya magambo zitakoreshejwe mu mwandiko

a)Kwera

- Kuba imyaka igejeje igihe k'isarurwa.
- Kurumbuka.
- Kuba mwinshi k'umusatsi kandi utitaweho.
- Kuba ikintu gishizeho umwanda igihe bacyoza cyangwa bakimesa.
- Kugira ibara risa n'amata.
- Kutagira inenge ku mutima cyangwa kutarangwaho icyaha iki n'iki.
- Gukora imihango yo kurangiza kwirabura by'abapfushije umuntu.
- Guhanga amenyo by'umwana.

b)Kugisha

- Kwimuka kw'inka zidafite ubwatsi zikajya kurishiriza aho buri.
- Ijambo ryo kubaha rivuga kuba mu butize by'igisabo cyangwa by'inkongoro.

II. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 13)

Subiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko.

1. **Iyi nkuru yabaye mu kihe kinyejana? Aho yabereye ubu ni mu kahe Karere k'u Rwanda? Mu yihe Ntara**?
   Iyi nkuru yabaye mu kinyejana cya 15. Aho yabereye ubu ni mu Karere ka Huye, Intara y'Amajyepfo.

2. **Ni irihe zina ry'ubwami rya Mibambwe Sekarongoro?**
   Izina ry'ubwami rya Sekarongoro ni Mibambwe I.

3. **Muhangu yari muntu ki? Byamugendekeye bite kugira ngo ave mu Rwanda?** Muhangu yari umwe mu bapfumu b'abatoni b'umwami. Ni uko aho yari yemeje ko umugore w'umwami azabyarira bitagenze neza yaguyeyo bituma bagenzi be bamurega ko ari we watumye apfa amwohereza kubyarira aho atereje, nuko agira ubwoba ko umwami yamugirira nabi, arahunga.

4. **Abana ba Muhangu bazize ubusa. Ni byo cyangwa si byo?**
   Sobanura. Ni byo abana ba Muhangu bazize ubusa kubera ko hakosheje mukuru wabo wakubaganyije umugore bituma na barumuna be bose babizira baranyagwa. Hagombaga guhanwa nyiri icyaha kuko icyaha ari gatozi.

5. **Murumva Muhangu yarashakaga kuvuga iki abwira abana be ko "Kami ka muntu ari umutima we?"**
   Muhangu yashakaga kugira inama abana be yo kumvira umutima nama wabo, kuko ari wo mwami muto kandi iyo utabashije kuwumvira ngo ukore ibikwiye, na wa mwami uhatsweho mudashobokana.

6. **Ni iki cyabaye ku bana ba Muhangu amaze gupfa?**
   Ese bubahirije inama za se? Muhangu amaze gupfa, umuhungu we mukuru yakubaganyije umugore w'umwami w'i Burundi barabimenya bimuviramo gufatwa arabohwa ndetse baramunyaga. Ntibyaciriye aho kandi, na barumuna be bose baranyazwe.

Ntabwo bubahirije inama za se, kuko iyo baza kuzubahiriza bari kumvira umutima nama wabo bakitwararika ntibagere aho kunyagwa bazira ubukubaganyi bwabo.

Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 14)

Intego zihariye
– Gutahura ingingo z'amateka n'ingingo z'indangamuco ziri mu mwandiko. – Kugaragaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko. – Guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri **urupapuro rwa .**

Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku urupapuro rwa 10)

1. Garagaza ingingo z'amateka n'iz'indangamuco ziri muri uyu mwandiko.

Ingingo z'amateka

- Muri uyu mwandiko haravugwamo umwami Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi I.
- Haravugwamo kandi tumwe mu turere twa kera nk'Imvejuru, Cyambwe, Bitagata n'utundi.

Ingingo z'indangamuco

- Kuragura
- Ubumuntu n'ubuntu
- Kujya inama
- Kunga ubumwe
- Gukunda umurimo
- Kwanga umugayo

2. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi

- Igihe n'ingoma umugani « Kami ka muntu ni umutima we » wadukiyeho.
- Uko Muhangu yari afashwe ibwami n'icyo yakoraga.
- Umwami ategeka abapfumu be kugisha ngo bereze aho umugore we azabyarira.
- Umwami afata ikemezo cyo kohereza umugore we kubyarira aho Muhangu yereje.
- Muka Mibambwe apfa maze abapfumu bakabona urwaho rwo kurega mugenzi wabo Muhangu ko ariwe azize.
- Inkuru igera kuri Muhangu iwe mu Mvejuru agafata ikemezo cyo gutorokera i Burundi we n'umuryango we.
- Muhangu agira abana be inama y'uko bagomba kwitwara ibwami.

Ingingo z'ingereka

- Urupfu rwa Muhangu
- Muhangu akeza umwami w'i Burundi ndetse akahabera umutoni.
- Ikubagana ry'umuhungu wa Muhangu n'inyagwa ry'abana be bose.

3. Subira mu mwandiko mu magambo yawe bwite, ugereranye ibyo wasomye n'ubuzima bwa buri munsi.

Umwarimu areba niba umunyeshuri yavuze muri rusange ibivugwa mu mwandiko anabihuza n'ubuzima busanzwe.

Igice cya gatatu: Insigamigani

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku urupapuro rwa 14)

Intego zihariye
1. Gusobanura inshoza y'insigamigani. 2. Gutahura uturango tw'insigamigani.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusubira mu mwandiko basomye, bitegereza imiterere yawo, uko utangira, uko usoza, ibivugwamo maze abasabe gutahura inshoza n'uturango byawo.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda.

Umwitozo n'igisubizo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 15)

Tandukanya insigamigani nyiri izina n'umugani muremure.

Umugani muremure n'insigamigani byombi ni inkuru ariko zitari ku rwego rumwe.

Insigamigani nyiri izina	Umugani muremure
Itangira bavuga inkomoko y'uwo mugani	Utangirwa na kera habayeho
Ivuga ibishoboka mu buzima busanzwe	Uvuga ibishodaboka mu buzima budasanzwe
Ivuga ibyabayeho ku bantu bazwi, mu gihe kizwi	Uvuga ibitarabayeho ku bantu batabayeho, mu gihe kitazwi
Ivuga igitekerezo gifatika ku kintu cyakozwe/cyavuzwe n'umuntu bigafatirwaho iciro ry'umugani	Uvuga ibitekerezo by'ibihimbano.
Isoza batanga igisobanuro cy'uwo mugani.	Usozwa na si nge wahera hahera umugani/ikindi kintu.

Umwitozo nzamurabushobozi

a) Wifashishije ingero, tandukanya imvano y'umugani mugufi n'umugenuzi w'umugani.

Imvano y'umugani mugufi: Ni umuntu uba warakoze igikorwa kikamwitirirwa kigasigara cyarahindutse umugani. Akenshi muri uwo mugani haba hanagaragaramo izina ry'uwo muntu.

Ingero: yarezwe bajeyi, yariye karungu, yagiye kwangara, yigize syori…

Umugenuzi w'umugani: ni umuntu uba waravuze amagambo agahinduka umugani n'ubu ugikoreshwa.

b) Ni ayahe moko y'insigamigani? Yatandukanye.

Insigamigani nyiri izina: ni iz'abantu bazwi neza amavu n'amajyo ku buryo abantu bemeye kwigana imigirire yabo mu mvugo ya buri gihe; bigahinduka inyigisho y'ihame.

Insigamigani nyitiriro: Ni ibindi rubanda baba baragenuriyeho bakabigira iciro ry'imigani ariko atari byo byabivuze cyangwa se byabikoze. Aha dusangamo nk'inyamaswa, inyoni…

Ingero: Impyisi iti: "Kuvuga ni ugutaruka".

Inyombya iti: "Mbateye akari aha kajya he ?".

Hari ubundi bushakashatsi bufata insigamigani nyitiriro nk'indi ngeri y'ubuvanganzo yihariye bakayita "Rukinamubikomeye".

Umwitozo nyagurabushobozi

Mu mirongo itarenze cumi n'itanu vuga isomo wakuye mu nsigamigani "Kami ka muntu ni umutima we" unavuge impamvu ari ngombwa kwiga insigamigani.

Umwarimu areba ibyo abanyeshuri bakoze akabafasha kubinoza.

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri umukoro w'ubushakashatsi bazakorera mu rugo cyangwa mu isomero, ukazakosorerwa mu ishuri mbere yo gutangira irindi somo.

Umukoro (Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 15)

Buri wese azage mu isomero ryaba iryo ku ishuri cyangwa irindi rimwegereye, asome insigamigani yindi iboneka mu bitabo binyuranye azaze ayisobanurire abandi.

Umwarimu areba niba ibisubizo byatanzwe ari byo.

Igice cya kane: Imigani migufi

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku urupapuro rwa 16)

Intego zihariye
– Gusobanura inshoza y'imigani migufi. – Kugaragaza imiterere n'uturango by'imigani migufi. – Gutahura inkomoko y'imigani migufi.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza imvugo zitsindagiye mu mwandiko bamaze gusoma hanyuma akabasaba gutahura inshoza yazo, imiterere yazo, no gukora ubushakashatsi ku nkomoko ya bene izo mvugo.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda .

Umwitozo n'ibisubizo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 19)

1. Ni uwuhe mugani w'umugenurano uhuye n'imyitwarire y'abantu bavugwa mu nteruro zikurikira ?

a) Kagabo na Nyiraneza barashakanye kandi bahora mu makimbirane adashira bitewe n'uko iyo umwe ateye hejuru n'undi ahita amusubiza bityo bikarangira barwanye.

Umugani w'umugenurano uhuye n'imyitwarire yabo, ni **ururimi rwoshywa n'urundi.**

b) Gatara akunda gusuzugura iby'abandi basubije mu ishuri akumva ko ibye ari byo bizima ko nta wundi wagira icyo asubiza. Bikarangira nyuma yo gukosorwa ari we ubonye amanota make. Umugani namucira ni **Utazi ubwenge ashima ubwe.**

c) Nzerura ni umugabo utagira akazi ariko iyo abandi bavuye ku kazi bagahitira mu kabari barimo banywa abicaramo agasengera none ibintu bimushizeho. umuganinamucira ni **Ingendo y'undi iravuna/ Wigana inzoka kugenda ugakoboka inda.**

2. Soma inkuru ikurikira hanyuma usubize ibibazo byayibajijweho.

Karekezi akora akazi k'ubuganga kandi abarwayi bamukundira uko abitaho. Ku bitaro aho akorera haje umugabo uje kuhivuriza amubwira ko areka akazi akaza bakajyana akamuha akazi ko kumuyoborera ivuriro. Yamubwiye ko kugira ngo amujyane abanza kumuha amafaranga ibihumbi ijana yo kumushakiramo ibyangombwa. Yahise asezera akazi ajya gushaka uwo mugabo. Ajya mu mugi kumureba. Agize ngo aramuhamagara kuri terefoni nimero ye ntiboneke. Aramanjirirwa, agarutse ku kazi asanga bamaze kumusimbuza undi.

a) Ni uwuhe mugani wacira umuntu umeze nka Karekezi wirukankira ibihita byose akitesha amahirwe yari afite? **Yabonye isha itamba ata n'urwo yari yambaye (Ubona isha itamba ugata n'urwo wari wambaye)**.

b) Ni uwuhe mugani wacira umuntu umeze nka Karekezi umwereka ko iyo wihutiye gukora ibintu utatekereje bikubyarira ingaruka mbi? **Iyihuse ibyara ibihumye. Buhorobuhoro ni rwo rugendo**

c) Gira inama Karekezi mu mugani mugufi umubwira ko akwiye kujya agisha inama abandi ko ibitekerezo bye wenyine byamuroha. **Umutwe umwe wifasha gusara ntiwifasha gutekereza . Inkingi imwe ntigera inzu.**

3. Shaka umugani w'umugenurano uhura n'ibi bisobanuro bikurikira.

a) Iminsi uyiteganyiriza hakiri kare, ukibishoboye, ibintu wazigamye bikazagutunga utakishoboye n'inshuti washatse zikazagufasha umaze gusaza cyangwa wamugaye. **Agakoni k'iminsi gacibwa kare kakabikwa kure. Iteme umugabo azambuka aritinda agitunze.**

b) Ntawukwiye kwishimira ibyago by'undi n'aho yaba ari umwanzi we kuko na we bishobora kumugeraho. **Inkoni ikubise mukeba uyirenza urugo /Umugabo mbwa aseka imbohe.**

c) Ubwuzu n'ubuntu bw'ugukunda bumugaragaraho akikubona, ntatindiganya kukwakira neza, aguhorana ku mutima n'iyo ufite ibyago abigufashamo utabimusabye. **Amaboko azaguha uyabonera mu iramukanya /Umutima w'umukunzi uba hafi nk'irembo.**

d) Umurimo udakora wibwira ko woroshye, ukagaya abawukora ngo nta cyo bamaze kandi ubakomereye koko. Umuntu ananirwa kugira icyo akurusha, ariko ntananirwa kujora icyo abandi bakoze. **Utabusya abwita ubumera.**

e) Kwiharira ibyo utunze ntusangire n'inshuti utazi icyo iminsi iguteze. **Wishimira gusomera hato ukarumanga.**

4. Guhanga umwandiko

Hanga umwandiko, ufite intangiriro, igihimba n'umusozo ku nsanganyamatsiko ushaka. Muri uwo mwandiko hagaragaremo nibura imigani itanu migufi (y'imigenurano).

Aha umwarimu areba uburyo umunyeshuri yakoresheje imigani migufi ntiyita ku mbata y'umwandiko.

Umwitozo nzamurabushobozi

1. Wifashishije ingero, tanga igisobanuro cy'umugani mugufi.

Imigani migufi ni imvugo ngufi ziba zarahimbiwe kwigisha cyangwa gutanga impanuro mu buryo bw'amarenga.

Urugero: Igiti kigororwa kikiri gito

Uyu mugani bawuca bibutsa ababyeyi ko umubyeyi nyawe arera umwana we akamuhana atararenga ihaniro. Umwana agomba gutozwa imico myiza akiri muto.

2. Tanga ingero ebyiri z'imigani migufi wihitiyemo uyisobanure utange urugero rw'igihe wayikoreshereza.

Umwarimu areba ko iyo migani ibiri umunyeshuri yitangiye yayisobanuye akurikije imiterere (Uburyo bwa kamere n'uburyo bw'amarenga), n'inkomoko (ikomoka ku migani miremire, ku mateka cyangwa se itagira aho ikomoka) byayo.

Umwitozo nyagurabushobozi

Tahura imigani migufi iri mu mwandiko ukurikira hanyuma uyishakire ibisobanuro.

Iwacu mu rugo

Iwacu data iyo atashye araduhamagara ati : « Bana ba, utaganiriye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze.» Akatugira inama zijyana n'umuco wacu, amateka n'ibindi. Atwibutsa ko ukurusha umugore akurusha urugo, ko ari amahirwe kuba afite umufasha nka mama bituma baruta benshi duturanye. Kandi ko isuku igira isoko ko tugomba gutera ikirenge mu cyabo. Agakomeza ati: « Bana ba, burya umwana apfa mu iterura kandi igiti kigororwa kikiri gito, ni yo mpamvu mukwiye kumva izi nama kuko utumviye se na nyina yumvira ijeri. Muzarangwe n'imico myiza, mugire neza aho muri hose kuko ugira ineza ukayisanga imbere akaba ari yo mpamvu mugomba kujya inama mukubahana, kuko abagiye inama Imana irabasanga.

Imigani iri mu mwandiko

1.Utaganiriye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze

Ugomba gutega amatwi ababyeyi bawe kugira ngo umenye inama z'abakurambere.

2.Ukurusha umugore akurusha urugo

Ufite umugore bajya inama akamubera umutima w'urugo bityo bagatera imbere kurusha urugo rurangwa n'amacakubiri. Uyu mugani werekana ko hagomba kubaho uburinganire n'ubwuzuzamye mu rugo bityo bagatera imbere.

3.Isuku igira isoko

Ikintu kiza cyose kigira aho gikomoka. Imyitwarire myiza abana bayica ku babyeyi babo.

4.Umwana apfa mu iterura

Uburere uhaye umwana kuva akivuka ni bwo akurana. Ni kimwe n'uvuga ngo: « Igiti kigororwa kikiri gito ».

5.Igiti kigororwa kikiri gito

Uyu mugani bawuca bibutsa ababyeyi ko umubyeyi nyawe arera umwana we akamuhana atararenga ihaniro. Umwana agomba gutozwa imico myiza akiri muto.

6.Utumviye se na nyina yumvira ijeri

Uyu mugani bawucira ku muntu bamugira inama ko iyo utumviye ababyeyi uhura n'ingaruka zikomeye mu buzima bwawe. Ko ari ngombwa rero gukurikiza inama nziza ugirwa n'ababyeyi cyangwa abakuruta.

7.Ugira ineza ukayisanga imbere

Uyu mugani bawucira umuntu ko agomba kugira neza kuko iyo ukora neza uramenyekana ndetse ukagirirwa neza n'abandi cyangwa uwo wayigiriye neza akayikwitura.

8.Abagiye inama Imana irabasanga

Uyu mugani bawuca babwira abantu ko gushyira hamwe ari byo bakesha guhirwa kandi ko Imana ikunda abatarangwa n'inzangano n'amacakubiri.

Inshamake y'umutwe wa mbere A

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa mbere bityo bikabafasha gukora inshamake. Urugero rw'inshamake bakora:

- banyarwanda bari bafite umuco mwiza wo gutarama.
- Hari ingeri nyinshi z'ubuvanganzo bwo muri rubanda: imigani miremire, ibisakuzo, amasare, amagorane, amavumvu, amahigi, insigamigani, imigani migufi n'izindi.
- Umugani muremure ni imwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda, yuje mo ibintu usanga bidashoboka mu buzima busanzwe n'amakabyankuru. Igaragaramo inkuru rubanda bahimba kugira ngo bashimishe abayumva cyangwa se ngo bigire icyo byigisha.

- Insigamigani ni ingeri y'ubuvanganzo bwo muri rubanda zikubiyemo ibitekerezo bifatiye ku muntu wakoze ikintu iki n'iki cyangwa se ikintu cyabaye mu gihe runaka bigahinduka iciro ry'umugani n'ubu ugikoreshwa. Ishobora kuba kandi iyo mvugo ubwayo cyangwa icyo yakomotseho.
- Imigani migufi ni imvugo ziba zarahimbiwe kwigisha cyangwa gutanga impanuro ku bantu.Umugani mugufi ni umwanzuro w'amarenga y'intekerezo ukoreshwa nk'inshamake y'umugani muremure maze uwubwiwe akawumva mu mvugo ishushanya kandi igenura, ari na yo mpamvu imigani migufi banayita imigani y'imigenurano.
- Ubumenyi bw'inyongera

a) Ingero z'imigani migufi

Agahwa kari ku wundi karahandurika: iyo ikibazo kiri ku wundi muntu ubona cyoroshye.

Agahuru gakomeye kiyima umupfu : kera amarimbi atarabaho, abantu bahambaga mu mashyamba. Ni na yo nkomoko y'imvugo bagira bati: «Tuvuye mu ishyamba» baba bashaka kuvuga ko bavuye guhamba. Bawucira ku muntu ugira umushiha, n'uwari kumugirira neza ntatinyuke kumwegera kubera ko ari Rutemanyi.

Agapfa kaburiwe ni impongo : umuntu uzi ubwenge baramuburira mu marenga akamenya icyo bamubwiye.

Igiti kigororwa kikiri gito : umwana atozwa imico myiza akiri muto

Akebo kajya iwa Mugarura ; gira so yiturwa indi ; ineza yiturwa indi : iyo umuntu agize neza, iyo neza iramugarukira.

Nyiramugwaneza yakamye imbogo atayijishe ; Uwitonze akama ishashi; uciye bugufi ahinga itongo ry'inkuba ; uwitonze amira ibinoze : iyo muntu akoze ibintu bye yitonze biratungana.

Imandwa y'inda ibandwa bose: Ubwenge bw'inda buzwi na bose, ntawe wabona udakorera inda, n'udakoresha amaboko akoresha ubundi buryo.

Inkuru mbarirano iratuba: Amagambo y'uruhererekane kenshi nta kuri kubamo, kuko bayavuga bongeramo cyangwa bagabanya, ukuri kwayo kugahinduka, ugasanga yabaye ibinyoma kandi bitari byo.

Akabaye icwende ntikoga : Umunyangeso mbi ntayicikaho, iramwokama

Agahuru gakomeye kiyima umupfu : Kera amarimbi atarabaho, abantu bahambaga mu mashyamba. Ni na yo nkomoko y'imvugo bagira bati: «Tuvuye mu ishyamba» baba bashaka kuvuga ko bavuye guhamba. Bawucira ku muntu ugira umushiha, n'uwari kumugirira neza ntatinyuke kumwegera kubera ko ari Rutemanyi.

b) Ingero z'ibisakuzo

Igisakuzo	Igisubizo
Abakobwa bange babyina bose.	Imirya y'inanga
Abakobwa bange bikwije impindu bose.	Imirizo y'imbeba
Abakobwa beza baranaga amajosi.	Imigondoro y'ibishyimbo
Abana bange biyuhagiye ku ngoma ya Rwogera n'ubu ntibarandura	Inyange
Nararanye n'inyamaswa bukeye mbura amajanja.	Ijoro
Abana bange ndabasasira ntibaryame.	Ikawa
Abana bange barara bahagaze bwacya bakaryama.	Imyugariro
Baguha akabando urwaye iki?	Ibikoro
Fata akebo mfate akandi tuge gutara akatagwira.	Ubwoya bw'inka
Hagarara hakurya mpagarare hakuno turate abeza.	Amenyo
Fata utwangushye tuge kuvoma ku iriba ridakama.	Ishuri
Icwende ryange ribaye kure mba ngukoreyemo.	Ukwezi
Akayuriyuri ka Ntibazirikana inshuti y'urupfu.	Ibitotsi
Havamo umwe ntitwarya.	Ishyiga
Imbuga naharuye ku ngoma ya Gahindiro ntirameraho ibyatsi.	Ikiganza
Cyasamye kitaryana	Ikizu kitagira abantu
Zagarika amahembe ntiwamenya iyo nyoko yakowe.	Ingara z'iminyinya
Tubaye ibuzima zumye	Amabere y'inka
Utambonye ntiwava munzu	Umwambaro
Umwana wange yirirwa agenda akarara agenda.	Umugezi utemba
Zenguruka duhure	Umukandara

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa mbere A

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 21)

Ibigenderwaho mu isuzuma

Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko.

- Ubushobozi bwo kurondora ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda.
- Ubushobozi bwo gusesengura umugani muremure, insigamigani n'imigani migufi.

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iri suzuma ku giti cyabo, iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

I. Kumva no gusesengura umwandiko

Umaze gusoma umwandiko, subiza ibibazo bikurikira.

1. **Uyu mwandiko ni bwoko ki?** Sobanura impamvu. Uyu mwandiko ni insigamigani. Ufite amavu n'amajyo, abavugwamo barazwi, babayeho, ibikorwa byose n'igihe byabereye birazwi, nta makabyankuru agaragaramo.
2. **Mu mwaka wa 1800, u Rwanda rwayoborwaga na nde?** U Rwanda rwayoborwaga n'umwami witwa Yuhi Gahindiro.
3. Uretse Rukungugu, vuga andi mazina y'inzara uzi zayogoje u Rwanda uvuge n'icyaziteye.

Amazina y'inzara zayogoje u Rwanda n'icyagiye kizitera

IZINA RY'INZARA	ICYAGIYE KIYITERA
Rukungugu (1797-1830)	Izuba, umusaruro wabaye iyanga.
Ruyaga (1897-1903)	Inzige, imvura n'izuba
Gashogoro (1904)	Imvura, imyuzure
Kimwaramwara/Rwakabaga (1906)	Izuba mu Majyaruguru no mu Burengerazuba bw'Igihugu.
Rumanura/Rumanurimbaba (1917-1918)	Intambara ya Mbere y'Isi Yose
Gakwege/Ntunyanjweho (1924-1925)	Imirimo y'agahato y'ibihingwa ngengabukungu birimo ikawa n'ibireti. Ingaruka z'Intambara ya Mbere y'Isi Yose
Rwakayihura/Rwakayondo (1928-1929)	Izuba, imirimo y'agahato bahinga imyumbati n'ikawa.

Ruzagayura/Matemane (1943-1944)	Ingarukaz'Intambara ya Kabiri y'Isi Yose, imirimo y'agahato ku byo abaturage batazagiramo inyungu.
Rwabuyenge (1944-1947)	Ingaruka z'Intambara ya Kabiri y'Isi Yose, imirimo y'agahato ku byo abaturage batazagiramo inyungu.

4. Mu Gihugu hose bari bashonje pe! Byerekane.

Dore uko byari biteye: abaturage bari bashonje baturutse mu Buganza berekeza iy'Umutara, banyura mu Rukiga rwa Byumba, babuze icyo batora berekeza iy'Urukaryi; bahavuye bagana mu Bumbogo bwa Mbirima na Matovu bazi ko ho hagikanyakanya. Bayobewe, bambuka Nyabarongo berekeza ku Ndiza baruhuka bageze ku Ntenyo mu Marangara kwa Mirenge ari ho babonye amahaho.

5. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zikubiye mu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi:

- Icyateye inzara n'uturere yibasiye
- Uko abantu basuhutse
- Uko abashonji bakize inzara bageze kwa Mirenge

Ingingo z'ingereka:

- Uko abashonji bashatse kwiyahura bakabibuzwa n'abagore babo.
- Uko umukecuru wo mu Bumbogo yacumbikiye abashonji.

6. Garagaza ingingo z'umuco ziboneka mu mwandiko.

Ingingo z'umuco dusanga mu mwandiko:

- Gufungurira abagenzi.
- Gucumbikira abagenda.
- Kurangira abandi aho bashobora guhahira.

7. Wakemura ute ikibazo k'inzara mu buryo burambye? Tanga ingingo nibura eshanu.

Uburyo umuntu yakemura ikibazo k'inzara mu buryo burambye:

- Kurwanya ubunebwe.
- Guhinga kijyambere.
- Kurwanya isuri duca imiringoti n'amaterasi y'indinganire.
- Guhinga imbuto z'indobanure.
- Gutega amazi yo ku mazu akazakoreshwa buhira imyaka.
- Kuhira ibihingwa mu gihe k'izuba.

II. Inyunguramagambo

1. Huza ijambo ryavuye mu mwandiko riri mu ruhushya A n'igisobanuro cyaryo kiri mu ruhushya B.

A	B
1. Bahonda inguri	d) Barishwe n'inzara.
2. Amapfa aratera	c) Izuba riracana
3. Ibyanga	a) Ibintu by'amazi byereruka biva mu tubuto tumwe na tumwe tutarakomera, nk'amasaka, ibigori n'ibindi.
4. Guca inshuro	e) Gukora ugahembwa ibiribwa
5. Kugera ijoro	b) Kugenda ubyuka mu ijoro ucunga ko bucya

2. Uzuza interuro zikurikira wifashishije umwandiko n'ubushobozi bwawe bwite.

- Umuntu wakize cyane bavuga ko- **Yakize bya Mirenge ku Ntenyo.**
- Umuntu warushye cyane bavuga ko-**Yarushye uwa Kavuna.**

III. Ubuvanganzo

1. Tanga ingeri nibura eshanu z'ubuvanganzo bwo muri rubanda. Ingeri z'ubuvanganzo: imigani migufi, amahamba, amavumvu, amasare, amajuri, ibyidogo, ibitongero…

2. Tandukanya insigamigani nyiri izina n'umugani muremure.

INSIGAMIGANI	UMUGANI MUREMURE
Itangira bavuga inkomoko y'uwo mugani.	Utangirwa na kera habayeho.
Ivuga ibyabayeho ku bantu bazwi, mu gihe kizwi.	Uvuga ibitarabayeho mu gihe kitazwi.
Ivuga igitekerezo gifatika ku kintu cyakozwe/cyavuzwe n'umuntu bigafatirwaho iciro ry'umugani.	Ivuga ibitekerezo by'ibihimbano kandi ukarangwa n'ibintu usanga bidashoboka mu buzima busanzwe.
Isoza batanga igisobanuro cy'uwo mugani.	Usozwa na si nge wahera hahera umugani/ ikindi kintu.

3. Andika imigenurano ifatiye ku magambo: inzara, inshuro, amapfa, ijoro, dusanga mumwandiko unayisobanure muri make.

- **Inzara irashira ariko igihemu ntigishira:** inzara iribagirana iyo ubonye ibyo urya, ariko kuba warahemukiye abantu, ubwo buhemu ntibuzibagirana kabone naho waba utakiriho.
- **Inshuti iruta inshuro:** umuntu w'inshuti aba akurutira ibindi byose umuntu yakwibwira.

- Inshuti irakurya ikakumara: inshuti nta cyo uyima, musangira akabisi n'agahiye.
- **Inshuti uyibona mu byago**: umuvandimwe ugukunda ni ugutabaye mu kaga, ni ugufashije, ugutabaye igihe uri mu makuba.
- **Inshuti ya none yaguhishira ntiyaguhishiira:** inshuti ishobora kugufasha uko ishoboye ariko kugushyigikira mu makosa ikaba itabikora.
- **Imana itera amapfa itera n'aho bahahira:** Imana ituma habaho ibyago, iduha n'uko tuzabirwanya, n'abazatugoboka, abazatwereka uko tuzabyikuramo cyangwa uko tuzabirwanya. Ntidukwiye rero kwiheba igihe turi mu kaga.
- **Ijoro rimwe ribaga imbyeyi:** biroroshye cyane kugira ngo mu gihe gito ibintu bibe bihindutse, ntitugategereze kuzuza inshingano zacu tuzimurira ejo hazaza.
- **Ijoro ribara uwariraye:** ibyago bimenywa n'uwabigize cyangwa uwo byakozeho.

Umwarimu areba niba umunyeshuri yashoboye kubona nibura urugero rumwe kuri buri jambo.

Umwitozo nzamurabushobozi

Sobanura imigani ikurikira uvuge n'igihe bayicira

1) Intwari iboneka ruremye

Umugabo agaragara urugamba ruremye ni ho yerekanira ubutwari budasubira inyuma. Ubugabo bwo mu magambo ntibubura, ushimwa ubyerekanye.

2) Abahigi benshi bayobya imbwa uburari

Iyo abahigi ari benshi, umwe imbwa ayihamagara aha undi hariya, bityobityo, imbwa ikabura epfo na ruguru. Ubwo bataha amara masa. Mu bintu no mu bantu hagomba umutegeka umwe. Iyo babaye benshi ku mategeko amwe kandi bakavuguruzanya, nta gitungana. Uyu mugani uvuga ko abashyize hamwe batunganya ibyabo. Uwo mugani bawuca bagaya ababwiriza abandi gukora umurimo umwe, ariko muri ayo mabwiriza, umwe akavuguruza undi noneho abagomba gukora uwo murimo bakabura uwo bumvira n'uwo bareka.

3) Ababiri bajya inama baruta umunani urasana

Abake bahuje inama batsinda ababateye ari benshi badashyize hamwe. Nta bantu n'aho baba benshi bate, bashobora gukora ikintu ngo bagitunganye badahuje inama. Uyu mugani bawuca bagira inama umuntu wiharira kandi iyo ajya gufatanya n'abandi byajyaga gutungana bitamugoye, atarwanye.

Umwitozo nyagurabushobozi

1.Abantu bamwe bavuga ko dukwiye gusigasira umuco wa kera akaba ari wo utugenga, abandi na bo bakemeza ko dukwiye kujyana n'iterambere. Wowe urabivugaho iki?

Ibyiza biri mu muco karande tugomba kubisigasira. Tugomba kandi kwakira ibishya bikungahaza umuco wacu bidufasha kwiyungura mu bumenyi, mu mitekerereze bituma turushaho kuboneza imibereho yacu.

Muri iki gihe vuga ibintu ubona bishobora kwangiza umuco wacu.

- Hari ukwishora mu biyobyabwenge.
- Ibikorwa by'urukozasoni.
- Kwica nkana Ikinyarwanda.
- Kurenga kuri kirazira.

UMUTWE WA MBERE B
UMUCO NYARWANDA

1B

Umubare w'amasomo: 14

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gusesengura umwandiko uvuga ku muco wo kwita izina, guhanga umwandiko akurikije imbata yawo no gusesengura izina mbonera gakondo agaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi.

Ubushobozi shingiro

Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe imihango yakorwaga kera mu Rwanda, agomba kuba azi bumwe mu bwoko bw'imyandiko n'ubw'amagambo

Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho

- **Uburinganire n'ubwuzuzanye:** Umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe uburinganire n'ubwuzuzanye mu gihe bajya impaka ku nsanganyamatsiko ivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye.
- **Umuco w'ubuziranenge:** Umwarimu afasha abanyeshuri gusobanukirwa n'ubuziranenge igihe basubiza ikibazo cyo kumva umwandiko kivuga ku bijyanye n'ubuziranenge.

Uburyo bwo kwinjira mu isomo

Abanyeshuri ubwabo ni bo bagomba kwivumburira ibyo bagiye kwiga, bahereye ku mashusho, ku kaganiro cyangwa udukino twateguwe mu ivumburamatsiko. Umwarimu agenda abayobora, ababaza ibibazo, kandi akabafasha kunonosora ibisubizo batanga ku buryo bibaganisha ku cyo bagiye kwiga.

Urutonde rw'ibice bigize umutwe wa kabiri n'umubare w'amasomo

Umutwe wa mbere B: Umuco nyarwanda Umubare w'amasomo 14		
Ibice	**Intego rusange**	**Umubare w'masomo**
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko "Kamana yitwa izina"	Gusobanura ingingo z'umuco nyarwanda.	Amasomo 2
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko " Kamana yitwa izina "	Gusesengura umwandiko.	Amasomo 2
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo	Gusobanura akamaro k'umuhango wo kwita izina muri iki gihe.	Isomo 1
Igice cya kane: Izina mbonera gakondo	Gusesengura amazina mbonera gakondo.	Amasomo 3
Igice cya gatanu: Ihangamwandiko	Gutahura imbata y'umwandiko.	Amasomo 3
Isuzuma risoza umutwe		Amasomo 3

Umwandiko: Kamana yitwa izina

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 28)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora: – Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. – Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko. – Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. – Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. – Gusobanura uko umuhango wo kwita izina wagendaga mu muco nyarwanda.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku buringanire n'ubwuzuzanye, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo.

1.Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku mwandiko bagiye gusoma. Ibyo bibazo bishobora gushingira ku mashusho ari mu gitabo cyangwa ku buzima busanzwe. Ibibazo bishingiye ku mashusho abanyeshuri babisubiza babanje kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma.

2.Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa .

I. Ibibazo n'ibisubizo ku nyunguramagambo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 28)

1. **Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko, nyuma ukoreshe buri jambo mu nteruro iboneye.**

   a) **Inkonzo:** agati gafite amashami abiri babaga bakonze. Bafataga ishami rimwe irindi bakarihingisha mu muhango wo kwita izina…
   b) **Kuzingama:** Gukura nabi kubera imirire mibi
   c) **Uruhamo rw'umuryango:** hejuru y'umuryango ugana ku gisenge
   d) **Irebe ry'umuryango:** imbere mu nzu hafi y'aho basohokera
   e) **Abakobwa b'amasugi:** abakobwa bafite ababyeyi bombi

Umwarimu areba ko abanyeshuri bakoze interuro ziboneye kandi zikoreshejemo ayo magambo.

2. **Huza amagambo yo mu ruhushya A n'ayo mu ruhushya B ukurikije ibisobanuro byayo.**

Ibisubizo

A	B
Kugenda urunana	Kugendera hamwe.
Kuyimunyaga	Kuyimwaka.
Gusurira umuntu nabi	Kumwifuriza ikibi.
Barihetura	Buri wese abona umwanya we.

II. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 20)

1. **Sobanura uko umuhango wo kwita izina wakorwaga.** Umugabo n'umugore babyaye batumiraga abavandimwe, inshuti n'abaturanyi, bakararika n'abana b'ibitsina byombi. Habagaho umuhango wo guhingisha umurima inkonzo wakorwaga n'abana. Uyu muhango wakurikirwaga no kurya ubunnyano n'ibijyana na byo. Nyuma hazaga umuhango wo kubaka urugo ku mugabo n'umugore, hagaheruka kwita izina.
2. **Umuhango wo kwita izina wahuzaga ba nde?** Umuhango wo kwita izina wahuzaga umugabo n'umugore, abaturanyi, abana b'abahungu n'ab'abakobwa.
3. **Abana bari bafite uruhe ruhare mu muhango wo kwita izina?** Bakoraga umuhanago wo guhinga, gutera intabire, kurya ubunnyano bahinguye no kwita izina.
4. **Mu muco nyarwanda ni izihe ngaruka zashoboraga kuba ku mugabo uteruye umwana atavuye hanze?** Byari ukumuvutsa amahirwe, akazaba imbwa, akazapfa atagize icyo yimarira.

Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 29)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora: – Kugaragaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko. – Kugereranya uko umuhango wo kwita izina wakorwaga kera n'uko ukorwa ubu. – Guhina umwandiko yubahiriza imyandikire yemewe y' Ikinyarwanda.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga bituma binjira mu isomo rishya.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa .

III. Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko

a) Wifashishije umwandiko gereranya uko umuhango wo kwita izina wakorwaga kera n'uko ukorwa muri iki gihe.

Kera	Muri iki gihe
Gutumira abaturanyi.	Birakorwa.
Umuhango wo guhingisha inkozo no gutera intabire wakorwaga n'abana.	Ntukorwa.
Kurya ubunnyano.	Ntibikorwa.
Umuhango wo kubaka urugo mbere yo kwita izina.	Si nshinganwa.
Umuhango nyiri izina wo kwita izina wakorwaga n'abana, umugore n'umugabo.	Bikorwa n'abahari bose babishatse.

b) Vuga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zikubiye mu mwandiko.

Ingingo y'ingenzi

Imihango inyuranye ijyanye no kwita izina mu Rwanda rwo hambere

Ingingo z'ingereka

- Ubuvandimwe
- Ubufatanye
- Ubusabane

c) Wavuga iki ku buziranenge bw'ibyakorerwaga mu muhango wo kwita izina?

Ibyakorwaga mu muhango wo kwita izina nta buziranenge bigaragaza kuko byashoboraga kwanduza amafunguro yateguwe n'amashereka umwana yagombaga konka.

Ingero:

- Kwituma no kunyara aho babonye.
- Guhanaguriza ibiryo ku mabere.
- (…)

d) Hina umwandiko ukoresheje amagambo yawe kandi wubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

Mu ihinamwandiko umwarimu agomba kugenzura ko abanyeshuri bitaye ku ngingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko no ku mategeko agenga imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

Igice cya gatatu: kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 29)

Intego zihariye
Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora: – Kuvugira mu ruhame atanga ibitekerezo bye. – Gusobanura akamaro k'umuhango wo kwita izina muri iki gihe. – Kugaragaza ubushake bwo kubahiriza umuco wo kwita izina no kubishishikariza abandi.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku kwita izina.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitozo wo kungurana ibitekerezo

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice.

Insanganyamatsiko yo kujyaho impaka.

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa (29)

a) Akamaro k'umuhango wo kwita izina muri iki gihe.
b) Erekana uko umuhango wo kwita izina ugaragaza kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.

Urugero rw'umwanzuro ku mpaka

a) Akamaro k'umuhango wo kwita izina muri iki gihe:
– Guhuza abaturanyi, inshuti n'abavandimwe
– Ubusabane n'ubufatanye
– Gusangira
b) Umuhango wo kwita izina ugaragaza kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye. Muri uwo muhango habagamo abana b'ababungu n'ab'abakobwa kandi mu kwita izina umugabo yitaga izina n'umugore akaryita.

Igice cya kane: Izina mbonera gakondo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 29)

Intego zihariye
Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora: – Gusobanura inshoza y'izina mbonera gakondo – Gutahura amazina mbonera gakondo mu mwandiko – Gusesengura amazina mbonera gakondo
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'ikibonezamvugo.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amagambo yanditse atsindagiye ari mu nteruro zavuye mu mwandiko no kugira icyo bavuga ku miterere, ku nkomoko no ku ntego byayo.

1. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda.

Umwitozo n'ibisubizo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 32)

1. Tahura amazina mbonera gakondo muri iki gika.

Kagabo ararika abana, babaha inkonzo bajya mu murima guhinga. Hari imbuto y'uburo n'inzuzi. Bari babateguriye intara, bayisasaho urukoma maze bashyiraho ibishyimbo bicucumiyemo imboga babibumbamo utubumbe twinshi, maze buri mwana bamugenera akabumbe ke.

Buri kabumbe kose bahereje buri mwana kari kageretseho agasate k'umutsima.

Amazina mbonera gakondo

- Abana
- Umurima
- Imbuto
- Uburo
- Inzuzi
- Intara
- Urukoma
- Ibishyimbo
- Imboga
- Umwana
- Umutsima

2. Wifashishije ingero gira icyo uvuga ku biranga izina mbonera gakondo.

a) Imboga: i-n-boga

b) Umutsima: u-mu-tsima

c) Abana: a-ba-ana

Izina mbonera gakondo rirangwa no kuba ari umwimerere w'Ikinyarwanda, atari iritirano, ridakomoye kandi rigizwe n'uturemajambo dutatu: indomo, indanganteko n'igicumbi.

3. Garagaza intego y'amazina mbonera gakondo akurikira n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

a)Amenyo: a-ma-inyo a+i→e

b)Igiti: i-ki-ti k→g/-GR

c)Imfuruka: i-n-pfuruka n→m/-p, p→ø/m-f

d)Umweyo: u-mu-eyo u→w/-J

e)Inzugi: i-n-ugi Igicumbi gifata z mu nt 10.

Umwitozo nzamurabushobozi

1. Wifashishije ingero, tanga uburyo bubiri izina gakondo rishobora gusobanurwamo.

Izina mbonera gakondo rishobora gusobanurwa ku buryo bubiri bukurikira: mu rwego rw'inyito n'inkomoko no mu rwego rw'iyigantego.

Mu rwego rw'inyito n'inkomoko: ni izina rusange rivuga abantu benshi, ibintu byinshi cyangwa inyamaswa ry'umwimerere w'Ikinyarwanda ritari iritirano.

Mu rwego rw'iyigantego: ni izina rigizwe n'uturemajambo tw'ibanze dutatu gusa, ritari izina ry'urusobe kandi ridakomoye ku nshinga. Utwo turemajambo ni: indomo, indanganteko n'igicumbi. Mu magambo make izina mbonera ni izina rusange ry'umwimerere mu Kinyarwanda ritari iritirano, rigizwe n'indomo, indanganteko n'igicumbi; rikaba atari izina ry'urusobe kandi ridakomoye. **Ingero:** amazi, ihene…

2. Shaka intego z'amazina akurikira werekane n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe

a) Insina: i-n-tsina t→ø/n-s

b) Imfuruka: i-n-pfuruk n→m/-p; p→ø/m-f

c) Impamvu: i-n-hamvu n→m/-h; mh→mp mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

d) Induru: i-n-ruru r→d/n-

e) Imbunda: i-n-bunda n→m/-b

f) Inzobe: i-n-yobe y→z/n-

g) Inzara (z'intoki): i-n-ara igicumbi gifata z mu nteko ya 10

Umwitozo nyagurabushobozi

1. **Tahura amazina mbonera gakondo ari mu mwandiko ukurikira hanyuma uyashakire uturemajambo kandi werekane n'amategeko y'igenamajwi.**

Inzira igana ku ishuri

Ku nzira igana ku ishuri hari akanyoni keza karirimba gashimisha abana bahanyura bajya kwiga, kabashishikariza umurimo kakabacira imanza zitabera iyo batumvikanye. Kabagira inama yo gukora cyane. Nkunda ijwi ryako cyane rimara irungu.

Amazina mbonera arimo ni : inzira, akanyoni, abana, umurimo, imanza, inama, ijwi, imbeho

a) Inzira: i-n-yira y→z/n-
b) Akanyoni: a-ka-nyoni nta tegeko
c) Abana: a-ba-ana a→ø/-J
d) Umurimo: u-mu-rima nta tegeko
e) Imanza: i-n-banza b→m/n-, n→ ø/-m
f) Inama: i- ø –nama nta tegeko
g) Ijwi: i- ø –jwi nta tegeko
h) Irungu: i- ø -ngu nta tegeko

2. **Hanga umwandiko mugufi urimo amazina mbonera byibura atanu agaragaramo aya mategeko akurikira iyo uyasesenguye.**

a) n→m/-h; mh→mp mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda;
b) n→m/-v
c) t→d/-GR
d) a+i→e
e) i→y/-J

Umwarimu areba ko mu mwandiko yakoze harimo amagambo yashakirwa uturemajambo hakagaragaramo ayo mategeko y'igenamajwi.

Igice cya gatanu: Ihangamwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 32)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yahawe, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora : – Gutahura imbata y'umwandiko n'ibiranga buri gice. – Guhanga umwandiko akurikije imbata yawo.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bitegereza imiterere yawo, maze akabasaba gutahura imbata yawo (ibice biwugize) no gukora ubushakashatsi bwimbitse ku buryo bwo guhanga bene uwo mwandiko.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 34.

Umwitozo n'uburyo wakorwa

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 34)

Himba umwandiko kuri imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira unagaragaze imbata yawo.

a) Pariki ya Nyungwe.
b) Ibyiza byo kuboneza urubyaro.

Umwarimu areba uko abanyeshuri bahimbye imyandiko yabo akareba niba imbata zayo zujuje imiterere yazo.

Umwitozo nzamurabushobozi

Shushanya imbata y'umwandiko ugaragaza ibice byawo byose.

Umwarimu areba uko umunyeshuri yagaragaraje imbata y'umwandiko abatabikoze neza akabafasha kubinonosora.

Umwitozo nyagurabushobozi

Hanga umwandiko kuri iyi nsanganyamatsiko ikurikira wubahiriza imbata yawo.

Uburere buruta ubuvuke.
Umwarimu areba uburyo bahanze imyandiko akabafasha kuyinonosora.

Inshamake ku mutwe wa mbere B

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa mbere bityo bikabafasha gukora inshamake. Urugero rw'inshamake bakora:

- Umuhango wo kwita izina ni kimwe mu bigize umuco nyarwanda kuko uhuza abantu bagasangira bagasabana.
- Uwo muhango wakorwaga mu ntera eshatu z'ingenzi: guhinga, kurya ubunnyano no kwita izina.
- Izina mbonera gakondo ni izina ry'umwimerere mu Kinyarwanda ritari iritirano kandi ridakomoye, rigizwe n'uturemajambo dutatu tw'ibanze: indomo, indanganteko n'igicumbi.
- Imbata y'umwandiko igizwe n'umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo.

Ubumenyi bw'inyongera

Amoko y'imyandiko

Ugiye kureba ubwoko bw'imyandiko wasangamo imyandiko y'ubuvanganzo n'imyandiko buhangwa. Amoko y'imyandiko agiye kuvugwa aha ni amoko y'imyandiko buhangwa. Muri ayo moko twavuga :

- **Umwandiko mbarankuru**

Ni umwandiko wivugira ibyabaye, uko byagenze, n'aho byabereye gusa, utitaye ku gusesengura impamvu zabiteye n'ingaruka zabyo, kandi ari ntacyo uhinduye ku byo uvuga. Umubarankuru yivugira inkuru z'ibyo yabayemo cyangwa yiboneye ubwe akabirondorera abandi. Umubarankuru ubaze inkuru z'umunsi we wa mbere agera ku ishuri, umwandiko yaba akoze waba mbaramakuru.

- **Umwandiko mvugamateka**

Ni umwandiko wibanda ku gukurikiranya neza ibyabaye mu gihe cyashize, ugambiriye kubimenyesha abatarabibonye cyangwa kwibutsa ababibonye ariko batakibyibuka. Wibanda rero ku kubikurikiranya neza mu gihe, ukavuga ababigizemo uruhare, icyabiteye n'ingaruka byagize. Bene iyi myandiko yiganzamo amateka y'umuntu wabaye ikirangirire, mbese ivuga ubuzima n'ibikorwa by'indashyikirwa bene aba bantu baba baragize. Nk'umwandiko wavuga ibigwi n'imibereho ya Mandela wo muri Afurika y'Epfo waba ari umwandiko mvugamateka.

- **Umwandiko nsesengurabumenyi**

Ni umwandiko ugambiriye kwigisha no gutanga ubumenyi. Wibanda ku mibare, ugaharanira gutanga ibisobanuro nyurabwenge uhereye ku bipimo n'ibigereranyo by'imibare. Bene iyi myandiko uzasanga ari ya yindi ivuga nk'imiterere ya sida, uko ihagaze mu bihugu bigikennye, ingano y'abantu imaze guhitana n'ingamba zo kuyihashya cyangwa se ari ya yindi igaragaza ibipimo by'aho ubukene bugeze burwanywa, ibikorwa by'iterambere byateguriwe abagikennye n'ingamba zo guca burundu ubwo bukene.

- **Umwandiko mvugamiterere**

Ni umwandiko uvuga imiterere y'ikintu, ukaba ugambiriye gutanga ishusho yacyo. Nyiri ugukora uwo mwandiko yivugira ibintu uko abibona. Ashobora kuvuga ibyiza aho abandi babona ibibi, cyangwa akabona ko icyo abandi bita kiza kuri we ari inenge.

Nta wamubaza kwisobanura ku gitekerezo ke. Bene iyi myandiko ikunze gukoresha amagambo agereranya n'arata ibintu hibandwa cyanecyane ku mikoreshereze y'imfutuzi.

- **Umwandiko ntekerezo**

Umwandiko ntekerezo ni umwandiko muhimbano akenshi uvuga ibintu bisanzwe mu buzima. Uwandika umwandiko ntekerezo ahera ku byo abona, ku byo yumva cyangwa atekereza ko byabaho akabyandika ku buryo uzabisoma agira icyo yiyunguraho mu bumenyi. Umwandiko ntekerezo bawita nanone "umwandiko usanzwe". Witwa umwandiko usanzwe mu rwego rwo kuwutandukanya n'indi myandiko y'ubuvanganzo nk'inkuru, ibitekerezo, imivugo n'iyindi. Imyandiko ntekerezo isa nk'imenyesha amakuru y'ibiriho maze usoma akaba yabifata nk'ukuri cyangwa akabihakana.

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa mbere B

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 35)

Ibigenderwaho mu isuzuma

- Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko.
- Ubushobozi bwo guhanga umwandiko akurikije imbata yawo.
- Ubushobozi bwo gusesengura izina mbonera gakondo agaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi.

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iri suzuma ku giti cyabo, iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

I. Kumva no gusesengura umwandiko

1. **Mu magambo yawe iyo bavuze umuco nyarwanda wumva iki?**
   Ni imihango, imigenzo, imyifatire n'imitekerereze, uburyo Abanyarwanda babaho, bahanga, imyemerere yabo n'ibindi bemerenywaho bibahuza bikagena umuyoboro w'imibereho yabo.
2. **Ni ibihe bintu bitatu by'ingenzi bigize umuco?**
   Ibintu bitatu by'ingenzi biranga umuco ni ibya kera bya karande, ibihangano n'ibitirano.
3. **Uwabaga yarumbije ntiyasonzaga. Yakorerwaga iki?**
   Uwabaga yarumbije abarumbaguje baramusakiraga.
4. **Ni izihe ngingo z'umuco nyarwanda dusanga muri uyu mwandiko?**
   Umuganura, ubudehe, gutabarana

5. **Iyo bavuze ngo: *"Agahugu umuco akandi umuco"* wumva iki?**
   Abantu batuye igihugu iki n'iki, akarere aka n'aka bagira imigenzo, imihango, imyitwarire ibahuza, ibaranga kandi bemeranywaho ikagena uburyo bagomba kubaho no kubana.
6. **Ururimi rwacu rw'Ikinyarwanda rufite akahe kamaro mu kubungabunga umuco wacu?**
   Ni inkingi kandi ni ingobyi y'umuco. Ni rwo ruduhuza rugatuma dushyikirana, tugahererekanya ibyiza umuco wacu ubumbatiye, rukadufasha gushimangira ubumwe n'ubuvandimwe.

II. Inyunguramagambo

1. **Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko, nyuma ukoreshe buri jambo mu nteruro iboneye.**
   a) **Urubumbambaga:** umuryango mugari w'abantu.
   b) **Kurumbaguza :** Gusarura imyaka mike aho byarumbye. Gutoratora dukeduke hirya no hino kubera ko warumbije.
   c) **Ubudehe:** uguhingisha abantu benshi bagataha baharuye nyiri umurima akabahemba urwaga cyangwa amarwa. Muri iki gihe ubudehe bivuga inkunga Leta igenera abaturage bayo kugira ngo biteze imbere mu gikorwa runaka.
   d) **Kubunduka:** kuganduka wari umaze iminsi umerewe nabi, wararwaye cyangwa warashonje.
   e) **Guturutsa:** kubiba imbuto bwa mbere nk'amasaka.
   f) **Gupfundikira imbuto:** kurangiza gutera imbuto.
2. **Huza amagambo yo mu ruhushya A n'ibisobanuro dusanga mu ruhushya B**

Ibisubizo

A	B
1. Gusubya imbuto	b. Kubiba bwa kabiri ahararanye.
2. Gusakira umuntu	d. Guha umuntu ku byo wejeje we yararumbije
3. Kugenda nka nyomberi	e. Kugenda ubutagaruka
4. Ikiganda	a. Akazu gato k'icyuzuriraho ko kubamo by'agateganyo
5. Kurarika umuntu	c. Gutumira umuntu, guha umuntu gahunda ngo azitabire ubutumire

III. Ikibonezamvugo

1. **Tahura mu mwandiko wasomye amazina mbonera gakondo.**
   Umwarimu areba niba abanyeshuri bashoboye kuyatahura

2. **Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi ku mazina akurikira.**

a) Imbariro: i-n-bariro n→m/-b

b) Agahugu: a-ka-hugu k→g/-GR

c) Inzara: i-n-yara y→z/n-

d) Ubwatsi u-bu-atsi u→w/-J

IV. Ihangamwandiko

Hanga umwandiko ugizwe nibura n'amagambo 200 ku nsanganyamatsiko ikurikira. Ubufatanye ni inkingi y'iterambere.

Umwarimu areba niba umwandiko wahanzwe wubahirije:

- Imbata y'umwandiko: umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo.
- Ikurikirana ry' ibitekerezo mu buryo bw'inyurabwenge hifashishije ingero aho ari ngombwa.
- Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

Umwitozo nzamurabushobozi

1. **Tahura muri izi nteruro amazina mbonera gakondo uyashakire intego ugaragaze n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwemo**

   a) Igisabo bakibuganizamo amata.

   b) Umuco wacu ukundwa n'abantu benshi.

   c) Imvura yaguye tubona amazi yo kumesa imyenda.

Amazina mbonera gakondo:

- Igisabo: i- ki-sabo k→g/-GR
- Amata: a- ma-ta Nta tegeko.
- Umuco : u-mu-co Nta tegeko.
- Abantu: a-ba-ntu Nta tegeko.
- Imvura : i-n-vura n→m/-v
- Amazi : a-ma- zi Nta tegeko.
- Imyenda : i-mi-enda i→y/-J

2. **Hanga umwandiko ku nsanganyamatsiko ikurikira wubahiriza imbata yawo.**

   Akamaro ko kwiga Ikinyarwanda.

   Aha umwarimu areba niba umwandiko umunyeshuri yahanze wubahirije imbata yawo kandi ko n'ingingo zatanzwe zigusha ku nsanganyamatsiko yahawe.

Umwitozo nyagurabushobozi

Mwungurane ibitekerezo kuri iyi nsanganyamatsiko ikurikira maze muzaganirire bagenzi banyu ibijyanye n'umwanzuro mwafashe.

«Mu muco nyarwanda umuhango wo kwita izina wubahirizaga ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye»

Umwarimu areba umwanzuro abanyeshuri bagezeho akabafasha kuwunonosora.

UMUTWE WA KABIRI:
UMUCO W'AMAHORO

2

Umubare w'amasomo: 18

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gusesengura umwandiko ku nsanganyamatsiko ivuga ku muco w'amahoro no gusesengura ntera n'izina ntera.

Ubushobozi shingiro: Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe agomba kuba azi bumwe mu burenganzira bwa muntu azi kandi amwe mu moko y'amagambo.

Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho

Ubuzima bw'imyororokere: Mu bibazo byo kumva umwandiko harimo ikibazo kivuga ku mihindagurikire y'umubiri w'abangavu. Igihe bagisubiza umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe n'ubuzima bw'imyororokere.

Uburinganire n'ubwuzuzanye: Mu bibazo byo kumva umwandiko harimo ibibazo bigusha kuri iyo ngingo. Umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo abanyeshuri bazisobanukirwe.

Jenoside: Mu bibazo byo gusesengura umwandiko harimo ikibazo kigusha kuri iyo ngingo.Igihe bagisubiza umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe n'ibijyanye na jenoside ndetse n'uburyo bwo kuyikumira.

Uburyo bwo kwinjira mu isomo: Abanyeshuri ubwabo ni bo bagomba kwivumburira ibyo bagiye kwiga, bahereye ku mashusho, ku kaganiro cyangwa udukino twateguwe mu ivumburamatsiko. Umwarimu agenda abayobora, ababaza ibibazo, kandi akabafasha kunonosora ibisubizo batanga ku buryo bibaganisha ku cyo bagiye kwiga.

Urutonde rw'ibice bigize umutwe wa kabiri n'umubare w'amasomo

Umutwe wa kabiri: Umuco w'amahoro **Umubare w'amasomo 18**		
Ibice	Intego rusange	Umubare w'masomo
Umwandiko: Yahabaye intwari		
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko	Gusobanura ihohoterwa n'uburyo bwo kurirwanya.	Amasomo 2
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko	Gusesengura umwandiko	Amasomo 2
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo	Gutahura ibindi bishobora gutera ihohoterwa bitavuzwe mu mwandiko.	Amasomo 2
Igice cya kane: Ntera	Gusesengura ntera	Amasomo 3
Umwandiko: Mpore nyampinga		
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko	Gusobanura ihohoterwa n'uburyo bwo kurirwanya.	Amasomo 2
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko	Gusesengura umuvugo.	Amasomo 2
Igice cya gatatu: Izina ntera	Gusesengura izina ntera	Amasomo 2
Isuzuma risoza umutwe wa kabiri		**Amasomo 3**

Umwandiko: Yahabaye intwari

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 38)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora: – Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. – Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko. – Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. – Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. – Gusobanura ihohoterwa n'uburyo bwo kurirwanya.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku ihohoterwa, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma akababazaho ibibazo biganisha kuri uwo mwandiko. Ashobora no kubabaza ibindi bibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo.

Urugero rw'ibyava mu matsinda

I. Ibibazo n'ibisubizo ku nyunguramagambo.

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 41)

1. Shaka mu mwandiko amagambo ahuje igisobanuro n'aya magambo atsindagiye.

a) Ubwangavu bwateye Mahoro gusesa **ibishishi** mu maso. (ibiheri)
b) Mahoro yashakaga gukomeza **kugira inama** Goriyati. (guhanura)
c) Yewe! Kwiga bisa naho **byananiye burundu**. (byanteye ku butaka)
d) Uyu muvandimwe **umira adakanjakanje** afite ikibazo cy'amenyo. (bunguri)

2. Uzurisha izi nteruro amagambo ukuye mu mwandiko.

a) Uwariboye cyane bavuga ko yariboye kugera aho ubugondo bugera ingwe.
b) Iyo bashaka kuvuga umuntu w'ihoho, mwiza cyane bavuga ihogoza.

c) Iyo umuntu agiye gusagarirwa afatwa ku ngufu bavuga ko agiye gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

II. Ibibazo byo kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 41)

1. **Tanga impamvu yatumye Goriyati ata ishuri.**

   Impamvu zatumye ata ishuri: gukunda amafaranga, kunywa ibiyobyabwenge, imyitwarire mibi y'ababyeyi, kudahabwa ibikoresho.

2. **Amagambo Goriyati abwira Mahoro ko ari we muti w'ibishishi afite ishingiro? Sobanura.**

   Nta shingiro afite, yirengagizaga nkana iby'imihindagurikire y'umubiri w'umuntu igihe ageze mu gihe cy'ubugimbi cyangwa cy'ubwangavu; yashakaga gushuka Mahoro ngo baryamane.

3. **Ni iki kerekana ko Mahoro ari umukobwa wihagazeho mu ishuri no mu muryango nyarwanda?**

   Ibyerekana ko yihagazeho: ni umuhanga mu ishuri, agira inama abandi, asobanurira bagenzi be, yimye amatwi Goriyati, yasabwe imbabazi yemera kuzitanga.

4. **Sobanura icyo ihohoterwa ari cyo, unagaragaze ibiritera bivugwa mu mwandiko.**

   Ihohoterwa ni igikorwa cyose kigambirira kugiririra undi nabi haba ku mubiri cyangwa mu bitekerezo. Bimwe mu bishobora kuba intandaro y'ihohoterwa: ibiyobyabwenge, itoteza, inzangano n'amakimbirane mu miryango.

5. **Abaporisi bafite nshingano ki muri rusange?**

   Abaporisi bafite inshingano zo kurinda umutekano w'abantu n' ibintu byabo.

6. **Erekana igikorwa kibi Goriyati yakoze uvuge n'ikindi kiza yaje gukora nyuma.**

   Igikorwa kibi yakoze ni uguta ishuri no kugerageza gufata ku ngufu Mahoro. Ikiza yakoze ni ukwemera icyaha no gusaba imbabazi.

Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 42)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora: – Kuvuga insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko. – Kugaragaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko. – Guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga bituma binjira mu isomo rishya.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya.

Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko

a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko? Kurwanya ihohoterwa.

b) Tanga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka usanga mu mwandiko.

> **Ingingo z'ingenzi:** imyitwarire myiza ya Mahoro, ubugome bw'umuhungu Goriyati, inshingano z'abashinzwe umutekano, ibyiza byo kwemera icyaha no gusaba imbabazi.
>
> **Ingingo z'ingereka :** Gusobanurira abandi ibyo batumva, gutanga inama, kumenya ubuzima bw'imyororokere, gukora inama nkemurampaka.

c) Erekana ukuntu ishuri warigereranya na zahabu. Ishuri ni uruganda, ni ahantu ushobora guhahira ubwenge bushobora kukuzamura ukagera ku ntambwe yo hejuru, bikaguha gukungahara muri byose. Ishuri ryagereranywa na zahabu kuko zahabu ari ibuye ry'agaciro gakomeye, uyitunze aba afite byose; uwize abishyizeho umwete amenya byinshi bishobora kumukiza mu buzima.

d) Sobanura uburyo Goriyati atari asobanukiwe neza n'ubuzima bw'imyororokere. Impamvu Goriyati atari asobanukiwe neza n'ubuzima bw'imyororokere ni uko yabwiye Mahoro ko ibishishi arwaye abiterwa no kudakora imibonano mpuzabitsina, nyamara biterwa n'imihindagurikire y'umubiri w'umuntu.

e) Uhereye ku mateka sobanura ibindi bikorwa ndengakamere by'ihohoterwa byabaye mu Rwanda.

Jenoside Yakorewe Abatutsi mu Rwanda muri Mata 1994: yagaragayemo kwicwa urubozo, gufatwa ku ngufu, gutotezwa, gutwikirwa, gusenyerwa n'ibindi.

f) Uyu mwandiko ugusigiye irihe somo?

Tugomba kwiga tukamenya ubuzima bw'imyororokere; tukamenya ko amakimbirane mu miryango no kunywa ibiyobyabwenge bishobora kuba intandaro y'ihohoterwa. Igihe cyose tuguye mu cyaha tuge twemera icyaha kandi twihutire kugisabira imbabazi.

Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 42)

Intego zihariye
– Kuvugira mu ruhame atanga ibitekerezo bye. – Gutahura ibindi bishobora gutera ihohoterwa bitavuzwe mu mwandiko. – Kugaragaza umuco wo gukumira no kurwanya ihohoterwa mu bandi.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku ihohoterwa.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitozo wo kungurana ibitekerezo.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice.

Insanganyamatsiko yo kunguranaho ibitekerezo

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku bindi bishobora gutera ihohoterwa bitavuzwe mu mwandiko.

Urugero rw'umwanzuro

Umwarimu areba niba abanyeshuri bashoboye gutahura ibindi byatera ihohoterwa bitari mu mwandiko. Urugero: ubujiji, ubusinzi, ubusambo, imyumvire mibi, ubuharike, inzara, umutekano muke...

Igice cya Kane: Ntera

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 42)

Intego zihariye
– Gusobanura inshoza ya ntera. – Gutahura ntera mu mwandiko. – Gusesengura ntera.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'ikibonezamvugo.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma bitegereza imiterere y'amagambo atsindagiye mu mwandiko, akabasaba gutahura inshoza n'uturango twayo no gukora ubushakashatsi bagaragaza intego yayo.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda

Imyitozo n'ibisubizo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 46)

1. Ntera ni iki?

Ntera ni ijambo rigaragira izina rigasobanura imiterere, imimerere n'ingano by'iryo zina.

2. Garagaza uturango twa ntera utange n'urugero kuri buri karango.

Ntera irangwa no:

- Kwisanisha n'izina biri kumwe igafata indanganteko yaryo ho indangasano
  Urugero: Kanyana ni u**mu**kobwa **mu**remure kandi **mu**nini bigaragara.
- Kugaragaza indanganteko y'izina igaragiye, igihe indanganteko yaryo itigaragaza.
  Urugero : Ishuri rikuru

3. Garagaza impine y'intego mbonera ya ntera.

Impine z'uturemajambo twa ntera: RS+C (Indangasano n'igicumbi).

4. Tanga ingero eshanu z'interuro zirimo ntera wihitiyemo.

Umwarimu areba interuro abanyeshuri bakoze.

5. Tahura ntera ziri mu nteruro zikurikira ugaragaze intego yazo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe.

a) Amazi menshi cyane yangiza imyaka.

b) Amatama masa ntasabira inka igisigati.

c) Tubifurije urugendo ruhire.

d) Abana bato bakenera kwitabwaho.

e) Inkuru ndende irashimisha.

Intego ya ntera n'amategeko y'igenamajwi biri mu mbonerahamwe ikurikira.

Ntera	Intego	Amategeko
menshi	ma-inshi	a+i→e
masa	ma-sa	–
ruhire	ru-hire	–
bato	ba-to	–
ndende	n-re-n-re	r→d/n-

Umwitozo nzamurabushobozi

1. Wifashishije urugero, tanga igisobanuro cya ntera.

Ntera ni akajambo kagaragira izina kagasobanura imiterere, imimerere n'ingano by'izina kakisanisha na ryo.

Urugero: umwenda mubi

2. Tahura mu mwandiko ukurikira ntera zirimo uzishakire uturemajambo kandi werekane n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

Mu isoko rya Bwitereke

Karisa ni umusaza mugufi kandi mwiza, yitwaje inkoni ndende azinduka mu gitondo ajya guhaha mu isoko rya Bwitereke. Agezeyo atungurwa no kuhasanga imyenda myinshi isa neza. Abaza igiciro bati: "Musaza rero, guhaha aha birahenda si ukwitwaza amaboko masa". Karisa yabasubije ko abizi kandi ko yitwaje amafaranga menshi atari make! Nuko agura ishati nini kandi nshyashya arangije abasezeraho arataha.

Ntera zigaragara mu mwandiko ni:

a) mugufi: mu-gufi	Nta tegeko.
b) mwiza: mu-iza	u→w/-J
c) ndende: n-re-n-re	r→d/n- r→d/n-
d) myinshi: mi-inshi	i→y/-J
e) masa: ma-sa	Nta tegeko
f) menshi: ma-inshi	a+i→e
g) make: ma-ke	Nta tegeko
h) nini: n-nini	n→ø/-n
i) nshyashya: n-shyashya	Nta tegeko

Umwitozo nyagurabushobozi

1. Tandukanya ntera n'izina mbonera.

Amazina mbonera gakondo arangwa no kuba ari umwimerere w'Ikinyarwanda, atari amatirano, adakomoye kandi agizwe muri rusange n'uturamejambo dutatu: indomo, indanganteko n'igicumbi. Naho ntera ni ijambo rigaragira izina rigasobanura imiterere, imimerere n'ingano by'iryo zina. Ntera yegerana n'izina ifutura cyangwa bigahuzwa n'inshinga **kuba**, **ni** cyangwa **si**.

2. Hanga umwandiko mugufi ugaragaramo ntera hanyuma uzishakire uturemajambo unagaragaze amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

Umwarimu areba ko umunyeshuri yakoze umwandiko mwiza kandi ugaragaramo ntera.

Umwandiko: Mpore Nyampinga

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 47)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora: – Gusoma umwandiko yubahiriza injyana n'isesekaza. – Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko. – Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. – Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. – Gusobanura ihohoterwa n'uburyo bwo kurirwanya.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umuvugo ku ihohoterwa, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma akababazaho ibibazo biganisha kuri uwo mwandiko. Ashobora no kubabaza ibindi bibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya.

Urugero rw'ibyava mu matsinda

I. Ibibazo n'ibisubizo ku nyunguramagambo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 49)

1. Shaka inyito z'amagambo akurikira ushingiye ku nyito afite mu mwandiko.

a) **Uruhongore:** uruhongore bivuga ikiraro k'inyana. Uruhongore ruhinda: rurimo inyana nyinshi.

b) **Uruhimbi**: akameza gateguyeho ishinge baterekagaho amata.

c) **Karuhimbi:** izina bakunda kwitirira umukobwa ko agomba kumenya gutereka amata no kumenya indi mirimo yo mu rugo.

d) **Guhimba:** iyi mvugo umusizi yakoresheje aha ni igereranya ivuga ko uruhongore rugomba guhimbwa rugahimbazwa. Ni ukuvuga gukenura uruhongore inyana akazikukira mbese ntiharangwe umwanda.

e) **Gutwama**: gucecekesha umuntu atararangiza no kuvuga.

f) **Amarere:** imyifatire y'ubukubaganyi cyangwa y'uburwanyi.

g) **Gutatira**: kugambanira.

h) **Ayera**: amata.

i) **Umutozo:** agati bavurugisha amata.

2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro zigaragaza ko wumvise igisobanuro cyayo.

a) Uruhimbi

b) Umutozo

c) Gutwama

d) Gutatira

e) Ayera

Umwarimu areba niba interuro zakozwe zigaragaza koko ko umunyeshuri yumva igisobanuro cy'ayo magambo.

II. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 48)

1. Gira icyo uvuga ku myitwarire y'ababyeyi bavugwa muri uyu mwandiko. Ese ubona ikwiye?

Ababyeyi bavugwa mu mwandiko bafite imyitwarire n'imyumvire idahwitse yo kwima amahirwe umwana wabo yo kujya kwiga. Iyo myitwarire ntabwo ikwiye ni iyo kugawa.

2. Muri uyu muvugo umusizi arabwira nde? Aramwifuriza iki?

Arabwira umukobwa muri rusange amwifuriza gutera imbere, kudaheranwa n'imico ya kera no kugira agaciro mu rwamubyaye.

3. Inzozi bavuga yari afite zagezweho? Ni izihe nzitizi yahuye na zo?

Nubwo byamugoye ariko inzozi yazigezeho arabyara abitoza abo abyaye (imvugo ishushanya umuhanzi yakoresheje ko nubwo byagoranye ariko ubu intego yagezweho abakobwa n'abagore tubasanga mu nzego zinyuranye kandi bakora neza).

4. Rondora akazi kose bavuga ko ari ko akwiye gukora.

Guheka abana, gukubura, kwahirira ihene (musheru), gusukura uruhongore (gukukira inyana), gutereka amata ku ruhimbi, gufasha ababyeyi, kubyara no konsa abana, gukorera basaza be.

5. Shaka mu mwandiko imvugo zose zigaragaza guhohoterwa k'uwo bavuga mu mwandiko.

Icara hasi ufashe ababyeyi, gutegekwa iteka n'uwagushatse, gukorera iteka basaza bawe, kugana ishuri byo si ibyawe.

Igice cya kabiri: Gusesengura umuvugo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 49)

Intego zihariye
– Gusobanura inshoza n'uturango by'umuvugo. – Gusesengura umuvugo.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'ubuvanganzo.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko w'umuvugo bitegereza imiterere yawo banatahura ubwoko, inshoza n' uturango byawo.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 49

Umwitozo n'uko wakosorwa

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 52)

Hanga umuvugo kuri imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira wubahiriza uturango twawo nyuma uwuvuge imbere ya bagenzi bawe.

- Turwanye ihohoterwa
- Umuco w'amahoro
- Kubaho ni ukubana

Umwarimu areba niba imivugo abanyeshuri bahanze yubahirije uturango tw'umuvugo akabafasha kuyinonosora.

Umwitozo nzamurabushobozi

1. **Umuvugo utandukaniyehe n'indi myandiko? Sobanura tumwe mu turango twawo dushingiye ku ikeshamvugo.** Umuvugo ni umwandiko wa gisizi wanditswe mu buryo bw'imikarago.Umuvugo kandi urangwa no gukoresha imvugo zinyuranye harimo guhuza ishusho, imiterere y'imvugo n'igisobanuro cyayo.Uturango tw'umuvugo dushingiye ku ikeshamvugo rikubiyemo ibi bikurikira:isubirajwi, injyana, isubirajambo, iyitirira…
   - **Isubirajwi:** Ni ikeshamvugo rishingira ku kugenda basubira mu ijwi runaka ku buryo bunogeye amatwi.
   - **Injyana:** Iyo bavuze injyana y'umuvugo, twumva imitondekere y'imikarago
   - **Isubirajambo:** Ni igihe isubirajwi rigaruka mu ijambo bihuriye ku gicumbi kimwe n'iryaribanjirije cyangwa se ijambo rikagaruka uko ryakabaye.
   - **Iyitirira:** Rishingiye ku gufata ikintu ukakitirira ikindi bitewe n'uko ubona isano bifitanye. […]
2. Hanga umuvugo ku nsanganyamatsiko wihitiyemo ugizwe n'imikarago itanu igaragaramo isubirajwi n'iyitirira.

Umwarimu azareba ko umunyeshuri yakoresheje isubirajwi rinoze n'iyitirira.

Imyitozo nyagurabushobozi

1. Uretse umuvugo twize, ni ubuhe bwoko bw'imyandiko uzi igira ikeshamvugo nk'iry'umuvugo?

Indi myandiko igira ikeshamvugo nk'iry'umuvugo harimo: indirimbo, inanga, ibihozo, ibisigo, ibyivugo…

2. Hanga umuvugo w'imikarago makumyabiri ku kurwanya ihohoterwa kandi ugaragaremo uturango tw'ingenzi tw'umuvugo.

Umwarimu areba ko umunyeshuri yahanze yubahiriza amabwiriza yamuhaye.

Umukoro

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa40)

Fata umuvugo «Mpore nyampinga» mu mutwe uzawuvugire imbere ya bagenzi bawe

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri umukoro wo gufata mu mutwe umuvugo «Mpore nyampinga» bakazawuvuga mu ishuri bagaragaza injyana n'isesekaza. Umwarimu agenda abakosora aho batabikora neza.

Igice cya gatatu: Izina ntera

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 52)

Intego zihariye
– Gusobanura inshoza y'izina ntera. – Gutahura izina ntera mu mwandiko. – Gusesengura izina ntera.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'ikibonezamvugo.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma bitegereza imiterere y'amagambo atsindagiye mu mwandiko, akabasaba gutahura inshoza n'uturango twayo no gukora ubushakashatsi bagaragaza intego yayo.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda.

Umwitozo n'ibisubizo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 54)

1. Izina ntera ni iki?

Ni izina ribyawe na ntera yafashe indomo igasimbura izina yari igaragiye. Izina ntera kandi ni izina rigaragira irindi zina byunzwe n'ikinyazina ngenera, rikarivugaho imiterere cyangwa imimerere. Rishobora ndetse no kurisimbura.

2. Tanga ingero ebyiri z'interuro zirimo amazina ntera.

- Iwacu dutunze inka y'**ikibamba.**
- **Ibyinshi** byotsa amatama.

3. Tahura amazina ntera ari muri izi nteruro maze ugaragaze uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

a) Amagi y'amazungu agura make.

Amazungu: a- ma-zungu Nta tegeko rihari.

b) Umwenda w'umukara urashyuha.

Umukara: u-mu-kara Nta tegeko rihari.

c) Umwiza arahenda.

Umwiza: u-mu-iza u→w/-J

d) Abenshi basobanukiwe akamaro k'ishuri.

Abenshi: a-ba-inshi a+i→e

Umwitozo nzamurabushobozi

1. Amazina ntera arimo ibice bibiri. Bisobanure kandi utange ingero

- Igice cya mbere kigizwe n'amazina akomoka kuri ntera zifata indomo zikagira intego nk'iy'amazina mbonera gakondo.

  Urugero: umwana muto→ umuto

- Ikindi gice kigizwe n'amazina asobanura imiterere y'irindi zina agaragiye bigahuzwa n'ikinyazina ngenera.

  Urugero: umuceri w'umutanzaniya

2. Soma umwandiko ukurikira, utahuremo amazina ntera arimo.

Umwiza arahenda

Ku cyumweru mu gitondo Karinda yarazindutse ajya gusura umwiza w'i Bwanacyambwe, akora ku mpano nyinshi amugurira indagara z'indundi, umuceri w'umurera, imyumbati y'imituburano, amata y'ikivuguto n'izindi mpano nyinshi. Yahasanze abana babiri, umukuru ajya kumumuhamagarira araza bararamukanya, baraganira bishyira kera.

Igisubizo

Amazina ntera arimo: umwiza, indundi, umurera, imituburano, ikivuguto, umukuru

Umwitozo nyagurabushobozi

Hanga umwandiko mugufi ugaragaramo amazina ntera hanyuma uyashakire uturemajambo werekane n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

Umwarimu areba ko mu mwandiko yakoze yashyizemo amazina ntera kandi ko yayasesenguye neza anatanga amategeko y'igenamajwi.

Inshamake ku mutwe wa kabiri

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa kabiri bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake bakora

- Hari ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ku mutungo, ku bitekerezo no ku mubiri.
- Ntera igaragaza imiterere n'imimerere y'ikintu kandi igafutura izina bijyanye.
- Umuvugo urangwa ahanini n'imikarago, isubirajwi, isubirajambo n'indi minozanganzo bituma umuvugo unyura abawumva n'abawusoma.
- Izina ntera rishingiye ku bwoko bubiri bw'ingenzi : amazina akomoka kuri ntera yafashe indomo n'amazina asobanura inkomoko, ubwoko... agahuzwa n'ayo agaragiye n'ikinyazina ngenera.
- Izina ntera rigira uturemajambo nk'utw'izina risanzwe.

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa kabiri

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 55)

Ibigenderwaho mu isuzuma
- Ubushobozi bwo gusesengura imyandiko. - Ubushobozi bwo gusesengura ntera n'izina ntera.

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iri suzuma ku giti cyabo, iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

I. Kumva no gusesengura umwandiko

1. Uyu mwandiko uravuga ku yihe nsanganyamatsiko?

Uravuga ku moko y'ihohoterwa n'uburyo bwo kurirwanya.

2. Ni ubuhe buryo bugaragara mu mwandiko bwo kurwanya ihohoterwa?

- Kwigisha no kujya inama.
- Kudahishira uwakoze ihohoterwa.
- Kwitabaza inzego zibishinzwe.
- Kubahiriza amategeko no guhana.
- Gushinga amahuriro agamije kurwanya ihohoterwa no kuyashakira ibikoresho.

3. Garagaza ihohoterwa Kanyamahane yakoreraga umugore we Kankindi.

- Kumutuka amwita ikigoryi nk'abakobwa be.
- Kumucyurira ko aciye umuryango kubera ko yabyaye abakobwa gusa.
- Kumutoteza.

4. Mu mwandiko Kanyamahane yahohoteye ate Kagoyire?

- Kumukoresha imirimo ituma akererwa ku ishuri.
- Kumwima umwanya wo gusubira mu masomo.
- Gushaka kumushyingira ku ngufu.

5. Ni ba nde bafite uruhare mu kurwanya ihohoterwa?

Abana, ababyeyi, abarezi, abayobozi, abashinzwe umutekano, abanyamategeko.

6. Mu magambo yawe umaze gusoma umwandiko sobanura uruhare wumva wagira mu kurwanya ihohoterwa.

Kudahishira uwakoze ihohoterwa, kwirinda kwakira impano izo ari zo zose, kumenya kwihagararaho, gutabaza inzego zibishinzwe iyo bibaye ngombwa.

7. Ni izihe nzitizi zishobora gutuma ihohoterwa ryo mu rugo ridacika?

Gutinya kugaragaza cyangwa guhishira ababyeyi, abavandimwe bakoze ihohoterwa.

II. Inyunguramagambo

1. Sobanura aya magambo ukurikije inyito afite mu mwandiko

a) Umukobwa w'umuyumbu: umukobwa w'imibiri yombi

b) Umuganji: umugabo

c) Kujujubya: kubuza amahoro

d) Gusozera: kongera kunywa kandi yari yahaze.

e) Kubonera rubi ku muntu: kumugiriraho ibibazo, akaga

f) Kurara rwantambi: kurara utaryame kubera ibibazo

2. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo dusanga mu mwandiko

a) Kagoyire yari umukobwa ufite uburanga buhebuje! Muri make yari ihoho.

b) Rukwaya yashatse kumukorera ibya mfura mbi ariko undi amubera ibamba.

c) Si byiza guhishira abakora ihohoterwa iryo ari ryo ryose.

d) Rukwaya yohererezaga Kagoyire impano ubutaretsa.

e) Kanyamahane yahoraga abuza epfo na ruguru, ajujubya abana n'umugore we.

f) Iyo yabaga yanyoye ijisho rye ryahindukaga indubaruba.

3. Koresha buri jambo muri aya akurikira dusanga mu mwandiko mu nteruro iboneye

a) Kuvutsa uburenganzira

b) Kugira amakenga

c)Umugambi mubisha

d) Kugenda wandika umunani

Umwarimu azareba niba amagambo yose yakoreshejwe mu nteruro ziboneye.

III. Ikibonezamvugo

1. Tahura ubwoko bw'amagambo atsindagiye mu nteruro zikurikira

a) Abantu banyura inzira **nyinshi** bahohotera abandi. **Nyinshi** : ntera

b) Inka y'i**nzungu** ikamwa amata menshi. **Inzungu** : izina ntera

c) Abanyeshuri **bagufiya** bicare imbere. **Bagufiya** : ntera

d) Ingwa y'**umweru** ikoreshwa cyane kurusha izindi. **Umweru** : izina ntera

2. Shaka intego n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe ku magambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira :

a) Abakunzi b'amahoro baracyafite inzira ndende.
ndende: n-re-n-re r→d/n-

b) Umuntu mutomuto narabutswe ni nde wari ugiye kumuhohotera ?
mutomuto: mu-to-mu-to. Nta tegeko rihari.

c) Abashyashya baririmbe indirimbo yabo twumve.
abashyashya: a-ba-shya-shya Nta tegeko rihari.

d) Ijoro ry'umwijima dukwiye kuritinya kugira ngo tudahuriramo n'abaduhohotera.
umwijima: u-mu-ijima u→w/-J

3. Erekana icyo ntera n'izina ntera bihuriyeho.

Icyo ntera n'izina ntera bihuriyeho ni uko byose bigaragira izina, bikaryerekanaho imiterere cyangwa imimerere.

4. Hanga igice cy'umwandiko k'imirongo nk'icumi kiganjemo ntera n'amazina ntera kandi unabigaragaze.

Kuri iki kibazo, umwarimu areba ko umwandiko wa buri munyeshuri wiganjemo ntera n'amazina ntera kandi ko yagiye abyerekana.

IV. Ubuvanganzo

Hanga umuvugo ku nsanganyamatsiko wihitiyemo utari munsi y'imikarago icumi wubahiriza uturango tw'umuvugo. Muri uwo muvugo ugaragaze aho wakoresheje tumwe mu turango tw'ikeshamvugo dukurikira: isubirajwi, isubirajambo, igereranya n'ihwanisha.

Umwarimu areba ko buri munyeshuri yahanze umuvugo urimo uturango twasabwe.

Umwitozo nzamurabushobozi

1. Soma iki gikurikira usubize ibibazo bigikurikira.

Girimpuhwe ni umuyobozi w'Umurenge wa Sove. Mu nama aherutse gukoresha abaturage yatunze agatoki Murenzi, Rwema, Kibibi na Mayira n'abagore babo. Aba bacuruzi bakoresha abana bataragira imyaka y'ubukure. Abo bana bibwira ko bahembwa neza, ko imirimo bakora nta cyo ibatwaye. Batunda amakarito, amabuye,

amatafari ndetse bamwe bakora akazi ko guteka. Umwana wibeshye agasiba kwitabira akazi kwa Mayira arakubitwa; hari n'uwo baherutse kujyana kwa muganga kubera kurembywa n'inkoni. Ibi byatumye Mayira ashyikirizwa inzego z'umutekano. Umuyobozi w'Umurenge arasaba abakuru b'imidugudu kubarura abakoresha abana bose kugira ngo bigishwe, bamenye ko ari ihohoterwa bakorera abo bana, bityo babasubize mu mashuri bige.

a) **Vuga impamvu yatumye Umuyobozi w'Umurenge atonganya bariya bagabo.** Bakoresha abana bato imirimo y'agahato.

b) **Bariya bana bavugwa mu gika bagombye kuba babarizwa he muri iki gihe uhereye ku myaka bafite?** Bagombye kuba bari ku ishuri, biga.

c) **Ni irihe hohoterwa rigaragara mu gika wahawe?** Gukoreshwa imirimo y'agahato, gukubitwa kugeza ubwo umuntu arembye.

d) **Uburenganzira bw'abana butubahirijwe hano ni ubuhe?** Uburenganzira bwo kwiga.

e) **Gira inama bariya bagabo n'abagore babo kugira ngo Umuyobozi w'Umurenge atazabashakira ibihano biteganywa n'amategeko.** Bagomba kureka gukoresha bariya bana bakabafasha kuyoboka ishuri.

f) **Umuntu wahohoteye undi agomba gufatirwa izihe ngamba zihutirwa?** Agomba kwigishwa akamenya ko ibyo akora binyuranije n'amategeko akikosora.

2. Shaka intego n'amategeko y'igenamajwi yakoze mu magambo atsindagiye mu nteruro.

a) Bakubiswe **inshuro** baba bashoje urugamba.

b) Umwana bamunombanombeye **udushaza** ararya.

c) Utemye **igiti** kimwe age atera bibiri.

d) Yavugije **induru** bagiye kumufata kungufu abantu barahurura.

e) Abantu bagiye kuburana buri wese aba afite **impamvu**.

Urugero rw'igisubizo

Ijambo	Intêgo	Amategeko y'igenamajwi
Inshuro	i-n-curo	c→sh/n-
Udushaza	u-tu-shaza	t→d/-GR
Igiti	i-ki-ti	k→g/-GR
Induru	i-n-ruru	r→d/n-
Impamvu	i-n-hamvu	n→m/-h, mh→mp mu myandikire.

Umwitozo nyagurabushobozi

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe kuri iyi nsanganyamatsiko ikurikira maze uzaganirire bagenzi bawe mutari kumwe mu itsinda uvuge umwanzuro mwafashe:

"Amakimbirane mu ngo adindiza iterambere ry'abagize umuryango."

Umwarimu arareba niba mu mwanzuro abanyeshuri bafashe hagaragaramo ingaruka zinyuranye ziterwa n'amakimbirane yo mu ngo.

Urugero

- Kuva mu ishuri kw'abana,
- Imirire mibi,
- Gusesagura,
- [...]

UMUTWE WA GATATU
UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE

3

Umubare w'amasomo: 24

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gusesengura umwandiko uvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye, kujya impaka akurikiranya neza ibitekerezo bye no gusesengura igisantera.

Ubushobozi shingiro: Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe agomba kuba azi ntera n'izina ntera icyo ari cyo, ndetse azi kubisesengura no kugaragaza amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho

Uburinganire n'ubwuzuzanye : Mu mwandiko no mu bibazo byo gusesengura umwandiko hagaragaramo ingingo zigusha ku buringanire n'ubwuzuzanye mu muryango. Umwarimu abaza ibibazo bituma abanyeshuri basobanukirwa uburinganire n'ubwuzuzanye.

Ubuziranenge : Mu mwandiko harimo ingingo iganisha ku buziranenge bw'ibicuruzwa, ndetse hari ikibazo mu gice cyo gusesengura umwandiko wa kabiri kiganisha kuri iyi ngingo. Umwarimu akora ibishoboka byose agafasha abanyeshuri gusobanukirwa n'iyi ngingo nsanganyamasomo.

Umuco wo kuzigama: Mu mwandiko w'ikiganiro mpaka, hagaragaramo ingingo ivuga ku muco wo kuzigama. Umwarimu akomoza kuri iyo ngingo, agafasha abanyeshuri kuyisobanukirwa.

Uburyo bwo kwinjira mu isomo

Abanyeshuri ubwabo ni bo bagomba kwivumburira ibyo bagiye kwiga, bahereye ku kwitegereza amashusho, ku kaganiro mvumburamatsiko (umwarimu akababaza niba bajya bakurikirana ikinamico, n'aho bayikurikiranira) cyangwa ku dukino twateguwe mu ivumburamatsiko. Umwarimu agenda abayobora, ababaza ibibazo, kandi akabafasha kunonosora ibisubizo batanga ku buryo bibaganisha ku cyo bagiye kwiga.

Urutonde rw'ibice bigize umutwe wa gatatu n'umubare w'amasomo

Umutwe wa gatatu: Uburinganire n'ubwuzuzanye Umubare w'amasomo: 24		
Ibice	**Intego rusange**	**Umubare w'amasomo**
Umwandiko ku buringanire n'ubwuzuzanye mu rugo: Ihinduka rya Migambi		
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusoma no gusobanura umwandiko.	Amasomo 3
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko	Gusoma no gusesengura umwandiko.	Amasomo 2
Igice cya gatatu : Kungurana ibitekerezo	Gutahura ibindi biranga ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bitavuzwe mu mwandiko.	Amasomo 2
Igice cya kane : Igisantera	Gusesengura ibisantera	Amasomo 2
Umwandiko ku buringanire n'ubwuzuzanye mu kazi : Gasharu isurwa n'umunyamakuru		
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko	Gusoma no gusobanura umwandiko.	Amasomo 3
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusoma no gusesengura umwandiko.	Amasomo 2
Igice cya gatatu : Kungurana ibitekerezo	Gusobanura akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu kazi.	Amasomo 2
Igice cya kane : Ikiganiro mpaka	Kujya impaka na bagenzi be atanga ibitekerezo bye mu ruhame kandi mu bwubahane.	Amasomo 6
Isuzuma rusange risoza umutwe wa gatatu		**Amasomo 2**

Umwandiko: Ihinduka rya Migambi

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 60)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora: – Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. – Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko. – Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu mirimo, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma akababazaho ibibazo biganisha kuri uwo mwandiko.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo ntangarugero.

3. Urugero rw'ibyava mu matsinda

I. Ibibazo n'ibisubizo ku nyunguramagambo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 62)

1. Huza amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ari mu ruhushya A n'ibisobanuro byayo biri mu ruhushya B.

A	B
Uburinganire	c) kuba ku murongo umwe, kudasumbana, kuba ku rugero ruciririkanyije, ruhagije.
Ubwuzuzanye	d) ugushyirahamwe, ugushyigikirana ukunganirana
Kutizigamira	e) kutagira amafaranga ushyira muri banki cyangwa ikigo k'imari icirirtse.
Gusubira ku kawe	f) kugaruka ku byo wari usanzwe ukora
Guhora mu nduru	g) intonganya z'urudaca, zihoraho.
Gutererana	h) kudafasha uwo wagombaga gufasha.

2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro wihimbiye.

a) Kuba ibyatsi: Si byiza gusinda ngo umuntu ahinduke ibyatsi.

b) Akanyamuneza: Iyo abantu bishimye akanyamuneza kabagaragara ku maso.

c) Ingeso: Ingeso y'ubusinzi ishobora kubangamira uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango.

II. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 63)

1. Vuga impamvu y'ingenzi yatumaga Migambi atera amahane, akarwana ageze mu rugo rwe.

Migambi yateraga amahane kubera ko yabaga yasinze buri munsi, ntagire umurimo n'umwe akora iwe.

2. Ni bande bagize uruhare mu ihosha ry'amakimbirane kwa Migambi ?

Abagize uruhare mu ihosha ry'amakimbirane ni Kankindi, umukobwa we.

3. Ni iki cyateraga Mukarwego kutubahiriza ibyo Migambi yifuzaga byose?

Icyabimuteraga ni imirimo yamubanye myinshi kuko Migambi atamufashaga.

4. Ni iki cyatumye Migambi yisubiraho?

Icyatumye Migambi yisubiraho ni uko umukobwa we Kankindi yamugiriye inama, akamubwira ko bimutera ipfunwe kubona se ahora yasinze. Ikindi ni uko Migambi na we yibutse ko gusinda byatumye atagura ishyamba ryo kwa Kabera kubera kutizigama.

5. Shaka ibikorwa byavuzwe mu mwandiko bibangamiye uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango.

Ibibangamiye uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango ni ubusinzi, intonganya no kurwana, kutajya inama, kutumvikana, kudafatanya n'ibindi.

6. Sobanura akamaro kagaragara mu mwandiko k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango.

(umwarimu areba ibyo abanyeshuri bakoze akabafasha kubinoza).

7. Sobanura akamaro k'umuco wo kuzigama n'ingaruka zo kutazigama zivugwa mu mwandiko.

(umwarimu areba ibyo abanyeshuri bakoze akabafasha kubinoza).

Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 64)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora: – Kugaragaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko. – Guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe. – Gusubiza ibibazo byo gusesengura imyandiko.
Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu mirimo, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya n'umuteguro w'isomo bijyanye n'iki gice.

Urugero rw'ibyava mu matsinda

a) Tanga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigaragara mu mwandiko wasomye.

Ingingo z'ingenzi :

- Ubusinzi bwa Migambi .
- Kuganira kwa Kankindi n'ababyeyi be ku buringanire n'ubwuzuzanye.
- Guhinduka kwa Migambi .

Ingingo z'ingereka :

- Imirimo iteza imbere umuryango.
- Guhindura abandi.
- Ubufatanye n'ubwumvikane.

b) Hina uyu mwandiko mu magambo yawe.

Umwarimu areba niba inshamake y'umwandiko wa buri munyeshuri iboneye akamufasha kuyinoza.

Urugero rw'inshamake

Migambi yabanaga na Mukarwego, agahora yasinze, yataha agakubita umugore we Mukarwego. Nta kintu na gito yamufashaga, ugasanga nta gushyira hamwe kuriho, imirimo ikabana myinshi Mukarwego.

Umunsi umwe, umwana wabo Kankindi yarabahuje, yumvisha se ukuntu ubusinzi bwe bumutera ikimwaro mu bandi. Kankindi yamwumvishije ukuntu atererana nyina Mukarwego, akamuharira imirimo, amusobanurira ukuntu bakwiye kuzuzanya, bityo mu rugo ntihabe ubusumbane, bagashyira hamwe, bakiteza imbere.

c) Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko.

Umwarimu areba ibyo abanyeshuri basubije akabafasha kubinonosora.

Urugero rw'isomo ryatangwa

Uburinganire n'ubwuzuzanye ni ingenzi mu muryango kuko butuma abawugize bubahana, bajya inama, bafashanya muri byose bigatuma batera imbere.

d) Birashoboka ko aho utuye haba hari imiryango ifite amakimbirane aterwa no kutubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye; umaze gusoma no kumva uyu mwandiko, wakemura ute ibyo bibazo?

Umwarimu areba ibisubizo by'abanyeshuri batandukanye akabafasha kubinoza.

Urugero rw'uko ibibazo byakemurwa

Muri uyu mwandiko nkuyemo isomo ryo kwemera kugirwa inama, ryo kubaka ubufatanye, uburinganganire n'ubwuzuzanye mu muryango. Mu mwandiko kandi nkuyemo isomo ryo gushyira mu gaciro no kudatsimbarara ku bitekerezo byage. Aya masomo yamfasha mu kumvisha iyo miryango ko ikwiye kuva ku myumvire itariyo, ikemera kugirwa inama igahinduka, igakorerea hamwe buri wese icyo ashoboye neza, ikabasha kwiteza imbere, abagize urugo bose babigizemo uruhare.

Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 64)

Intego zihariye
– Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice, umunyeshuri araba ashobora: – Kuvugira mu ruhame atanga ibitekerezo bye. – Gusobanura ibindi bigaragaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bitavuzwe mu mwandiko. – Kugagaragaza ubushake bwo kubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye mu rugo no kubishishikariza abandi.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitozo wo kungurana ibitekerezo.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo ntangarugero.

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku bindi biranga ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bitavuzwe mu mwandiko.

Umwarimu areba niba abanyeshuri baganishije ibitekerezo byabo ku bindi biranga uburinganire n'ubwuzuzanye bitavuzwe mu mwandiko, akanabafasha kubikorera ubugororangingo. Muri byo twavuga imibanire myiza y'abagize umuryango, kumvikana mu muryango, kwiteza imbere n'ibindi.

Umwitozo w'ihangamwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 64)

Hanga umwandiko utarengeje paji ebyiri ku nsanganyamatsiko ikurikira: «Uburinganire n'ubwuzuzanye ni inkingi y'iterambere ».

Uyu mwitozo uratangwa nk'umukoro wo mu rugo. Umwarimu arasaba buri munyeshuri ku giti ke guhanga umwandiko ku nsanganyamatsiko yatanzwe. Umwarimu aragenzura ko buri munyeshuri yakoze umukoro maze arebe ko umwandiko yakoze ukurikije ibi bikurikira :

- Imbata y'umwandiko
- Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda
- Uburebure
- Inozamvugo
- Ingingo zigusha ku nsanganyamatsiko

Igice cya kane: Ibisantera

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 64)

Intego zihariye
Ahereye ku nteruro yasomye, nyuma y'iki gice, umunyeshuri araba ashobora: – Gutahura inshoza n'uturango tw'igisantera. – Gusesengura ibisantera agaragaza intego n'amategeko. – Gukoresha ibisantera mu nteruro.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'ikibonezamvugo n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu yifashishije interuro zakoreshejwemo ibisantera, abaza abanyeshuri ibibazo bibafasha kwinjira neza mu isomo rishya.

Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo ntangarugero.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 48

Umwitozo n'ibisubizo ku bisantera

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 66)

1. Tahura ibisantera muri izi nteruro zikurikira

a) Ishuri nderabarezi rimaze igihe kirekire. (nderabarezi)
b) Ubutegetsi nyubahirizategeko bufite akamaro kanini. (nyubahirizategeko)
c) Ikawa n'icyayi ni ibihingwa ngengabukungu. (ngengabukungu)
d) Ibyiza nyaburanga biri mu Rwanda nta handi wabisanga. (nyaburanga)
e) Kalisa akunda imbyino nyarwanda cyane. (nyarwanda)

2. Sesengura ibisantera biri muri izi nteruro ugaragaze n'amategeko y'igenamajwi Yubahirijwe.

a) **Imyitozo ngororangingo:** n-gor-ur-a- ø-n-gingo u→o/Zo-
b) **Ikigo mpuzamahanga**: n-hur-y-a-ø-ma-hanga
n→m/-h, mh→mp mu myandikire r+y→z
c) **Amazina gakondo :** ka – kondo k→g/-GR
d) **Uburere mboneragihugu :** n-bon-ir-a- ø -ki-hugu
n→m/-b i→e/Zo- k →g/-GR

3. Himba interuro ebyirebyiri ukoreshemo ntera, igisantera n'izina ntera.

Interuro zitandukana bitewe n'imitekerereze y'abanyeshuri.

Urugero rw'interuro zatangwa:

- Kampire afite abana **beza. (ntera)**
- Kantengwa yorora ihene **nziza. (ntera)**
- Kabera yagiye gusura ishyamba **kimeza.(igisantera)**
- Imbuga **nkoranyambaga** zitumenyesha amakuru. **(igisantera)**
- **Abashyashya** baze hano tubandike. **(Izina ntera)**
- Tuzajyana n'**umuto** muri bo. **(izina ntera)**

Umwitozo nyagurabushobozi

1. Garagaza ntera n'ibisantera mu nteruro zikurikira.

a) Abahinzi beza bahinga ibihingwa nzahurabukungu batibagiwe n'ibindi bihingwa nganduragugo.

b) Muzagire urugendo ruhire.

c) Ibikorwa ngarukamwaka bidufasha kwisuzuma.

d) Ikiganiro mbwirwaruhame twahawe cyadushimishije.

Ibisubizo

Ntera: Beza, ruhire

Ibisantera: Nzahurabukungu, nganduragugo, ngarukamwaka, mbwirwaruhame

Umwitozo nzamurabushobozi

Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi by'ibisantera bitsindagiye mu nteruro zikurikira:

a) Imikino **ngororamubiri** irananura.
b) Mu nzu **mberabyombi** hakorerwamo n'inama.
c) Imikino **mpuzamahanga** iradushimisha.
d) Umwandiko **mbarankuru** abawusoma ntibarambirwa.

Ibisubizo

Ijambo	Uturemajambo	Amategeko y'igenamajwi
Ngororamubiri	**n-gor-ur-a-** ø-mu-biri	u→o/Zo-
Mberabyombi	**n-ba-ir-a-bi-o-mbi**	n →m/-b, a+i→e, i→ y/-J
Mpuzamahanga	**n-hur-y-a**- ø-ma-hanga	n→m/-h, mh→mp mu myandikire, r+y→z
Mbarankuru	**n-bar-a-** ø-n-kuru	n →m/-b

Umwandiko: Gasharu isurwa n'umunyamakuru

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 67)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice, umunyeshuri araba ashobora: – Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. – Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko. – Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. – Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu mirimo, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu abwira abanyeshuri kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma akababazaho ibibazo biganisha kuri uwo mwandiko.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo ntangarugero.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo.

Urugero rw'ibyava mu matsinda

I. Ibibazo n'ibisubizo ku nyunguramagambo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 70)

1. Huza amagambo ari mu ruhushya A n'imbusane zayo mu ruhushya B

A	B
Uwiteza imbere	d. kwisubiza inyuma
Uburinganire	a. Ubusumbane
Kuvunishanya	b. Gufatanya
Kunganirana	c. Gutererana

2. Shaka amagambo atandatu y'imirimo ari muri iki kinyatuzu.

Urugero wahawe: kubaka

G	U	T	W	A	R	A	I	N	D	E	G	E
I	B	I	S	U	F	H	T	G	W	R	U	K
S	U	T	O	T	E	K	W	I	C	T	B	U
V	K	Q	B	O	R	U	O	O	Z	Y	U	E
O	A	I	U	T	D	V	R	A	T	U	H	R
I	N	U	I	U	B	U	D	O	Z	I	I	G
T	I	W	X	F	G	R	E	J	U	D	N	H
W	S	Q	**K**	**U**	**B**	**A**	**K**	**A**	K	K	Z	K
P	H	K	G	D	Q	E	R	T	H	U	I	H
L	I	E	R	T	Y	U	I	O	U	T	R	E
I	K	W	I	G	I	S	H	A	S	D	G	H

II. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 71)

1. **Umunyamakuru yasuye umudugudu wa Gasharu, ajyanyweyo n'iki?**

   Umunyamakuru yari ajyanyweyo no kubaganiriza ku ngingo zinyuranye

2. **Abaturage bamwakiriye bari mu bihe byiciro?**

   Abaturage bamwakiriye bari barimo abakuze ndetse n'urubyiruko.

3. **Umunyamakuru yaganiriye n'abaturage ku ngingo ijyanye n'ubuzima. Ni iki yayibabajijeho?**

   Yaganiriye na bo ku bijyanye na sida. Yababajije niba baba badatinya sida ahubwo ngo baba batinya inda z'imburagihe.

4. **Abaturage baganiriye n'umunyamakuru bafite imyumvire itandukanye ku buringanire n'ubwuzuzanye. Ni iyihe?**

   Bamwe bavuga ko uburinganire n'ubwuzuzanye ari bwiza kandi ko bukwiye mu gihe abandi bavuga ko bidakwiye ngo byaba ari ukuba inganzwa ku bagabo.

5. **Sobanura akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye kavugwa mu mwandiko**.

   Iyo umugore n'umugabo bafitanye uburinganire n'ubwuzuzanye barunganirana muri byose bakiteza imbere.

6. **Ni gute abaturage bo mu Mudugudu wa Gasharu barwanya ibicuruzwa bitujuje ubuziranenge?**

   Ibicuruzwa byarangije igihe ntibabigura ikindi kandi babitungira agatoki inzego zibishinzwe.

Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 71)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice, umunyeshuri araba ashobora: – Gusubiza ibibazo byo gusesengura imyandiko. – Kugaragaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko. – Guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe .
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku buringanire n'ubwuzuzanye, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya n'umuteguro w'isomo bijyanye n'iki gice.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo.

Urugero rw'ibyavuye mu matsinda

I. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

a) Shaka ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigaragara mu mwandiko "Gasharu isurwa n'umunyamakuru".

Ingingo z'ingenzi

- Uburinganire n'ubwuzuzanye
- Imirimo igenerwa igitsina gore n'igitsina gabo
- Kwirinda sida
- Umuco w'ubuziranenge
- Ubufatanye

Ingingo z'ingereka

- Kureshya imbere y'amategeko
- Gukora imirimo imwe kandi buri wese akagira ijambo
- Guhinduka mu myumvire ku buringanire n'ubwuzuzanye
- Kunganirana mu mirimo yo ku kazi
- Kwiteza imbere

b) Hari abantu bacyumva ko hari imirimo igenewe igitsina gore cyangwa igitsina gabo. Wowe ubyumva ute?

Ngewe numva ko nta mirimo yagenewe abagabo cyangwa abagore kuko iyo bayikoze ntacyo baba. Ikindi kandi nta n'itegeko ribuza aba n'aba gukora imirimo imwe n'imwe. Nyamara iyo bemeye gukora imirimo yose badatoranya biteza imbere bose.

c) Hari abantu bamwe bitwaza ko habonetse imiti igabanya ubukana bwa SIDA, udukingirizo, bakishora mu busambanyi ngo SIDA ni indwara nk'izindi. Ibyo ubitekerezaho iki?

Hano abanyeshuri bazatanga ibisubizo byinshi, umwarimu azagenzura ko mu bisubizo bitangwa hagaragaramo uburyo bwo kwirinda sida busanzwe buzwi, abakangurire kwifata kurusha ibindi byose.

Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 71)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora: – Kuvugira mu ruhame atanga ibitekerezo bye. – Gusobanura ibyiza by'uburinganire n'ubwuzuzanye mu kazi. – Kugaragaza ubushake bwo kubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye mu kazi no kubishishikariza abandi.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, izindi nyandiko zivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitozo wo kungurana ibitekerezo.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo ntangarugero.

Ikibazo cyo kunguranaho ibitekerezo :

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe kuri iyi nsanganyamatsiko ikurikira "Uburinganira n'ubwuzuzanye hagati y'ibitsina byombi, butuma akazi gakorwa neza."

Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bungurana ibitekerezo biganisha ku nsanganyamatsiko bahawe. Umwarimu arabayobora, akabafasha aho bibaye ngombwa.

Abanyeshuri bamurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo.

Igice cya kane: Ikiganiro mpaka

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 75)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko w'ikiganiro mpaka yasomye, nyuma y'iki gice, umunyeshuri araba ashobora: – Gutahura inshoza, uturango tw'ikiganiro mpaka n'imbata yacyo. – Gutahura uburyo bwo gukora ikiganiro mpaka no kujya impaka.
Imfashanyigisho: Umwandiko w'ikiganiro mpaka, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma igice cy'umwandiko bize gikomoza ku mpaka maze akababaza ibibazo bibaganisha ku bushakashatsi ku biganiro mpaka.

Urugero rw'agace k'umwandiko yabaha n'ibibazo yababazaho.

Umunyamakuru: Ndabashimiye, murakoze ku bitekerezo byiza mungejejeho. Ibyo tutaganiriyeho tuzabikomeza ubutaha tubijyaho impaka. Noneho muzabonereho no kuntuma ku bayobozi banyu. Ngaho mwese nimwihe amashyi kandi ababyeyi na bo bavuze impundu.

Ikibazo: Umunyamakuru arararika abaturage kuzajya impaka ubutaha ku bindi bataganiriyeho. Impaka ni iki? Kora ubushakashatsi utahure inshoza y'ikiganiro mpaka, imbata yacyo n'uko bagitegura.

2.Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo ntangarugero.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. (Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 75).

Umwitozo ku kiganiro mpaka

(Igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 75)

Abanyeshuri barahitamo insanganyamatsiko bajyaho impaka bagatanga ibitekerezo bitandukanye.

Umwarimu akurikira uko abanyeshuri bakora ikiganiro mpaka bubahiriza amabwiriza yo gukora ikiganiro mpaka, akabayobora ndetse akabafasha kunoza ibitekerezo batanga ku nsanganyamatsiko.

Imyitozo nzamurabushobozi

1.Vuga abantu bagize ikiganiro mpaka.

Abagize ikiganiro mpaka : Umuyobozi w'ikiganiro mpaka, abashyigikiye igitekerezo gikubiye mu nsanganyamatsiko, abadashyigikiye igitekerezo, abakemurampaka, umuhwituzi n'indorerezi.

2.Vuga imyitwarire y'abajya impaka.

Umuntu uri mu kiganiro mpaka bagomba:

- Kuvuga uhawe ijambo
- Kwemera igitekerezo cya mugenzi we
- Kwirinda kwiharira ijambo
- Kudaca bagenzi be mu ijambo
- -Kwirinda kurakara no gutera amahane.

Umwitozo nyagurabushobozi

Tegura ikiganiro mpaka ku nsanganyamatsiko « Uburinganire n'ubwuzuzanye ntibishoboka mu muryango nyarwanda ». Wandike ibitekerezo byava mu matsinda aganira kandi hafatwe umwanzuro. (Umwarimu azareba ibyo umunyeshuri yakoze).

Inshamake y'umutwe wa gatatu

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa ingingo z'ingenzi zikubiye mu mutwe wa gatatu bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'ingingo zagaragara mu nshamake

- Umutwe wa gatatu uvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu rugo no mu kazi. Ni ngombwa ko abagize umuryango bunganirana mu rugo rwabo no mu kazi, bakajya inama, bagatahiriza umugozi umwe, bagafashanya bose bagamije iterambere.
- Igisantera ni ijambo rigira umumaro wo gufutura nk'uwa ntera cyakora bigatandukanywa n'uko igisantera kitisanisha buri gihe n'izina kigaragiye. Dushobora gusesengura ntera n'igisantera tukanagaragaza amategeko y'igenamajwi.

Ubumenyi bw'inyongera

Amategeko y'iganemajwi yakoreshwa muri ntera, mu izina ntera no mu gisantera

i→y/-J	n→m /-f
i → ø / - J	n→m /-h; mh→mp mu nyandiko
u→w/-J	n→m /-b
a→ ø /-J	n→m/-p; p→ ø /m-f
u→ w/-J	r→d/n-
a+i→e	n→m /-p
i→y/-J; ky→cy mu nyandiko	n→m /-py
t→d /-GR	n → ø /- n
Igicumbi gifata z mu nt.10	n → ø /- ny
k→g/-GR	n → ø /- m
t→ ø /n-s	c → sh / n -
y→z / n-	b → m / n –

Umwarimu asaba abanyeshuri gushaka ntera, amazina ntera n'ibisantera bishobora gukoreshwamo aya mategeko y'igenamajwi yatanzwe haruguru.

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wagatatu

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 76)

Ibigenderwaho mu isuzuma
– Ubushobozi bwo gusesengura imyandiko. – Ubushobozi bwo kujya impaka mu buryo bwubaka akurikiranya neza ibitekerezo bye. – Ubushobozi bwo gutahura no gusesengura ibisantera

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iri suzuma ku giti cyabo, iyo barangije kurikora buri wese aramukosora, akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

I.Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Abashyitsi bari baje kwa Majyambere bagenzwaga ni iki?

Abo bashyitsi bari baje kureba uko kwa Majyambere biteje imbere.

2. Uru rugendo rwaba rwaragiriye akamaro aba bashyitsi? Sobanura.

Uru rugendo rwabagiriye akamaro. Icya mbere ni uko biboneye ko gushyira hamwe bakuzuzanya biteza imbere urugo. Ikindi ni uko bahawe inka yo kubafasha kwiteza imbere.

3. Urugo rwa Majyambere rurangwa n'ubufatanye hagati y'umugabo n'umugore. Mbese aho wiga ubona hari ubufatanye hagati y'abakobwa n'abahungu mu ishuri? Sobanura.

Kuri iki kibazo abanyeshuri bazatanga ibisobanuro bitandukanye

4. Gukora imirimo yose ku bagore n'abagabo byakwihutisha gute iterambere ry'igihugu?

Ibisubizo byatandukana bitewe n'imitekerereze inyuranye y'abanyeshuri. **Urugero :** kudatoranya imirimo hagati y'ibitsina byombi bituma ntawongera kuvuga ko imirimo iyi n'iyi ari iy'abagabo cyangwa iy' abagore. Buri wese azakora iyo abonye. Byihutisha iterambere kuko nta kudindira kw'imirimo runaka kuzabaho.

5. Nyuma yo kwiga ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye mu rugo no mu kazi; ni uwuhe musanzu watanga mu kwimakaza ihame ryabwo?

Nyuma yo kwiga ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye, nzashishikariza abantu gushyira mu bikorwa iryo hame, abatabyumva neza mbasobanurire.

II. Inyunguramagambo

1. Simbuza amagambo aciyeho akarongo muri izi nteruro andi bihuje inyito yakoreshejwe mu mwandiko.

a) Urugo rutarimo ubwumvikane hagati y'umugabo n'umugore **rupfusha ubusa** umutungo warwo.

Urugo rutarimo ubwumvikane hagati y'umugabo n'umugore **rutagaguza** umutungo warwo.

b) Buri rugo rukwiye kugira **aho rushyira imyanda** mu rwego rwo kurengera ibidukikije.

Buri rugo rukwiye kugira **ikimoteri** mu rwego rwo kurengera ibidukikije.

2. Wifashishije imbusane z'amagambo aciyeho akarongo zakoreshejwe mu mwandiko tunganya interuro zikurikira.

a) Iyo abagize umuryango bumvikana babasha **kubungabunga** umutungo w'urugo.

Iyo abagize umuryango batumvikana **batagaguza** umutungo w'urugo.

b) Intonganya za buri munsi mu rugo zirukururira **igihombo** gikabije.

Ubwumvikane hagati y'abagize umuryangobuzanira urugo **inyungu** nyinshi.

c) **Guhisha abandi** ibyo wagezeho si ubupfura kandi bidindiza iterambere rya benshi .

Kumurikira abandi ibyo wagezeho ni ubupfura kandi bizamura iterambere rya benshi.

III Ikibonezamvugo

1. Tandukanya ntera n'ibisantera mu nteruro zikurikira.

a) Umwarimu yatanze imyitozo mvumburamatsiko myinshi.

Mvumburamatsiko : igisantera **myinshi :** ntera

b) Inkuru mpimbano ikwirakwira mu gihe gito.

Mpimbano : igisantera **gito :** ntera

c) Inzu ndangamuco ibumbatiye umuco nyarwanda.

Ndangamuco: igisantera **nyarwanda:** igisantera

d) Kwita ku byo turya tureba ubuziranenge bwabyo ni umuco mwiza.

Mwiza: ntera

2. Sesengura ibisantera bikurikira ugaragaza n'amategeko y'igenemajwi aho ari ngombwa.

a) Ishuri **nderabarezi** n-rer-a-ø-ba-rer-yi n→d/n-, r+y→z

b) Inzira **njyabukene** n-gi-a-ø –bu-ken-e i→y/-J, gy→jy mu myandikire

c) Igikorwa **ngarukamwaka** n-garuk-a- ø-mu-aka u→w/-J

d) Ikinamico **ngwizabitwenge** n-gwir- y-a - ø -bi-tweng-e r+y→z

Imyitozo nyagurabushobozi

1. Garagaza isano iri hagati y'ubukene no kutubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango.

Umuryango urangwa no kutumvikana uhora mu makimbirane. Ayo makimbirane n'induru za buri munsi birangaza abagize umuryango ntibatekereze ku cyabateza imbere. Nyamara umuryango urangwa no gushyira hamwe, abawugize bumvikana, bajya inama bagatekerereza hamwe icyabateza imbere. Bityo rero kutita ku buringanire n'ubwuzuzanye mu muryango, ni inzira iganisha ku bukene no ku mwiryane mu muryango.

2. Ubaka interuro irimo ntera, indi irimo izina ntera n'indi irimo igisantera nurangiza uvuge itandukaniro ryabyo.

Ibisubizo biratandukana bitewe n'imyumvire y'abanyeshuri. Umwarimu asuzume ingero z'interuro abanyeshuri batanze, akurikirane ko basubiza neza, ukoze amakosa akamukosore.

3. Garagaza ibisantera biri muri izi nteruro nurangiza ubishakire uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe.

a) Inzu **ndangamurage**

n-rang-a-ø-mu-rag-e r→d/n-

b) Imyitozo **mvumburamatsiko**

n-vumb-ur-a- ø-ma-tsiko n→m/-v

c) Ibitekerezo **ndengamipaka**

n-reng-a-ø-mi-paka r→d/n-

d) Ikiganiro **nyunguranabitekerezo**

n-ung-ur-an-a- ø-bi-tekerez-o n→ny/-J

e) Ubuyobozi **nshingamategeko**

n-shing-a -ø-ma-tegek-o Nta tegeko

Imyitozo nzamuraboshobozi

1. **«Umugabo muzima ni uwisubiraho». Huza iyi mvugo n'ibyabaye kuri Migambi.**

Migambi ntiyumvaga ibyo gufatanya n'umugore we Mukarwego ariko yaje kubyumva amaze gusobanurirwa n'umukobwa we. Ahita afata umwanzuro wo kwisubiraho.

2. **Kutavangura imirimo hagati y'abagabo n'abagore byihutisha iterambere. Sobanura mu magambo yawe uko ubyumva.**

Numva ko kutavangura imirimo hagati y'abagabo n'abagore byihutisha iterambere kuko nta mirimo idindira, mu gihe idategereje gukorwa n'aba n'aba. Abashyize hamwe batera imbere.

Umwitozo nzamurabushobozi

Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi by'ibisantera bitsindagiye mu nteruro zikurikira:

a) Imikino **ngororamubiri** irananura.
b) Mu nzu **mberabyombi** hakorerwamo n'inama.
c) Imikino **mpuzamahanga** iradushimisha.
d) Umwandiko **mbarankuru** abawusoma ntibarambirwa.

Ibisubizo

Ijambo	Uturemajambo	Amategeko y'igenamajwi
Ngororamubiri	n-gor-ur-a- ø-mu-biri	u→o/Zo-
Mberabyombi	n-ba-ir-a-bi-o-mbi	n →m/-b, a+i→e, i→ y/-J
Mpuzamahanga	n-hur-y-a- ø-ma-hanga	n→m/-h, mh→mp mu myandikire, r+y→z
Mbarankuru	n-bar-a- ø-n-kuru	n →m/-b

UMUTWE WA KANE
IBIDUKIKIJE

4

Umubare w'amasomo: 24

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gusesengura umwandiko ku nsanganyamatsiko y'ibidukikije no gusesengura interuro agaragaza ibice byayo n'imimaro y'amagambo ayigize.

Ubushobozi shingiro

Umunyeshuri agomba kuba azi:

- Ibidukikije icyo ari cyo n'akamaro bifite.
- Amoko y'amagambo atandukanye mu Kinyarwanda nk'izina, ibyungo, inshinga n'andi
- Agomba kuba azi inshoza ya ruhamwa, iy'inshinga n'iy'icyuzuzo.

Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho

Kwita ku bidukikije: Hifashishijwe mu mwandiko uvuga ku kubungabunga ibidukikije; ndetse n'ibibazo byo kumva umwandiko bigaragaramo ingingo yo kwita ku bidukikije, umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe iyi ngingo.

Uburinganire n'ubwuzuzanye: Abanyeshuri barakangurirwa kubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, bakorera mu matsinda aba yakozwe nta vangura.

Uburezi budaheza: Iyi ngingo nsanganyamasomo igomba kubahirizwa abanyeshuri bose bitabwaho, abafite ubumuga ubwo ari bwose by'akarusho bakitabwaho uko bikwiye nta vangura.

Uburyo bwo kwinjira mu isomo

Abanyeshuri ubwabo ni bo bagomba kwivumburira ibyo bagiye kwiga, bahereye ku kwitegereza amashusho, ku kaganiro mvumburamatsiko n'ubundi buryo umwarimu yakoresha mu rwego rw'ivumburamatsiko. Umwarimu agenda ayobora abanyeshuri kandi akabafasha kunonosora ibisubizo batanga ku buryo bibaganisha ku cyo bagiye kwiga.

Urutonde rw'ibice bigize umutwe wa kane n'umubare w'amasomo

Umutwe wa kane: Ibidukikije Umubare w'amasomo : 24		
Umwandiko ku kubungabunga amashyamba n'ibishanga : Ndekwe na Gatesi bavuye ku ishuri.		
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ku kubungabunga amashyamba n'ibishanga: « Ndekwe na Gatesi bavuye ku ishuri. »	Gusoma no gusobanura umwandiko.	Amasomo 3
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko: "Ndekwe na Gatesi bavuye ku ishuri."	Gusoma no gusesengura umwandiko.	Amasomo 3
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo	Kugaragaza ubundi buryo bwo kubungabunga ibidukikije butavuzwe mu mwandiko.	Amasomo 2
Igice cya kane: Ibice by'interuro	Gusesengura interuro agaragaza ibice byazo.	Amasomo 3
Umwandiko ku kubungabunga amazi: Inzovu y'amakenga n'izindi nyamaswa		
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko: "Inzovu y'amakenga n'izindi nyamaswa."	Gusoma no gusobanura umwandiko.	Amasomo 3
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko: "Inzovu y'amakenga n'izindi nyamaswa"	Gusoma no gusesengura umwandiko.	Amasomo 3
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo	Kungurana ibitekerezo ku kamaro k'amazi	Amasomo 2
Igice cya kane : Imimaro y'amagambo mu nteruro	Gusesengura interuro agaragaza ibice n'imimaro y'amagambo azigize.	Amasomo 3
Isuzuma rusange risoza umutwe wa kane		Amasomo 2

Umwandiko: Ndekwe na Gatesi bavuye ku ishuri

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 80)

Intego zihariye

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice, umunyeshuri araba ashobora:

- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

Imfashanyigisho: Umwandiko uvuga ku bidukikije, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu abwira abanyeshuri kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma akababazaho ibibazo biganisha kuri uwo mwandiko.

2.Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice, ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo.

Urugero rw'ibyavaa mu matsinda

I. Ibibazo n'ibisubizo ku nyunguramagambo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 84)

1. Huza ijambo riri mu ruhushya A n'igisobanuro cyaryo kiri mu ruhushya B.

Uruhushya A	Uruhushya B
1. Gikakaye	f) Gikaze
2. Ihame	e) Ukuri
3. Akanyamuneza	h) Ibyishimo
4. Gahunda	j) Umurongo ngenderwaho
5. Bwite	d) Yihariye
6. Amahumbezi	c) Umwuka
7. Adufatiye runini	b) Adufitiye akamaro
8. Kumenaho abiri	a) Kuganiraho gato

2. Simbuza amagambo atsindagiye ayo bihuje inyito ukuye mu mwandiko.

a) Imisozi **idateyeho amashyamba.**
Imisozi **yambaye ubusa.**

b) Ikizamini cyari gikomeye ariko **nakoze uko nshoboye kose.**
Ikizamini cyari gikomeye ariko **nageratageje !**

c) Nange **ntegereje ikizakurikiraho.**
Nange **mbihanze amaso.**

I. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 85)

1. **Ndekwe yabwiye Gatesi ko mu gitondo akangurwa n'iki?**
   Ndekwe yabwiye Gatesi ko mu gitondo akangurwa n'imisambi.

2. **Iwabo wa Gatesi bazigama bate inkwi n'amakara.**
   Iwabo wa Gatesi bazigama inkwi n'amakara bakoresha amashyiga ya canamake.

3. **Icyo sekuru wa Gatesi yakoze kibangamira ibidukikije ni iki ?**
   Sekuru wa Gatesi yahingaga mu gishanga atubahiriza amabwiriza ya goronome.

4. **Umwuka mwiza uva mu mashyamba ufite akahe kamaro ?**
   Umwuka mwiza uva mu mashyamba udufitiye akamaro ko kugabanya umwuka wa gazi ya karubone, hakaboneka umwuka wa ogusijeni ibinyabuzima bihumeka.

5. **Abantu bagiye basarura amashyamba uko bishakiye bishobora guteza ikihe kibazo?**
   Ibyo byadukururira ubutayu, imvura yabura, tukabura umwuka mwiza wo guhumeka n'ibindi.

6. **Sobanura uburyo bwo kubungabunga amashyamba n'ibishanga bivugwa mu mwandiko.**
   - Uburyo bwo kubungabunga amashyamba: kwirinda kwangiza ingemwe no gusarura mu kajagari, kuyakonorera no kwirinda kuyaragiramo amatungo, gutera amashyamba mashya no kuvugurura asanzwe.
   - Uburyo bwo kubungabunga ibishanga: kwirinda guhinga mu bishanga uko twiboneye, kwirinda kubaka mu bishanga.

Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 86)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice, umunyeshuri araba ashobora: - Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. - Kugaragaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko. - Guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe .
Imfashanyigisho: Umwandiko uvuga ku bidukikije, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

2.Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice, ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Urugero rw'ibyavamu matsinda:

a) Umaze gusoma uyu mwandiko, urumva hakorwa iki kugira ngo igihugu kirindwe ubutayu?

- Kugira ngo igihugu kirindwe ubutayu, hagomba guterwa ibiti byinshi bisimbura amashyamba asarurwa, hagaterwa n'ibiti mu bihanamanga n'ahantu h'agasi hambaye ubusa.
- Kwirinda gusarura amashyamba mu kajagari, kwirinda kuyatsinsura kugira ngo ubutaka budatwarwa n'isuri.

b) «Nutema kimwe uge utera bibiri ». Uhereye ku bivugwa mu mwandiko, iyi mvugo itwigisha iki ?

Uhere ku mwandiko, iyi mvugo itwigisha ko ahasaruwe ibiti hagomba guterwa ibindi byinshi kugira ngo hatavuka ikibazo cy'ubutayu.

c) Gerageza kugereranya ibivugwa mu mwandiko ku bishanga, imigezi, inzuzi n'ibiyaga n'uko ubibona aho utuye.

Ibisubizo by'abanyeshuri bitandukana bitewe n'imiterere y'aho batuye.

d) Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigaragara mu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi

- Kubungabunga amashyamba.
- Kubungabunga ibishanga.

Ingingo z'ingereka

- Gukoresha amashyiga ya canamake na biyogazi mu kubungabunga amashyamba.
- Gutera amashyamba mashya no kwirinda gutsinsura amashyamba.
- Guhinga mu bishanga bakurikiza amabwiriza y'impuguke mu by'ubuhinzi

Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 86)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora: – Kuvugira mu ruhame atanga ibitekerezo bye. – Gusobanura ibyiza by'ibidukikije. – Kugaragaza ubushake bwo kubungabunga ibidukikije no kubishishikariza abandi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, izindi nyandiko zivuga ku bidukikije n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitozo wo kungurana ibitekerezo.

2.Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice, ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Insanganyamatsiko yo kunguranaho ibitekerezo.

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku buryo abantu barinda amashyamba kandi bakenera buri munsi inkwi n'amakara byo gucana ndetse n'ibiti byo kubakisha tutibagiwe n'ibikoresho bitandukanye bikorwa mu mbaho?

Umwarimu azenguruka mu matsinda, agenzura ko abanyeshuri bungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko bahawe. Umwarimu agenzura ko mu mwanzuro hagaragaramo ubundi buryo bwo kurengera ibidukikije nko gukoresha ibindi bicanwa bidakomoka ku

biti n'ibindi bikoresho bidakoze mu biti.

Igice cya kane: Iyiganteruro

Ibice by'interuro

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 86)

Intego zihariye
Ahereye ku nteruro yasomye, nyuma y'iki gice, umunyeshuri araba ashobora: – Gukora interuro ziboneye z'inyabumwe. – Gusesengura interuro agaragaza ibice byazo.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'ikibonezamvugo n'izindi mfashanyigisho.

Intangiriro

Umwarimu yifashishije interuro asaba abanyeshuri gusoma interuro bagatahura ibice byazo.

Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice, ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda umwarimu abafasha kubinonosora akabikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 68

Ibibazo n'ibisubizo ku myitozo yatanzwe ku iyiganteruro.

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 90)

1. **Garagaza ruhamwa mu nteruro zikurikira uzicaho akarongo kandi uvuge n'ubwoko bwazo .**

Interuro	Guca akarongo kuri ruhamwa	Ubwoko bwa ruhamwa
a) Amazi mabi atera indwara	Amazi mabi atera indwara	Ruhamwa mboneranteko
b) Ndekezi abungabunga ibidukikije	Ndekezi abungabunga ibidukikije	Ruhamwa mboneranteko
c) Inkoni zitwaza abakambwe.	Inkoni zitwaza abakambwe.	Ruhamwa nyurabwenge
d) Karabaye.	Karabaye	Ruhamwa mburabuzi
e) Amata yanyoye umukobwa uvuye aha.	Amata yanyoye umukobwa uvuye aha.	Ruhamwa nyurabwenge

2. **Ubaka interuro enye zirimo ibyuzuzo mbonera bikurikira: Ibishanga, ikirere, amazi, amashyamba.**

Interuro zatandukana bitewe n'imitekerereze y'abanyeshuri. Umwarimu agenzura ko abanyeshuri batanze interuro buhahiriza ibisabwa, aho bakoze amakosa akabakosora.

Urugero rw'interuro zatangwa

- Minisitiri yafashe ingamba zo kubungabunga ibishanga.
- Ibyuka biva mu nganda bihumanya ikirere.
- Mukakalisa atetse amazi.
- Kanyandekwe aratera amashyamba.

3. **Garagaza ibyuzuzo bihagitse mu nshinga zikurikira**

- **Barabiteye :** Barabiteye
- **Muzabimuzanire:** Muzabimuzanire
- **Mukabaziga yarahagiye**: Mukabaziga yarahagiye.
- **Wa muti bazawunzanira ku wa kane:** Wa muti bazawunzanira ku wa kane.

4. Tahura ibyuzuzo biri mu nteruro zikurikira kandi ugaragaze ubwoko bwabyo.

Interuro	Ibyuzuzo	Ubwoko
Kanyana akaraba mu gitondo.	mu gitondo.	Icyuzuzo nziguro k'igihe
Baza kwiga buri gihe.	buri gihe.	Icyuzuzo nziguro k'inshuro
Abana bararya imbuto.	imbuto.	Icyuzuzo mbonera
Aseka nka mubyara we.	nka mubyara we.	Icyuzuzo nziguro kigereranya
Kabera ari ku igare.	ku igare.	Icyuzuzo nziguro cy'ahantu

5. Garagaza ibice by'interuro zikurikira

a) **Suzana arasarura ibigori.**
Suzana: ruhamwa; arasarura: inshinga; ibigori: icyuzuzo

b) **Sebazungu akora kure.**
Sebazungu: ruhamwa ; akora: inshinga; kure: icyuzuzo nziguro cy'ahantu.

c) **Ubuzima bwiza bw'abaturage bushingira ku kubungabunga ibidukikije.**
Ubuzima bwiza bw'abaturage: ruhamwa; bushingira: inshinga
ku kubungabunga ibidukikije: icyuzuzo nziguro cyunga.

d) **Uriya mukobwa abyibushywa no kurya kenshi.**
Uriya mukobwa: ruhamwa abyibushywa: inshingano
kurya kenshi: icyuzuzo nziguro cyunga.

Umyitozo nzamurabushobozi

1. Garagaza inshinga mu nteruro zikurikira:

a) Abana bato bose binjire mu ishuri.
Abana bato bose **binjire** mu ishuri.

b) Abakinnyi bakoresheje imbaraga nyinshi.
Abakinnyi **bakoresheje** imbaraga nyinshi.

c) Iri shyamba rikura vubavuba.
Iri shyamba **rikura** vubavuba.

d) Gahizi yandika neza.
Gahizi **yandika** neza.

2.Garagaza ruhamwa mu nteruro zikurikira uzicaho akarongo kandi uvuge n'ubwoko bwazo

Interuro	Guca akarongo kuri ruhamwa	Ubwoko bwa ruhamwa
a) Inka yica itya ni iya nde?	**Inka** yica itya izaragira nde?	Ruhamwa mboneranteko
b) Ibitabo byiza byandika abahanga	Ibitabo byiza byandika **abahanga**	Ruhamwa nyurabwenge
c) Abakuru n'abato bitabiriye inama.	**Abakuru n'abato** bitabiriye inama.	Ruhamwa mboneranteko
d) Umupira ukina **umuhanga**	Umupira ukina umuhanga	Ruhamwa nyurabwenge
e) **Hariya** harakonje	Hariya harakonje	Ruhamwa mboneranteko

Umwitozo nyagurabushobozi

Kora interuro eshateshatu zigaragaramo ubwoko bwa ruhamwa bwose wize.

Interuro abanyeshuri batanga ziratandukanye. Umwarimu agenzura ingero z'interuro abanyeshuri batanze, akazisuzuma neza areba ko batanze interuro zigaragaramo amoko ya ruhamwa.

Umwandiko: Inzovu y'amakenga n'izindi nyamaswa

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 92)

Intego zihariye

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora:

- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku bidukikije, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho.

Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma akababazaho ibibazo biganisha kuri uwo mwandiko.

Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo ntangarugero.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo.

Urugero rw'ibyava mu matsinda

I. Ibibazo n'ibisubizo ku nyunguramagambo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa71)

1. Vuga icyo amagambo atsindagiye asobanura mu mwandiko.

a) **Gukora bwangu**: vubavuba.

b) **Gufata ingamba:** gahunda y'icyakorwa.

c) **Ubutayu**: ahantu hacitse ibiti, hagasigara hambaye ubusa

d) **Kumenya amakuru by'imvaho**: Ukuri kudashidikanywaho.

e) **Amazi y'ibirohwa**: amazi mabi atobamye adakwiye gukoreshwa.

f) **Kwitana bamwana**: gusiganira gukora ikintu cyangwa kutemeranwa ku wakoze ikintu.

2. Simbuza amagambo atsindagiye ayo bihuje inyito ukuye mu mwandiko.

a) Inyamaswa zose z**iraterana.** (zirakorana)

b) Inama y'**ako kanya**. (y'igitaraganya)

c) Inyamaswa zose **zirashoberwa**. (ziramanjirwa)

d) Ngo bafatire hamwe **gahunda y'icyakorwa**. (ingamba z'ibyakorwa)

e) Inzovu **igenda hakiri kare cyane**. (irazinduka)

II. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 94)

1. Inzovu Kabombo yahoraga ihangayikishijwe n'iki?

Inzovu Kabombo yahoraga ihangayikishijwe n'ubutayu bwagendaga bwototera icyanya k'inyamaswa.

2. Inama ya mbere imaze guterana, inzovu Kabombo yabajije iki izindi nyamaswa?

Inzovu Kabombo yabajije izindi nyamaswa niba muri zo hari iyamara iminsi ibiri cyangwa itatu idakoresha amazi.

3. Twiga yavuze ko yo n'umuryango wayo bibagendekera bite iyo babuze amazi?

Twiga yavuze ko iyo babuze amazi yo n'umuryango wayo bamererwa nabi.

4. Inyamaswa zimaze kujya impaka zemeranyijwe iki?

Impaka zirangiye, inyamaswa zose zemeranyijwe ko zigiye gucukura icyuzi kinini cyo kujya zibikamo amazi yo gukoresha mu gihe k'Impeshyi.

5. Ni ayahe makosa banenze Ngurube na Mbata mu nama ya mbere y'inyamaswa?

Kwa Ngurube bogeraga uburimiro mu cyuzi bavuye guhinga naho kwa Mbata bakirirwa bigaragura mu cyuzi, bajabata amazi ngo barakora siporo.

6. Vuga uburyo bwo kubungabunga ibidukikije buvugwa mu mwandiko.

Kwirinda kumena imyanda mu mazi, kurwanya isuri, gutera ibiti no guhinga tudasatira imigezi.

Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 95)

Intego zihariye

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice, umunyeshuri araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko.
- Guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe .

I**mfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku bidukikije, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice, ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda:

1. Tanga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigaragara mu mwandiko wasomye.

Ingingo z'ingenzi zigaragara mu mwandiko:

- Akamaro k'amazi
- Akamaro k'ibishanga

Ingingo z'ingereka ziri mu mwandiko:

- Kurinda no kubungabunga amazi
- Kwita ku bishanga
- Ingamba zo kubungabunga amazi n'ibishanga.

2. Uretse guhinga basatira imigezi isuri igashorera itaka mu migezi, inzuzi n'ibiyaga, ni ibihe bintu bindi bibangamira amazi?

Ibintu bibangamira amazi y'imigezi, inzuzi n'ibiyaga ni: kumenamo imyanda. Ishobora kuba imyanda ituruka mu ngo ndetse n'imyanda iva mu nganda. Ibyatsi by'amarebe na byo ni ikibazo. Ibyo bimera bipfukirana amazi, bikaba bishobora gukamya amazi kuko bikenera amazi menshi. Ibyo bimera bibangamira cyane ibinyabuzima byo mu mazi kuko bibura umwuka mwiza biba bikeneye.

3. Huza ibyabaye ku nyamaswa muri uyu mwandiko n'ubuzima bw'abantu busanzwe. Abantu bakwiye gukora iki ngo barinde kandi babungabunge amazi?

Ibitekerezo byatandukana bitewe n'imyumvire y'abanyeshuri, umwarimu agakurikirana ibitekerezo byatanzwe anafasha abanyeshuri kubinoza uko bikwiye.

Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 95)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora: – Kuvugira mu ruhame atanga ibitekerezo bye. – Gusobanura ibyiza by'ibidukikije. – Kugaragaza ubushake bwo kubungabunga ibidukikije no kubishishikariza abandi.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, izindi nyandiko zivuga ku bidukikije n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitozo wo kungurana ibitekerezo.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice, ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Insanganyamatsiko yo kunguranaho ibitekerezo

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe kuri iyi nsanganyamatsiko.

"Amazi afite akamaro kanini ku batuye isi."

Umwarimu akurikirana uko abanyeshuri bungurana ibitekerezo mu matsinda ku nsanganyamatsiko bahawe, akabafasha kunoza ibitekerezo byabo.

Umwitozo ku ihangamwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 95)

Umwarimu asaba buri munyeshuri ku giti ke guhanga umwandiko ku nsanganyamatsiko yatanzwe. Umwarimu agenzura ko buri munyeshuri yakoze umwitozo w'ihangamwandiko maze akarebe ko umwandiko yakoze ukurikije ibi bikurikira.

- Imbata y'umwandiko
- Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda
- Uburebure
- Inozamvugo
- Ingingo ziri mu mwandiko.

Urugero : Kubura kw'imvura, kwangirika k'umwuka duhumeka, kuba ubutayu kw'ahantu gutera isuri, gucika kw'ibinyabuzima bimwe na bimwe n'ibindi.

Igice cya kane: Iyiganteruro

Imimaro y'amagambo mu nteruro

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 95)

Intego zihariye
Ahereye ku nteruro yasomye, nyuma y'iki gice, umunyeshuri araba ashobora: - Gukora interuro ziboneye z'inyabumwe. - Gusesengura interuro agaragaza imimaro y'amagambo azigize.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, akababwira gusoma interuro bagaragaza ibice byazo. Umwarimu abwira abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda, akabafasha kubinoza.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice, ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyavuye mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 70.

Imyitozo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 96)

Ibibazo n'ibisubizo ku myitozo

1. Garagaza impuza muri izi nteruro

a) Abanyeshuri biga **kugira ngo** bamenye.	**kugira ngo** ni impuza
b) Mutahe kare **kuko** ejo mufite akazi kenshi.	**kuko** ni impuza
c) Amazi **n'**amashyamba ni ingenzi mu buzima.	**na** ni impuza

2. Garagaza imfutuzi muri izi nteruro

a) **Aba** bana **beza** baratera ibiti byiza.	Aba, beza, byiza ni imfutuzi.
b) Twige gufata **neza** ibishanga.	Neza ni imfutuzi.
c) Yahimbye indirimbo **ndende.**	Ndende ni imfutuzi.

3. Erekana imimaro y'amagambo agize interuro ikurikira.

Tunywa amazi yujuje ubuziranenge kugira ngo tugire ubuzima bwiza.

Tunywa: **inshinga**	Amazi: **icyuzuzo**
Yujuje: **inshinga**	Ubuziranenge: **icyuzuzo**
Kugira ngo: **impuza**	Tugire: **inshinga**
Ubuzima: **icyuzuzo**	Bwiza: **imfutuzi**

4. Ubaka interuro eshatu zirimo imfutuzi n'eshatu zirimo impuza.

Imfutuzi: Aba baturage bateye amashyamba **menshi.**

Inganda **zimwe** zohereza imyuka **mibi** mu kirere.

Uyu munyeshuri akora neza mu ishuri.

Impuza: Uyu mwana ntamara ibi biryo kubera ko ari byinshi.

Mugende buhorobuhoro kuko inyamanswa ziri aho hafi.

Musubiza neza nk'ababyize.

Umwitozo nzamurabushobozi

Garagaza imimaro y'amagambo atsindagiye muri izi nteruro.

a) **Migambi** yamfatiye ikemezo **kiza**.

Migambi: **ruhamwa mboneranteruro**
Kiza: **imfutuzi**

b) Mpinganzima **na** mugenzi **we** batashye amahoro.

Na: **impuza**
We: **imfutuzi**

c) **Kugenda** kwa Mahoro kwashimishije **benshi.**

Benshi: **imfutuzi**
Kugenda: **ruhamwa mboneranteruro**

Umwitozo nyagurabushobozi

Garagaza umumaro wa buri jambo mu nteruro zikurikira.

a) Uyu agiye he?
Uyu: **Ruhamwa mboneranteruro**; agiye: **inshinga**; he: **imfutuzi**

b) Imboga zibona abana.
Imboga: icyuzuzo; zibona: **inshinga**; abana: **Ruhamwa nyurabwenge**

c) Burije mutebuke dutahe.
Burije: **Ruhamwa mburabuzi**; mutebuke: **Inshinga**; dutahe: **inshinga**

d) Si wowe mvuga?
Si: **inshinga**; wowe: **imfutuzi**; vuga: **inshinga**

Inshamake y'umutwe wa kane

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa kane bityo bikabafasha gukora inshamake. Urugero rw'inshamake bakora :

Muri uyu mutwe wa kane hakubiyemo ibintu bibiri by'ingenzi :

- Imyandiko ku nsanganyamatsiko yo kubungabunga amashyamba no kubungabunga amazi n'ibishanga. Gufata neza ibidukikije, amashyamba, amazi n'ibishanga ni ingirakamaro
- Gusesengura interuro ngufi herekanwa ibice by'interuro n'imimaro y'amagambo ayigize.
- Ibice by'interuro ruhamwa, inshinga n'icyuzuzo.

Imimaro y'amagambo mu nteruro ni ruhamwa, inshinga, icyuzuzo, imfutuzi n'impuza.

Ubumenyi bw'inyongera

Iyiganteruro

Ibice by'interuro

Twabonyeko interuro iba igizwe na ruhamwa, inshinga n'icyuzuzo. Iyo ruhamwa, inshinga cyangwa icyuzuzo bigizwe n'amagambo abiri cyangwa arenga babyita itsinda rya ruhamwa, **itsinda ry'inshinga cyangwa itsinda ry'icyuzuzo.**

Ing**ero**

a) Abaturage bose bahise bubahiriza amabwiriza yose.

Abaturage bose: Itsinda rya ruhamwa **bahise bubahiriza:** itsinda ry'inshinga
amabwiriza yose: itsinda ry'icyuzuzo

b) Iyo nama ya mbere yabaye ingirakamaro cyane.

Iyo nama ya mbere: Itsinda rya ruhamwa yabaye : inshinga
ingirakamaro cyane: Itsinda ry'icyuzuzo

c) Ibishanga byacu bizahora bidufitiye akamaro kanini.

Ibishanga byacu: itsinda rya ruhamwa **bizahora bidufitiye**: itsinda ry'inshinga
akamaro kanini: itsinda ry'icyuzuzo

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa kane

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 98)

Ibigenderwaho mu isuzuma
– - Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko yasomye – - Ubushobozi bwo gusesengura no kubaka interuro ziboneye

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iri suzuma ku giti cyabo, iyo barangije kurikora buri wese aramukosora, akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Ha undi mutwe umwandiko umaze gusoma.

Ingero

- Twite ku bidukikije
- Tubungabunge ibidukikije
- Ibidukikije bidufitiye akamaro
- Rengera ibidukikije

2. Andika ibindi bihingwa bitatu byera mu bishanga bitavuzwe mu mwandiko.

Ibihaza, amashu, imiteja, amacunga, indimu, ibigori, soya, ibishyimbo, amateke

3. Muri uyu mwandiko umwanditsi arishimira iki? Aranenga iki?

Umwanditsi arishimira ko abantu basobanukiwe neza inama zo kubungabunga ibidukikije harimo amazi n'amashyamba. Arashishikariza gutera ibiti bivangwa n'indi myaka bigasimbura ibinyunyuza ubutaka. Asoza ashima gahunda yo kurinda imigezi, ibiyaga n'inzuzi kuko habamo ibinyabuzima byo mu mazi nk'amafi.

Aranenga abangiza amashyamba batwika amakara.

4. Andika ibikorwa bibiri bishobora gukorerwa mu bishanga ntibyangize ibidukikije.

- Ubworozi bw'amafi,
- Ubuhinzi bw'umuceri, imboga n'imbuto ariko hakurikizwa inama z'impuguke,
- Imirimo y'ubushakashatsi.

5. Ni ibihe bibazo byavuka abantu batemye amashyamba agashira mu gihugu.

- Igihugu cyahinduka ubutayu.
- Abantu bazahazwa n'ibyuka bibi kuko amashyamba aringaniza umwuka wa gazi ya karubone hakiyongera umwuka mwiza wa ogusijeni.

6. Ibivugwa mu mwandiko bihuriye he n'ubuzima busanzwe wowe ubamo?

Iyo nitegereje aho dutuye n'iwacu mu rugo, nsanga… Hari amashyamba adafatwa neza, ibishanga bidahingwa neza ariko ubu nsobanukiwe ko ari ngombwa gukurikiza amabwiriza y'impuguke mu gihe abantu bahinga mu bishanga. Tugomba gutera amashyamba menshi mashya kugira ngo asimbure agenda asarurwa. Tugomba kubungabunga ibishanga kuko ari byo bibika amazi. Kwita ku bidukikije ni ukubungabunga ubuzima.

II. Inyunguramagambo

1. Sobanura aya magambo akurikira ukurikije icyo avuga mu mwandiko wasomye:

a) akaga : icyago cyugarije abantu

b) agoronome : umuntu w'impuguke mu by'ubuhinzi

c) imirenzo : imitabo, ubuhinge bukoresha uturundo tw'ubutaka, bahinga barunda igitaka, bikamera nk'ibizana umugongo.

2. Ubaka interuro mbonezamvugo ziganisha ku kubungabunga ibidukikije ukoresheje amagambo akurikira: ibishanga, imigezi, amashyamba, imiferege.

Ingero

a) Ibishanga: Tugomba kubungabunga ibishanga kuko bibika amazi agaburira imigezi, inzuzi n'ibiyaga.

b) Imigezi: Abahinga bakwiye kwirinda gusatira imigezi mu kuyibungabunga kugira ngo itaka ridashokeramo.

c) Amashyamba: Twite ku mashyamba, twirinde kuyatsinsura kuko ayungurura umwuka mwiza duhumeka

d) Imiferege: Igihe duca imiferege mu bishanga tugomba gukurikiza amabwiriza y'impuguke mu by'ubuhinzi kugira ngo tutabimaramo amazi.

III. Ikibonezamvugo

Shaka ibice bigize buri nteruro n'imimaro ya buri jambo mu nteruro zikurikira.

a) Amashyamba afatwe neza.
b) Abaturage ntibasarura amashyamba mu kajagari.
c) Abantu birinda gutsinsura amashyamba.
d) Isuri imanukana ubutaka bwiza.

Ibice by'interuro

	Interuro	Ruhamwa	Inshinga	Icyuzuzo
1	Amashyamba afatwe neza.	amashyamba	afatwe	neza
2	Abaturage ntibasarura amashyamba mu kajagari.	abaturage	ntibasarura	amashyamba mu kajagari
3	Abantu birinda gutsinsura amashyamba.	abantu	birinda	gutsinsura amashyamba
4	Isuri imanukana ubutaka bwiza.	isuri	imanukana	ubutaka bwiza

Imimaro y'amagambo mu nteruro

a) Amashyamba afatwe neza.
Amashyamba : ruhamwa ; **afatwe :** inshinga ; **neza :** icyuzuzo

b) Abaturage ntibasarura amashyamba mu kajagari.
Abaturage : ruhamwa; **ntibasarura:** inshinga; **amashamba:** icyuzuzo; **mu:** impuza ; **akajagari :** imfutuzi

c) Abantu birinda gutsinsura amashyamba.
Abantu: ruhamwa; **barinda:** inshinga; **gutsinsura**: icyuzuzo; **amashyamba:** icyuzuzo

d) Isuri imanukana ubutaka bwiza.

Isuri: ruhamwa; **Imanukana**: inshinga; **butaka:** icyuzuzo; **bwiza:** imfutuzi

IV. Guhanga umwandiko

Hanga umwandiko w'amagambo atarenze 200 uvuga ku kubungabunga ibidukikije ushyiremo ingingo zikurikira.

- Kurwanya itwikwa ry'amashyamba,
- Kurwanya ba rushimusi,
- Kudahumanya ikirere.

Umwarimu akosora abanyeshuri yita ku mabwiriza yo guhanga umwandiko.

Imyitozo nyagurabushobozi

1. Erekana ibice by'interuro zikurikira

a) Amashyamba adufitiye akamaro kanini.
Amashyamba: ruhamwa; **adufitiye:** inshinga; **akamaro kanini:** icyuzuzo

b) Ibishanga byacu bibumbatiye ibinyabuzima:

Ibishanga byacu: ruhamwa ; **bibumbatiye:** inshinga ; **ibinyabuzima:** icyuzuzo

2. Shaka mu kinyatuzu gikurikira ibyuzuzo nziguro, hanyuma ubikoreshe mu nteruro ngufi.

X	O	P	I	T	A	U	I	R	I
I	Y	R	H	I	N	O	K	U	H
H	A	F	I	M	I	J	I	E	A
W	N	I	E	I	J	P	G	D	N
S	X	D	U	G	O	K	O	A	I
I	B	V	K	U	R	E	R	H	M
L	O	C	A	B	O	R	O	L	U
P	H	I	R	Y	A	A	B	E	N
M	G	L	E	M	N	E	A	U	S
E	H	A	K	U	R	Y	A	O	I

a) Ibyuzuzo nziguro by'ahantu byanditse intambike (usoma uva ibumoso ujya iburyo)

Hino: Kamana atuye hino y'isoko
Kure: Ibitaro biri kure y'ikibuga.
Hirya: Amashuri yubatse hirya y'iwacu.
Hakurya: Mugabo ahinga hakurya y'uruzi.

b) Ibyuzuzo nziguro by'igihe byanditse impagarike (usoma uva hejuru ujya hasi)

Kare: Atanazi abyuka kare.
Kera: Kera hariho amashyamba menshi.
Nijoro: Sekuru yoga nijoro.
Ikigoroba: Abo banyeshuri bigaga ikigoroba.
Nimunsi: Uzaze kundeba nimunsi.

Interuro abanyeshuri bakoreshamo ibi byuzuzo zishobora gutandukana bitewe n'imyumvire yabo.

Imyitozo nzamurabushobozi

Shaka mu gika gikurikira amagambo yose afite umumaro w'impuza, hanyuma wandike ubwoko bwayo.

Abaturage bumvise vuba inama zo kubungabunga ibidukikije hitabwa ku bishanga n'amashyamba. Abantu bazi neza ko hari ibiti bivangwa n'imyaka kandi ntibiyangize ahubwo byongera umwuka mwiza nkenerwa. Ibiti bizana amahumbezi, ubutaka bugahorana ubuhehere ku buryo ibihingwa birimo gutanga umusaruro. Ya makara yacicikanaga i Kigali ubu yasimbuwe n'uruhererekane rw'imyaka ngandurarugo iba yasaguriwe amasoko. Uriye agafi kavuye mu kiyaga asingiza uwakwirakwije gahunda yo kwita ku bishanga imigezi n'inzuzi.

zo: ikinyazina ngenera	**ku**: indangahantu	**n'**(a): icyungo
ko: icyungo	**kandi**: icyungo	**ahubwo**: icyungo
ku: indangahantu	**i**: indangahantu	**rw'** (a): ikinyazina ngenera
mu: indangahantu	**yo**: ikinyazina ngenera	**ku:** indangahantu

Inshamake y'umutwe

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa kane bityo bikabafasha gukora inshamake. Urugero rw'inshamake bakora:

Muri uyu mutwe wa kane hakubiyemo ibintu by'ingenzi bikurikira:

- Imyandiko ku nsanganyamatsiko yo kubungabunga amashyamba no kubungabunga amazi n'ibishanga.
- Gufata neza ibidukikije, amashyamba, amazi n'ibishanga ni ingirakamaro
- Gusesengura interuro ngufi herekanwa ibice by'interuro n'imimaro y'amagambo ayigize.
- Ibice by'interuro ni ruhamwa, inshinga n'icyuzuzo.
- Imimaro y'amagambo mu nteruro ni ruhamwa, inshinga, icyuzuzo, imfutuzi n'impuza.

UMUTWE WA GATANU
ITERAMBERE

5

Umubare w'amasomo: 20

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Gusesengura umwandiko uvuga ku iterambere, guhanga umwandiko ntekerezo, gusesengura no gukoresha mu mvugo no mu nyandiko amazina akomoka ku yandi magambo.

Ubushobozi shingiro: Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe agomba kuba azi inshoza y'umwandiko, iy'izina, azi amwe mu moko y'amazina.

Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho.

Uburinganire n'ubwuzuzanye: Mu bibazo byo kumva umwandiko harimo ikibazo kigusha kuri iyo ngingo. Umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo abanyeshuri bayisobanukirwe.

Uburyo bwo kwinjira mu isomo: Abanyeshuri ubwabo ni bo bagomba kwivumburira ibyo bagiye kwiga, bahereye ku mashusho, ku kaganiro cyangwa udukino twateguwe mu ivumburamatsiko. Umwarimu agenda abayobora, ababaza ibibazo, kandi akabafasha kunonosora ibisubizo batanga ku buryo bibaganisha ku cyo bagiye kwiga.

Urutonde rw'ibice bigize umutwe wa gatanu n'umubare w'amasomo

Umutwe wa mbere 5: Iterambere Umubare w'amasomo 20		
Umwandiko: Igihe kirahenda		
Igice	**Intego rusange**	**Umubare w'masomo**
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko	Gusobanura akamaro ko gukoresha neza igihe mu iterambere.	Amasomo 2
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko	Gusesengura umwandiko.	Amasomo 2
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo	Gusobanura uruhare rwo gukoresha neza igihe mu iterambere.	Amasomo 2
Igice cya kane: Ikomorazina mvazina	Gutahura amazina akomoka ku yandi, kuyasesengura, kugaragaza inzira z'ikomorazina mvazina.	Amasomo 3
Igice cya gatanu: Ikomorazina mvanshinga	Gutahura amazina akomoka ku nshinga, kuyasesengura, kugaragaza inzira z'ikomorazina mvanshinga.	Amasomo 4
Igice cya gatandatu: Umwandiko ntekerezo	Guhanga umwandiko ntekerezo.	Amasomo 4
Isuzuma risoza umutwe		**Amasomo 3**

Umwandiko: Igihe kirahenda

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 102)

Intego zihariye

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora:

- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko
- Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku gukoresha neza igihe n'uruhare rwabyo mu iterambere, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma akababazaho ibibazo biganisha kuri uwo mwandiko. Umwarimu kandi ashobora kwifashisha akaganiro mvumburamatsiko ku bijyanye n'insanganyamatsiko yo gukoresha neza igihe, kinjiza abanyeshuri mu isomo.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya.

Urugero rw'ibyava mu matsinda

I. Ibibazo n'ibisubizo ku nyunguramagambo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 103)

1. Tanga ibisobanuro by'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.

a) Iminsi yicuma: iminsi igenda ihita ari myinshi

b) Ikibatsi: umuriro mwinshi umuntu acanye mu gihe gito

c) Ikibariro: igihe igikorwa runaka cyateganyirijwe kumara

d) Kuririra mu myotsi: guhura n'ibyago bikomeye, ukabura uko ubyikuramo kuko igihe cyakurenganye

e) Umurengera: ibintu byinshi cyane

2. Koresha mu nteruro amagambo akurikira ugaragaza ko wumva icyo avuga mu mwandiko

a) Akayabo: Iyo umuntu yitegura gukora ikizamini cy'akazi agomba gusoma akayabo k'ibitabo.

b) **Kwisukiranya:** Mu gihe k'itangira ry'amashuri abanyeshuri bakunda kwisukiranya ku munsi ubanza.

c) **Imihigo:** Mu Gihugu cyacu twiyemeje gukorera ku mihigo.

d) **Akamama:** Uramenye utazubaka inzu yawe mu manegeka inkangu zikazayitwara ugasanga wararuhiye akamama.

e) **Kuzarira:** Umuntu uzazarira mu ikoranabuhanga azatakara.

II. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko.

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 104)

1. Uhereye no ku mwandiko wasomye erekana ko Abanyarwanda bo hambere bari bazi ko kugendera ku gihe ari ngombwa.

Bigaragarira muri zimwe mu mvugo bakoreshaga. Urugero: "Utinda mu nkike ukayamburirwamo", "Aho inkoko itoye kera ihata ibaba".

2. Erekana mu mwandiko interuro igaragaramo uburinganire n'ubwuzuzanye.

Nyamara ababa bubahirije igihe bo usanga bizihiwe n'ibirori nk'abami cyangwa abamikazi.

3. Garagaza ingingo zerekana uruhare rwo gukoresha neza igihe mu iterambere.

- Mu bikorwa byabo bya buri munsi, ibyo bakora babiteganyiriza igihe bigomba kumara
- Akamaro k'igihe mu kubyaza inyungu impano abantu bifitemo
- Akamaro k'igihe mu bikorwa by'ubucuruzi
- Akamaro k'igihe mu rwego rw'abakozi basaba akazi cyangwa isoko mu nzego zinyuranye z'imirimo
- Akamaro k'igihe ku bakora ingendo mu ndege no mu bindi binyabiziga
- Akamaro k'igihe ku bishyura inguzanyo bafashe z'amabanki n'imisoro mu gihe runaka cyagenwe
- Akamaro k'igihe muri gahunda biyemereye nko gusezerana

4. Sobanura uko gukoresha neza igihe bigira uruhare mu iterambere.

Iyo umuntu akoresha neza igihe yiteza imbere kuko ibikorwa bye abikora uko yabiteganyije, abo bahanye gahunda bakamubonera ku gihe kandi ntatakaze abamufasha kwiteza imbere cyangwa ngo yishyure amafaranga y'ibihano by'ubukererwe ku bikorwa runaka bifite igihe byishyurirwa.

5. Garagaza ingaruka zishobora guterwa no kudakoresha neza igihe.

Guhomba amafaranga, gutakarizwa ikizere, kumwara, gupfa.

Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 104)

Intego zihariye

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora:

- Kugaragaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko.
- Kugaragaza uruhare rwo gukoresha neza igihe mu iterambere.
- Gutahura ibindi bitavuzwe mu mwandiko bigaragaza uruhare rwo gukoresha neza igihe mu iterambere.
- Guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho z'iyumvabona n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya.

Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko

1. **Kugendera ku gihe ntibivuze guhubukira ibintu cyangwa kubikora uko wiboneye.**

Tanga imigani ibiri imigani migufi yerekana uko Abanyarwanda babibonaga.

Ingero

- Iyihuse yabyaye ibihumye.
- Inkono ntihira ikibatsi, ihira ikibariro
- Abanyeshuri bashobora gutanga indi itandukanye n'iyo.

2. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko

- Gukoresha neza igihe n'akamaro kabyo mu iterambere
- Ingaruka zo kutitabira gukoresha igihe
- Ingingo z'ingereka ziri mu mwandiko
- Kujya gusezerana
- Gukorwa n'isoni

3. Sobanura insanganyamatsiko ikubiye mu mwandiko wasomye ugaragaze n'ahoihuriye n'ubuzima bwa buri munsi.

Muri uyu mwandiko hakubiyemo ingingo yo gukoresha neza igihe n'uruhare rwabyo mu iterambere. Aho bihuriye n'ubuzima bwa buri munsi ni uko umuntu agomba gukora yubahiriza igihe kugira ngo abone uko yiteza imbere.

Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 104)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye no ku nsanganyamatsiko yahawe, nyuma y'iki gice, umunyeshuri araba ashobora: – Kuvugira mu ruhame atanga ibitekerezo bye. – Gusobanura uruhare rwo gukoresha neza igihe mu iterambere. – Kugagaragaza ubushake bwo gukorera ku gihe no kubishishikariza abandi.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitozo wo kungurana ibitekerezo.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo ntangarugero.

Insanganyamatsiko yo kungurana ibitekerezo

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku bindi bitavuzwe mu mwandiko bigaragaza uruhare rwo gukoresha neza igihe mu iterambere.

Umwarimu areba niba abanyeshuri baganishije ibitekerezo byabo ku kamaro ko gukorera ku gihe, akanabafasha kubikorera ubugororangingo.

Urugero rw'ibitekerezo byatangwa

- Umunyeshuri uzinduka ku ishuri abona umwanya wo gusubiramo amasomo bityo agatsinda neza mu gihe uwakerewe abihomberamo
- Mu bimina, abakerewe bacibwa amafaranga bakabihomberamo
- Mu kazi abazinduka barabishimirwa naho abakererwa bakabihanirwa
- Abahinzi bahingira igihe beza neza mu gihe abazarira ntibahingire igihe umusaruro wabo udindira
- Ukora ibizamini agomba kubahiriza igihe cyo gutangira kandi agakora vuba kugira ngo abirangize mu gihe cyagenwe

Igice cya kane: Ikomorazina mvazina

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku urupapuro rwa 104)

Intego zihariye
– Gutahura amazina akomoka ku yandi. – Gusesengura amazina akomoka ku yandi.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'ikibonezamvugo.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma interuro yatanze bitegereza amagambo atsindagiye no kugira icyo bavuga ku nkomoko yayo no kugaragaza uko bayasesengura.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 105.

Umwitozo n'uko wakorwa

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 107)

1.Tahura amazina ashingiye ku ikomorazina mvazina mu mwandiko ukurikira nurangiza ugaragaze intego yayo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe mu mpine.

Umwandiko: Nyiraneza kwa nyirakuru

Hari mu kiruhuko k'igihembwe cya kabiri ubwo Nyiraneza yafataga uruzinduko yerekeza kwa nyirakuru. Yasanze bari bamukumbuye sekuru na nyirakuru bamuhoberana urugwiro rwinshi ari na ko bamwitegereza cyane kubera ko amaso yabo yari atangiye kuzamo ibikezikezi. Ntibanamuherukaga; ntiyabasuraga kenshi kuko yari umunyeshuri.

Amaze gufata amafunguro yegereye ikiraro cy'amatungo, nuko abona yashonje, yiyemeza gufata umufuka akajya kuyashakira utwatsi. Ageze mu gisambu cyo kwa sekuru yabonyemo ibihuru birimo ibyatsi n'ibiti binyuranye: ibishurushuru, imitobotobo, ibinetenete. Abyitegereza atangaye , acaho n'amwe mu mashami yabyo kugira ngo nagera mu rugo abaze amazina yabyo. Uko yahiraga ubwatsi yagendaga abona igicucucucu ke imbere ye bituma yubura amaso areba hejuru abona ikizubazuba mu kirerere , amenya ko bwakeye nuko arataha. Ageze mu rugo, asobanuza neza amazina y'ibimera atari azi. Nyiraneza yaboneyeho ababaza n'andi magambo yamuteraga amatsiko nk'amashunushunu, amatamatama n'ibindi bitandukanye.

Ibisubizo

Amazina	Intego	Amategeko
Nyirakuru: nyira-	nyira-ø-ø-kuru	Nta tegeko.
Nyiraneza: nyira:	nyira-ø-ø-neza	Nta tegeko.
Imitobotobo	i-mi-tobo-tobo	Nta tegeko.
Ibinetenete	i-bi-nete-nete	Nta tegeko.
Igicucucucu	i-ki-cucu-cucu	k→g/-GR
Ibishurushuru	i-bi-shuru-shuru	Nta tegeko.
Ikizubazuba	i-ki-zuba-zuba	Nta tegeko.
Amashunushunu	a-ma-shunu-shunu	Nta tegeko.
Amatamatama	a-ma-tama-tama	Nta tegeko.

2.Wifashishije inzira eshatu z'ikomorazina mvazina, tanga ingero z'interuro eshatu zirimo amazina akomoka kuri iryo komorazina.

Umwarimu areba niba interuro zatanzwe ziboneye kandi zigaragaramo amazina ku ikomorazina mvazina.

Umwitozo nzamurabushobozi

Tahura amazina akomoka ku ikomorazina mvazina ari muri izi nteruro:

a) Mu murima wacu hamezemo ibibonobono byinshi: **ibibonobono**

b) Igisembesembe kivamo amavuta: **igisembesembe**

c) Ubunyarwanda bwacu tubusigasire: **ubunyarwanda**

d) Inkokokazi zacu zitera amagi menshi: **inkokokazi**

Umwitozo nyagurabushobozi

Himba umwandiko (agakuru) muto utarengeje igice k'ipaji ushyiremo amazina menshi akomoka ku yandi mazina maze ugaragaze intego yayo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe.

Umwarimu areba ko umunyeshuri ahimba umwandiko urimo amagambo yasabwe n'uko yashakiwe intego; agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Igice cya gatanu: Ikomorazina mvanshinga

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 108)

Intego zihariye
– Gutahura amazina akomoka ku nshinga. – Gusesengura amazina akomoka ku nshinga.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'ikibonezamvugo.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma interuro yatanze bitegereza amagambo atsindagiye no kugira icyo bavuga ku nkomoko yayo no kugaragaza uko bayasesengura.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 108.

Umwitozo n'ibisubizo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 111)

1. Tahura amazina ashingiye ku ikomorazina mvanshinga mu gika cy'umwandiko "Umurimo uhesha agaciro"gikurikira, nurangiza ugaragaze intego yayo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe mu mpine.

Kunoza imikorere bitanga umusaruro ushimishije haba ku muntu ubwe, ku muryango we cyangwa igihugu avukamo igihe akoranye umurava imirimo inyuranye nk'ubuhinzi, ububaji, ububoshyi n'iyindi. Muri iki gihe, abantu basigaye barayobotse imikino itandukanye harimo n'amasiganwa anyuranye. Buri muntu mu kazi ke asabwa kunoza umurimo. N'abahigi bayoboka iby'umuhigo bagomba kwirinda kubikora mu kajagari. Ibi byose iyo umuntu abigiriyemo amahirwe, ntahuriremo n'abahemu, bimuteza imbere akabona ibiribwa n'ibinyobwa bihagije.

Ibisubizo

Izina	Intego	Amategeko y'igenamajwi
Umusaruro	u-mu-sarur-o	Nta tegeko.
Ubuhinzi	u-bu-hing-yi	g+y→z
Ububaji	u-bu-baz-yi	z+y→j
Ububoshyi	u-bu-boh-yi	h+y→shy
Imikino	i-mi-kin-o	Nta tegeko.
Abahigi	a-ba-hig-i	Nta tegeko.
Amasiganwa	a-ma-sig-an-w-a	Nta tegeko.
Umuhigo	u-mu-hig-o	Nta tegeko.
Amahirwe	a-ma-hir-w-e	Nta tegeko.
Abahemu	a-ba-hem-u	Nta tegeko.
Ibinyobwa	i-bi-nyo-bw-a	Nta tegeko.
Ibiribwa	i-bi-ri-bw-a	Nta tegeko.
Imikorere	i-mi-kor-ir-e	i→e/Zo-

2.Wifashishije inzira eshatu z'ikomorazina mvanshinga, tanga ingero z'interuro eshatu zirimo amazina akomoka kuri iryo komorazina.

Umwarimu areba niba interuro zatanzwe ziboneye kandi zigaragaramo amazina ku ikomorazina mvanshinga.

Umwitozo nzamurabushobozi

Tahura amazina akomoka ku ikomorazina mvanshinga ari muri izi nteruro uvuge n'inshinga akomokaho.

1. Uyu munsi twatahanye imikoro itandukanye.
Amikoro: gukora.

2. Abanyawanda batunzwe n'imyuga inyuranye nk'ububaji, ubudozi, ububoshyi, ubuhinzi, ubworozi n'ibindi.

Ububaji: kubaza; **ubudozi:** kudoda; **ububoshyi:** kuboha; **ubuhinzi:** guhinga
ubworozi: korora

Umwitozo nyagurabushobozi

Himba umwandiko (agakuru) muto utarengeje igice k'ipaji ushyiremo amazina akomoka ku nshinga afite imisozo itandukanye maze ugaraze intego yayo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe (mu mpine).

Umwarimu areba ko umunyeshuri ahimba umwandiko urimo amagambo yasabwe n'uko yashakiwe intego; agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Igice cya gatandatu: Umwandiko ntekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku urupapuro rwa 112)

Intego zihariye
– Gusesengura umwandiko ntekerezo – Gutahura ibiranga umwandiko ntekerezo – Guhanga umwandiko ntekerezo
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu.

1. Intangiriro

Gusaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko "Igihe kirahenda" bitegereza imiterere yawo, kandi batahura imbata yawo (ibice biwugize). Kubabwira gukora ubushakashatsi ku buryo bwo guhanga bene uwo mwandiko no kugaragaza ibiwuranga.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 112

Umwitozo n'igisubizo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 113)

1. Garagaza ibiranga umwandiko ntekerezo

- Kurambura ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yatanzwe
- Ibice bine ari byo: umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo

3. Hanga umwandiko kuri izi nsanganyamatsiko:

- «Akamaro ko gukoresha neza igihe»
- «Tumenye ibishobora kuzamura imitsindire mu kigo cyacu»
- «Turwanye uburaya n'ubwomanzi mu rubyiruko»

Umwarimu areba imyandiko y'abanyeshuri akabafasha kuyinoza aho bibaye ngombwa.

Inshamake y'umutwe wa gatanu

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa gatanu bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake bakora

- Muri iki gihe tugezemo abantu bakwiye gukangukira kubahiriza igihe kuko bigira uruhare rukomeye mu iterambere.
- **Ikomorazina mvazina** ni uburyo bwo kurema amazina mashya uhereye ku yandi mazina. Habaho **inzira** zitandukanye zo **gukomora** amazina ku yandi.
- **Ikomorazina mvanshinga** ni ihimba ry'amazina mashya ufatiye ku bicumbi (ku mizi) by'inshinga zisanzwe mu rurimi. Inzira z'ikomorazina mvanshinga zishingira ku ikoresha ry'imisozo ikurikira: -**yi, -i, -e, -o, -a na -u.** Izina rikomoka ku nshinga rigira intêgo isanzwe y'izina ariko igicumbi cyaryo kigatandukana n'umusozo (D+RT+C+Sz).
- **Umwandiko ntekerezo** ni umwandiko muhimbano ugaragaza mu buryo burambuye ibitekerezo bivuga ku nsanganyamatsiko runaka. Umwandiko ntekerezo ugira umutwe ukagira n'imbata igizwe n'ibice bitatu ari byo intangiriro, igihimba n'umusozo.

Ubumenyi bw'inyongera

Amwe mu magambo ahuza ibika mu gukora ihangamwandiko

Intangiriro

Mu gutangira igika umuntu ashobora gukoresha amagambo nk'aya: **muri iyi minsi..., haravugwa ko, iyo urebye...**

Mu gusoza iki gika umuntu ashobora gukoresha: r**eka tubirebe ku buryo burambuye mu bika bikurikira, ese koko byaba ari ko bimeze?**

Igihimba

Mu gusoza iki gika umuntu ashobora gukoresha: **mu by'ukuri,**

Mu guhuza ibika cyangwa ibitekerezo muri iki gice ushobora gukoresha amwe muri aya magambo: **mbere na mbere..., nanone..., byongeye..., ikindi kandi..., burya rero..., usibye n'ibi..., si ibyo gusa rero; ahubwo**... Aya magambo rero ashobora gutangira ibika cyangwa agakoreshwa mu gika hagati. Ibyo byose biterwa n'uko uwandika ashaka kugaragaza **uruhererekane rw'ingingo** zunganirana, **ikeshamvugo** rigusha ku kunga ibitekerezo, mu gihe ibitekerezo bivuguruzanya, cyangwa se uwandika agakomoza ku mpande **zombi.**

Umusozo

Iki gika gishobora gutangirwa n'amagambo nk'aya: **nk'uko tumaze kubibona, muri make, mu gusoza, ubwo rero, bityo rero...**

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa gatanu.

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 114)

Ibyitabwaho mu isuzuma

- Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko.
- Ubushobozi bwo gusesengura amazina akoresheje uburyo bunyuranye
- bw'ikomorazina mvazina n'ikomorazina mvanshinga.
- Ubushobozi bwo guhanga umwandiko ntekerezo yubahiriza uturango twawo.

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iri suzuma ku giti cyabo, iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

I. Kumva no gusesengura umwandiko

1. **Ushingiye ku mwandiko sobanura uburyo gukoresha neza igihe bigira uruhare mu iterambere.**
Nk'uko umuhanzi abigaragaza mu mwandiko icyo umuntu yaba akora cyose, agikoreye ku gihe kandi mu bwubahane bw'abo abikorera, bizamura iterambere ry'igihugu kandi vuba.

2. Aho umuhanzi avuga ngo "nzaritahe mpundwa impundu" yashakaga kuvuga iki, ni iriki azataha, kubera iki?
Umuhanzi yashakaga kuvuga ijuru, azaritaha kubera ko ku isi yakoze neza agakorera ku gihe, abana n'abantu neza yirinda gukora icyaha.

3. Rondora ibyiciro by'abantu umuhanzi yavuze werekane uburyo ibyo bakora babikorera ku gihe no ku iterambere muri rusange.
Abahinzi, aborozi, abanyeshuri, abashinzwe umutekano, abaganga, abarimu. Umuhanzi yagiye yerekena uburyo iyo bakoze neza imirimo bashinzwe bagera ku iterambere.

4. Uyu mwandiko uri mu yihe ngeri? Kora isesengura ry'uyu mwandiko wasomye kandi unagaragaze tumwe mu turango tw'imyandiko nk'iyi.
- Uyu mwandiko uri mu bwoko bw'imivugo. Umuvugo ni umwandiko wa gisizi wanditswe mu buryo bw'imikarago ukaba ugaragaramo uturango tw'ikeshamvugo tunyuranye.
- Umuvugo urangwa rero n'interuro ngufi bita imikarago cyangwa intondeke. Iyo mikarago iba ifite injyana nk'iyo mu ndirimbo. Iyo mikarago kandi iba igabanyijemo ibika. Umuvugo kandi urangwa n'injyana, isubirajwi, isubirajambo n'ubundi bwoko butandukanye bw'ikeshamvugo nk'imibangikanyo, ihwanisha, iyitirira, igereranya n'ibindi.

II. Inyunguramagambo

Sobanura amagambo akurikira dusanga muri uyu mwandiko unayakoreshe mu nteruro ngufi.

a) Kuganda: kutumvira cyangwa kutayoboka umutegetsi
b) Gukorera ijisho: kwitabira umurimo ari uko umukoresha akureba
c) Kwirozonga: gukora umurimo utabishaka, uvunisha abandi
d) Ubworo: indwara yo kubura amata ku muntu wigeze kuyabona
e) Kurumanza: guha amatungo ubwatsi /kuragira amatungo ariko ukayima amazi yo kunywa.

III. Ikibonezamvugo

1. Tahura muri izi nteruro amazina akomoka ku ikomorazina mvazina, nurangiza uyashakire intego werekane n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe (mu mpine).

a) Mu rutoki rwacu hamezemo ibibonobono.
b) Ihene igaburiwe neza igira amahenehene menshi.
c) Kureba mu kizubazuba byica amaso.

Ibisubizo

Izina	Intego	Amategeko
Urutoki	u-ru-toki	Nta tegeko.
Ibibonobono	i-bi-bono-bono	Nta tegeko.
Amahenehene	a-ma-hene-hene	Nta tegeko.
Ikizubazuba	i-ki-zuba-zuba	Nta tegeko.

2. Garagaza amazina akomoka ku ikomorazina mvanshinga ari muri izi nteruro, nurangiza uyashakire intego werekane n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe (mu mpine).

a) Ibihingwa bidufitiye akamaro kanini.
b) Umubiri wacu ukeneye indyo yuzuye .
c) Uwakoze nabi agira indishyi ku mutima.
d) Mu birori byo kwakira inkwano y'Umutesi hari abahanzi benshi.

Ibisubizo

Izina	Intego	Amategeko
Ibihingwa	**i-bi-hing-w-a**	**Nta tegeko**
Indyo	**i-n-ri-o**	i→y-/J; r→d/n-
Inkwano	**i-n-ko-an-o**	o→w/-J
Umutesi	**u-mu-tet-yi**	t+y→s
Abahanzi	**a-ba-hang-yi**	g+y→z
Indishyi	**i-n-dih-yi**	h+y→shy

3. Hanga umwandiko ntekerezo utari munsi y'igice k'ipaji ku nsanganyamatsiko ikurikira wubahiriza ibiwuranga: "Uburezi bufite ireme inkingi y'iterambere".

Umwitozo nzamurabushobozi

1. Adika interuro ebyiri zirimo amazina akomoka ku yandi n'izindi ebyiri zirimo amazina akomoka ku nshinga. Ca umurongo kuri ayo mazina kugira ngo uyagaragaze.

Urugero rw'interuro zirimo amazina akomoka ku yandi

Umugabekazi yagiraga abaja benshi.
Abanyeshuri bakunda kwiga baratsinda.

Urugero rw'interuro zirimo amazina akomoka ku nshinga
Nyuma y'ukwezi **abakozi** bahabwa **ibihembo.**
Intore ntiganya ishaka **ibisubizo.**

2. Erekana ibintu bigize imbata y'umwandiko ntekerezo.
Umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo.

Umwitozo nyagurabushobozi

Hanga umwandiko ntekerezo kuri imwe muri izi nsanganyamatsiko.

- Uburinganire n'ubwuzuzanye
- Umuco wo kuzigama
- Kubungabunga ibidukikije

Umwarimu areba niba imyandiko abanyeshuri bahimbye y'ubahirije imbata y'umwandiko, ibitekerezo bikurikirana neza,..

UMUTWE WA GATANDATU
IKORANABUHANGA

6

Umubare w'amasomo: 28

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe Gusesengura umwandiko ku nsanganyamatsiko y'ikoranabuhanga, kugaragaza ubwoko bw'amagambo adahinduka no gutondagura inshinga mu buryo no mu bihe bitandukanye.
Ubushobozi shingiro Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe agomba kuba azi amwe mu moko y'amagambo, agomba kuba azi kandi amoko y'inshinga.
Ingingo nsanganyamasomo ivugwaho: **Ubuziranenge:** Mu bibazo byo gusesengura umwandiko harimo ikibazo kigusha kuri iyo Umwitozo nzamurabushobozi
Uburyo bwo kwinjira mu isomo: Abanyeshuri ubwabo ni bo bagomba kwivumburira ibyo bagiye kwiga, bahereye ku mashusho, ku kaganiro cyangwa udukino twateguwe mu ivumburamatsiko. Umwarimu agenda abayobora, ababaza ibibazo, kandi akabafasha kunonosora ibisubizo batanga ku buryo bibaganisha ku cyo bagiye kwiga.

Urutonde rw'ibice bigize umutwe wa gatandatu n'umubare w'amasomo

Umutwe wa gatandatu: Ikoranabuhanga Umubare w'amasomo 28		
umwandiko: ikoranabuhanga mu gukemura ibibzo		
Ibice	**Intego rusange**	**Umubare w'masomo**
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko.	Kugaragaza akamaro k'ikoranabuhanga n'uruhare rwaryo mu iterambere.	Amasomo 4
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusesengura umwandiko.=	Amasomo 4
Igice cya gatatu: Amagambo adahinduka.	Gutahura amagambo adahinduka no gusobanura imikoreshereze yayo.	Amasomo 6
Igice cya kane: Uburyo bw'inshinga.	Gusobanura uburyo bw'inshinga.	Amasomo 6
Igice cya gatanu: Ibihe by'inshinga.	Gusobanura ibihe by'inshinga n'imikoreshereze yabyo.	Amasomo 5
Isuzuma risoza umutwe		**Amasomo 3**

Umwandiko: Ikoranabuhanga mu gukemura ibibazo

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 118)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yateganyirijwe, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora: – Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. – Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko. – Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. – Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku ikoranabuhanga, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, inkoranyamagambo, imfashanyigisho z'iyumvabona n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma, akababaza ibibazo biwuganishaho. Umwarimu kandi ashobora kwifashisha akaganiro mvumburamatsiko ku ikoranabuhanga kinjiza abanyeshuri mu isomo.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice, ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Urugero rw'ibyavamu matsinda

I. Ibibazo n'ibisubizo ku myitozo yo ku nyunguramagambo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 120)

1. Shaka mu mwandiko amagambo ahuje n'igisobanuro n'aya magambo atsindagiye.

a) Abanyarwanda bakoraga **impuzu** mu bishishwa by'imivumu.

b) **Imangu** ni yo bakoreshaga batunganya imyenda ikozwe mu bishishwa by'imivumu.

c) Ibibiriti bitaraza, Abanyarwanda bifashishaga **urushingo** bacukuragamo akobo bakagakaragamo **urushingati.**

d) Abazungu bavuye **i Bwotamasimbi** badukana imico yabo muri Afurika, by'umwihariko mu Rwanda, ikoranabuhanga twari tugezeho riracupira.

e) Iyo umwami yaguciraga ishyanga, bavuzaga **urusengo** bisobanura neza ko utazagaruka ukundi.

2. Uzuza interuro wifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko.

a) Muri iki gihe, ababyiruka bose banyotewe n'iterambere rirambye bafite amahirwe adasanzwe kurusha abandi, **bararurashe** babyirukiye mu isi y'ikoranabuhanga.

b) Ni byo, **nta byera ngo de!** Ikoranabuhanga hari abarikoresha mu bikorwa bibi.

c) Abantu bagikoresha ikoranabuhanga biba, bakwirakwiza ibinyoma **bararye bari menge** kuko Leta yahagurukiye guhana uwo ari we wese uzafatirwa mu byaha nk'ibyo.

d) Abantu b'inararibonye, ari bo **abasheshe akanguhe** bibuka imiterere y'ikoranabuhanga rya kera.

3. Shaka kandi usobanure amagambo atandatu afite aho ahuriye n'ikoranabuhanga ari muri iki kinyatuzu.

T	E	R	E	F	O	N	E	A	I
A	E	L	I	S	A	N	M	R	T
W	I	K	O	T	F	O	A	O	E
B	I	S	I	G	A	F	R	G	N
O	V	M	T	N	K	W	I	O	I
S	T	A	B	A	O	I	K	B	R
A	R	W	I	L	I	L	C	I	E
D	S	O	V	E	J	H	O	K	T
U	E	B	M	E	T	U	M	J	N
M	M	U	R	A	N	D	A	S	I

1. **Fagisi:** igikoresho cyangwa uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa hoherezwa cyangwa hakirwa ubutumwa runaka.
2. **Terefone:** igikoresho k'ikoranabuhanga bakoresha bahamagara cyangwa bitaba , bohereza ndetse banakira ubutumwa butandukanye. Habaho terefone igendanwa na terefone iba ahantu hahoraho (terefone yo mu nzu).
3. **Interineti:** ni inzira ikoreshwa mu ikoranabuhanga hagambiriwe ubushakashatsi, gutara amakuru, gutanga no kwakira ubutumwa butandukanye.
4. **Murandasi:** interineti.
5. **Tekinoroji:** uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu kunoza imirimo itandukanye mu nzira za gihanga.
6. **Mudasobwa:** igikoresho k'ikoranabuhanga gifite ibice bitandukanye, ibigaragarira amaso n'ibitagaragara, bifasha kunoza inyandiko, kohereza no kwakira ubutumwa, gukora ubushakashatsi, gutara amakuru, gufotora no kubika amashusho cyangwa inyandiko.

II. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 121)

1. Ikoranabuhanga ni iki?

Ni uburyo bwo kunoza no kwihutisha imitunganyirize y'imirimo itandukanye hifashishijwe ibyuma kabuhariwe ku isonga hakabamo mudasobwa.

2.Sobanura uburyo ikoranabuhanga ari ingirakamaro mu burezi.

Ikoranabuhanga ni ingirakamaro mu burezi kuko rifasha abarimu n'abarezi kunoza akazi kabo k'ubushakashatsi, gushakisha amakuru ashoboka kugira ngo bagere ku ntego zifuzwa mu burezi. Abayobozi b'amashuri na bo ikoranabuhanga ribafasha kunoza

inyandiko basabwa n'inzego zisumbuye no gutunganya imirimo imwe n'imwe irebana no kuzuza inshingano zabo zo kuzamura ireme ry'uburezi.

3. Tanga impamvu ikoranabuhanga rishobora kwihutisha iterambere.
Impamvu ikoranabuhanga rishobora kwihutisha iterambere ni uko umurimo wose ukorewe mu rwego rw'ikoranabuhanga wihuta, ahatanozwa hakanozwa vuba, amakuru akenewe yose akabonekera igihe nta nzitizi zindi.

4. Ni izihe ngaruka z'ikoranabuhanga rikoreshejwe nabi?
Ingaruka z'ikoranabuhanga rikoreshejwe nabi ni uko abanyeshuri bashobora kurangazwa na interineti ntibige neza, bashobora kandi kurarurwa na yo birebera ibiterasoni ; abajura bashobora gukoresha ikoranabuhanga mu kwiba amafaranga. Ikorana buhanga kandi rishobora gutuma abantu badakora bibereye kuri murandasi,…

5. Tanga inama ku bantu bakoresha nabi ikoranabuhanga?
Abantu bakoresha nabi ikoranabuhanga nabagira inama yo kureka gukoresha nabi ikoranabuhanga kuko nta nyungu bigira. Nabagira inama yo kujya bakoresha ikoranabuhanga mu bushakashatsi, mu guhanahana amakuru yubaka, mu kwiga ubumenyi butandukanye, …

Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 121)

Intego zihariye

Ahereye ku mwandiko yasomye, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora:

- Kuvumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka n'insanganyamatsiko bikubiye mu mwandiko.
- Kugereranya ibibi n'ibyiza by'ikoranabuhanga mu iterambere.
- Guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho z'iyumvabona n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice, ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda

1. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zikubiye muri uyu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi

- Ikoranabuhanga mu Rwanda mbere y'umwaduko w'Abazungu.
- Ibyiza n'ibibi by'ikoranabuhanga -

Ingingo z'ingereka:

- Inozwa ry'umurimo
- Imyambarire.

2. Ukoresheje impushya ebyiri, garagaza ibyiza by'ikoranabuhanga ku ruhande rumwe n'ibibi by'ikoranabuhanga rikoreshejwe nabi muri rusange ku rundi ruhande.

Ibyiza by'ikoranabuhanga	Ibibi by'ikoranabuhanga
– Kwihutisha inozwa ry'akazi mu nganda – Kwihutisha ubushakashatsi – Guteza imbere ireme ry'uburezi – Gusakaza amakuru mu buryo bwihuse – Korohereza ababyeyi kumenya imibereho y'abana babo mu mashuri – Gukurikirana aho poritiki y'isi igeze n'ibindi biyiberamo.	– Kwiba no kuriganya – Guhanwa no gufungwa – Gusakaza inkuru z'ibinyoma – Gutanga no kwakira ubutumwa bw'ibinyoma – Kuyobya indege, ibyogajuru n'ibindi byoherezwa cyangwa bigendera mu kirere.

3. Tanga insanganyamatsiko yibanzweho muri uyu mwandiko.

Insanganyamatsiko yibanzweho mu mwandiko ni iy' ibyiza by'ikoranabuhanga.

4. Huza ibyo umaze gusoma n'ibyo uhura na byo mu buzima bwawe bwa buri munsi, uvuge n'isomo ry'ingenzi bigusigiye.

Ikoranabuhanga ridufasha muri byinshi: kwishyura amafaranga y'ishuri, gukora ubushakashatsi bwimbitse dushaka ibisubizo by'imikoro twahawe n'abarimu, kwiyungura ubumenyi bwiyongera ku byo abarimu baduhaye.

Isomo

- Tugomba gushishikarira gukoresha ikoranabuhanga mu byo dukora byose kuko ryihutisha akazi, tukarikoresha neza mu bidufitiye akamaro.
- Tugomba gukangurira abantu bose gukoresha ikoranabuhanga kandi bakarikoresha neza.

Igice cya gatatu: Amagambo adahinduka

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 122)

Intego zihariye
Ahereye ku kaganiro yahawe, umunyeshuri araba ashobora: – Gutahura amagambo adahinduka. – Kuvuga ubwoko bw'amagambo adahinduka. – Gusobanura imikoreshereze yayo.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'ikibonezamvugo.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma akaganiro "Bwenge na Kanyana", maze akabasaba gukora ubushakashatsi batahura amagambo adahinduka arimo, hanyuma akanabasaba kuvuga amoko y'ayo magambo banasobanura imikoreshereze yayo.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo.

Umwitozo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 127)

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byava mu matsinda.

1.Itegereze interuro zikurikira utahure amagambo adahinduka arimo.

a) Dore da! Wibagiwe ko durakoresha mudasobwa! (**Dore da!**).
b)Yavuye kwa muganga buhorobuhoro agera mu rugo. (**kwa** na **mu**).
c) Ikoranabuhanga rihambaye rikomoka i Bwotamasimbi. (**i**).
d) Yooo! Wananutse bigeze aho? Ihangane. (**Yooo**!).

2. Vuga ubwoko bw'amagambo atsindagiye mu nteruro zikurikira.

a. Ayinya! Waketse ko ntazi gukoresha mudasobwa. **(amarangamutima).**
b. Ahaaa! Nzaba ntegereje umwanzuro uzafatirwa mu nama. **(amarangamutima).**
c.Reka da! Sinzaboneka ku munsi w'umuganda. **(akamamo).**

3.Uzurisha amagambo: ***muri, kandi, uretse, mu, neza, kugira ngo, nyamara, ngwino, da!*** na mu kaganiro ka "Mukakanani na Misago" gakurikira:

Mukakanani: Misa, ikoranabuhanga ryakuye abantu **mu** bwigunge ndabyemeye. Ejo numvise nyogokuru avugana **na** Nubahimfura wibera **muri** Amerika.

Misago: Ngaho **da**! Mbese burya nyogokuru afite terefone! **Nyamara** se ntihari abakiri bato batazi iyo iby'amaterefone byerekera.

Mukakanani: Kugira ngo urubyiruko rutere imbere rugomba gushishikarira gukoresha ikoranabuhanga. **Uretse** terefone, ababyiruka bose bagomba kumenya gukoresha mudasobwa.

Misago: Mbese ko dufite mudasobwa **kandi** tukaba tuzi kuzikoresha n'uburyo bazifata **neza**, waje tugashinga agashyirahamwe ko kuzigisha?

Mukakanani: Ngwino se dutangire gutegura uwo mushinga.

Umwitozo nzamurabushobozi

Tahura mu gika gikurikira ubwoko bw'amagambo adahinduka arimo.

Ubwoko bw'amagambo adahinduka ari mu mukara utsindagiye.

Naragenze ndabona! Ubwo mperutse i Burerabana, nazindutse iya marumba ngenda numva inka mu biraro zigira ziti: "**Mbaaa**!" Ihene zisizanira guhebeba ngo: "**Meee!**", intama na zo zitamanga ngo: "**Maaa!**" Aho i Burerabana bazinduka batetse **mu** nkono zivuga bakajya **mu** mirima bahishije. Ubwo nanyuraga **muri** ako gace, inkono zivuga zari mu irushanwa zigira ziti: "**Togotogo**!" Yewe, ako gace kuzuyemo amayobera. **Ahaaa**! **Ejo cyangwaejobundi** uzigerereyo **na**we urebe **kugira ngo** wishirire amakenga. **Dore** nkurangire amayira. Nugenda **karekare** umuseke ugitambitse, saa tanu uzaba utagezeyo se **ma**! Uzaca aha wambuke iki gishanga uhinguke **kuri** Buhanga ahubakwa iminara y'itumanaho mu ikoranabuhanga, nugera **mu** mpinga, uzaterere amaso hakurya, ntuzirirwa ubaza uzaba ugezeyo **da!**

Umwitozo nyagurabushobozi

Hanga igika kitarengeje imirongo cumi n'itanu kigaragaramo amagambo adahinduka: imigereka, amarangamutima, ibyungo, ibyegeranshinga, indangahantu n'inyigana zifatiye ku rusaku rw'inyamaswa.

Umwarimu areba imyandiko abanyeshuri bahimbye akabafasha kuyinoza

Igice cya kane: Itondaguranshinga

Uburyo bw'inshinga

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 128)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora – Gutahura uburyo bw'inshinga – Gusobanura uburyo bw'inshinga.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma interuro zirimo uburyo bw'inshinga bunyuranye maze akabasaba gukora ubushakashatsi batahura inshinga no gusobanura uburyo zitondaguwemo.

2. Uko amasomo atangwa

Iri somo ritangwa kimwe n'uko isomo ry'ikibonezamvugo cyangwa iry'ubuvangazo atangwa. Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice, ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ….

Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 130)

1. Andika uburyo bw'inshinga bw'ingenzi.

Uburyo bw'inshinga bw'ingenzi ni ikirango, integeko, inkurikizo, ikigombero, inyifurizo n' inziganyo.

2. Soma iki gika maze utahure inshinga zanditse zitsindagiye uvuge n'uburyo zitondaguyemo.

Bantu bameze nka Gatera k'i Tanda, **murarye** muri menge ! Muri iki kinyejana tugezemo **twugarijwe** n'indwara nyinshi z'ibikatu zirimo ebola, indwara y'igisukari **izwi** ku izina rya diyabete, hagataho cya cyago **kitumazeho** abantu kitwa SIDA. Wo **gaheka** we se ibi wabikoza urubyiruko ? Ushoboye kubaburira wese **afatwa** nk'ucurangira abahetsi ngo aha ababyeyi **baracyari** inyuma mu iterambere ! Rubyiruko bana b'u Rwanda, mwitondere isi ya none **bizabaha** gutunga mutunganirwe. Mukobwa, **hagarara** gitwari, **rangwa** n'indangagaciro z'umukobwa w'i Rwanda umuco wemera. Muhungu wo **kagira** Imana we, **ihe** agaciro ucike ku biyoga bitwika, ku gatabi ko ku mugongo w'ingona. Wowe na mushiki wawe nimwuzuzanye mwige mushishikaye, mwitwarwa n'ibibi by'ikoranabuhanga, nimwegukire kurikoresha mu nzira iboneye. Ukurikije inama nguhaye **wazatunga** ugatunganirwa.

Inshinga zitondaguye n'uburyo zitondaguyemo

Ikirango	Inyifuzo	Integeko	Ikigombero	Inziganyo
Kitumazeho, afatwa baracyari, bizabaha, Twugarijwe	wo gaheka, wo kagira	Hagarara, rangwa Ihe,	Murarye	wazatunga

Imyitozo nzamurabushobozi

1. Inshinga zitsindagiye ziri mu kiganiro gikurikira zitondaguye mu buhe buryo?

Kanyana: Icyo **ni** igiki se data wambyaye?
Kerekezo: None se mwana wa, terefone **warayibonye** cyangwa nturayibona?
Kanyana: Yooo! **Habaho** terefone se **bakoresha** batanyereza urutoki?
Kerekezo: Buhorobuhoro **ningira** ubushobozi iyo na yo **nzayigura**.
Kanyana: N'ubu wayigura, icyakuzitiraga cyari ukutwishyurira amashuri.
Kerekezo: Ariko Kanya, nifuza ko nukomeza kwiga **uzakurikirana** ibyerekeye ikoranabuhanga.
Kanyana: Nzakomeza mbizirikane.
Kerekezo: Wo **gaheka** we **uzakomeze ubizirikane.**
Ni: ikirango
Warayibonye: ikirango
Habaho: ikirango
Bakoresha: ikirango
Ningira: inziganyo
Nzayigura: ikirango
Mbizirikane: ikigombero
Uzakurikirana: ikirango
Nzakomeza: Ikirango
Gaheka: inyifurizo
Uzakomeze: ikigombero
Ubizirikane: ikigombero

2. Ubaka interuro ebyiri, ukoreshemo inziganyo.

Mbaga yazatsinda ikizamini cya Leta aramutse yize neza.
Kaneza yagusura abonye umwanya.

Imyitozo nyagurabushobozi

Himba igika kitarengeje imirongo cumi n'itanu ukoreshemoinshinga zitondaguye mu buryo bw'ikigombero, ikirango, inziganyo, integeko n'inyifurizo.

Igice cya gatanu: Ibihe by'inshinga

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 130)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora: – Gutahura ibihe by'inshinga. – Gukoresha neza ibihe by'inshinga mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma igika kirimo ibihe by'inshinga binyuranye maze akabasaba gukora ubushakashatsi batahura ibihe inshinga zitondaguyemo no gusobanura imikoreshereze yabyo.

2. Uko amasomo atangwa

Iri somo ritangwa kimwe n'uko isomo ry'ikibonezamvugo cyangwa iry'ubuvangazo atangwa. Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice, ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 101

Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 132)

1. Ibikorwa byose by'inshinga bishobora gukorwa mu bihe bingahe? Ibyo bihe ni ibihe?

Ibikorwa byose by'inshinga biba mu bihe bitatu by'ingezi bigenda bigira ibihe byungirije. Ibyo bihe ni impitagihe, indagihe n'inzagihe. Mu mpitagihe dusangamo impitakare n'impitakera, mu nzagihe tugasangamo inzahato n'inzakera, mu ndagihe tukabonamo indagihe y'ubu, y'ubusanzwe, indagihe mbarankuru n'indagihe y'igikomezo.

2. Inshinga zanditse zitsindagiye zitondaguye mu bihe bihe.

- Harya sha ngo **ntuzagana** ishuri? Dore mwene Tyazubwenge **arangije** i Burayi ejo **bamugize** Porokireri wa Repubulika!
- Ngewe Mudacumura ngana ishuri, **nzasunika** imitwaro, **nshukure** zahabu, nikorere amatafari, ibindi **bizaza** mbitege amaso.
- Cyo **rekeraho** sha, menya ko **iyimijwe** n'ikaramu itaramburura. Kumenya no kuvuga uruzungu, ni ishema! **Uzarebe** abahugukiwe n'ikoranabuhanga bagusobanurire neza. Kutiga ni ukunyagwa **zigahera**!
- Ariko koko ibyo **uvuga** bishobora kuba ari ukuri. Uzi ko udashobora kuba Intumwa ya Rubanda, Minisitiri cyangwa ngo ushingwe kuyobora ikigo runaka **utarakandagiye** mu ishuri? Ubugabo butisubiraho **bubyara** ububwa. Ngiye kugana ishuri **nzagenge** kiriya kigo gicukura zahabu i Karenda, muri Nyungwe n'ahandi.
- Kora aha sha, ubaye akagabo. **Uzabwire** n'abandi ko kwiga ari ingenzi ku bariho ubu n'abazabaho mu gihe kizaza.

Impitagihe	Indagihe	Inzagihe
Bamugize, utarakandagiye.	arangije, nshukure, rekeraho, iyimijwe, zigahera, uvuga.	ntuzagana, nzasunika, bizaza, uzarebe, nzagenge, uzabwire.

Umwitozo nzamurabushobozi

1. Amagambo: **kera, vuba aha, umwaka utaha,** uyakoresheje mu nteruro wakoresha ibihe bihe by'inshinga?

2. Ubaka interuro ngufi ebyirebyiri kuri buri jambo.

Umwarimu areba ibyo abanyeshuri bakoze akabafasha kubinoza.

Umwitozo nyagurabushobozi

Hanga agakino gakinwa n'abantu babiri, katarengeje imirongo makumyabiri, ukoreshamo ibihe byose by'inshinga. Abo bantu baganire ku ikoranabuhanga.

Umwarimu areba ibyo abanyeshuri bakoze akabafasha kubinoza.

Inshamake y'umutwe wa gatandatu

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa gatandatu, bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake

- Ikoranabuhanga rifasha gukemura ibibazo bitandukanye cyanecyane kunoza umurimo.
- Mu rurimi rw'Ikinyarwanda habonekamo amagambo adahinduka : umugereka, indangahantu, irangamutima, ikegeranshinga, ibyungo…
- Iyo tuvuga cyangwa dukora, twitabaza inshinga. Inshinga zitondagurwa mu buryo no mu bihe bitandukanye. Mu buryo dusangamo ikirango, ikigombero, inkurikizo, intego, inziganyo… Inshinga igira ibihe bitatu ari byo impitagihe, indagihe n'inzagihe.

Ubumenyi bw'inyongera

Itondaguranshinga

Uturemajambo tw'ibanze tw'inshinga

Mu bice biheruka, twabonyemo amoko abiri y'inshinga; inshinga zisanzwe n'inshinga mburabuzi. Zaba inshinga zisanzwe cyangwa inshinga mburabuzi, zose zishobora gusesengurwamo uturemajambo.

Mu turemajambo tw'inshinga habamo utw'ibanze n'utundi tutari utw'ibanze. Uturemajambo tw'ibanze ni uturemajambo tudakunze kubura mu nshinga itondaguye kandi dufite uruhare runini mu kumvikanisha ijambo.

1. Indanganshinga

Ni akaremajambo kagaragaza ngenga cyangwa inteko inshinga irimo. Indanganshinga igaragaza isano inshinga ifitanye na ruhamwa haba mu gihe ruhamwa igaragara no mu gihe itagaragara. Indanganshinga ziboneka muri ngenga zose uko ari eshatu.

Ngenga cyangwa Inteko	Indanganshinga	Urugero mu nshinga
Ng.1 ub.	n-	Ndavuga
Ng.1 ubw.	tu-	Tuzatunga
Ng.2 ub.	u-	Uzabaze
Ng.2 ubw.	mu-	Muzabaze
Ng.3		
Nt.1	a-	Umwana azasukura
Nt.2	ba-	Abantu bazasukura aho batuye
Nt.3	u-	
Nt.4	i-	Umurima uzahingwa
Nt.5	ri-	Imirima izahingwa
Nt.6	a-	Iriba rizavomwa
Nt.7	ki-	Amazi azavomwa
Nt.8	bi-	Igiti gikuze kizatemwa
Nt.9	i-	Ibiti bikuze bizatemwa
Nt.10	zi-	Ihene izazororwa
Nt.11	ru-	Inka zizororerwa mu biraro
Nt.12	ka-	Urugo ruzubakwa
Nt.13	tu-	Akagezi kazasukurwa
Nt.14	bu-	Utunyoni tuzigurukira
Nt.15	ku-	Ubuzu bubi buzasenyuka
Nt.16	ha-	Kuza kwawe kuzanezeza
		Ahantu harakunzwe

2. Ingenantego/ indangagihe

Ni akaremajambo kerekana igihe inshinga runaka itondaguwemo. Dore zimwe mu ndangagihe ziboneka mu nshinga z'Ikinyarwanda.

- a-: twavugaga: tu-a-vug-aga
- ra-: ziranavunika: zi-ra-na-vun-ik-a
- za-: uzabaze: u-za-baz-e
- a-ra-: yarakamye: a-a-ra-kam-ye
- ki-: akimubona: a-ki-mu-bon-a
- ka-: akuhira: a-ka-uhir-a (mu gihe k'Impeshyi)
- a-ka-: twakanenze:tu-a-ka-neng-ye
- ra-ka-: urakabyara: u-ra-ka-byar-a
- ra-ki-a-: baracyatema: ba-ra-ki-a-tem-a

Ikitonderwa: Indanganshinga n'ingenantego ni uturemajambo tugira ikimenyetso tukiranga iyo tutagaragara mu nshinga. Icyo kimenyetso ni ø.

Ingero

- **Avuze** ko mwita ku bidukikije a-ø-vug-ye
- Iyo witegereje uko **zihiga**. zi-ø-hig-a
- **Zitora** ibyo izo z'inkazi zishigaje. **zi**-ø-tor-a

3. Umuzi

Ni akaremajambo kadahinduka inshinga isangiye n'andi magambo yose ayikomokaho. Umuzi ni wo utanga inyito y'ibanze y'ijambo.

Ingero

Bifatiye runini ikiremwa muntu. Iri jambo rikomoka ku nshinga "gufata". Naho umuzi wayo ni –**fat-**

Twese **tuzatunga** agatoki aho **twumvise** Rushimusi.Tuzatunga rikomoka ku nshinga gutunga, umuzi wayo ni –**tung**-. Ijambo twumvise rikomoka ku nshinga kumva ifite umuzi –**umv**-

4. Umusozo

Ni akaremajambo gaheruka utundi. Umusozo ni wo ugaragaza ko igikorwa kivugwa mu nshinga cyarangiye cyangwa kigikomeza. Ni byo byitwa **irebero**. Habaho irebero nshize n'irebero nkomeza.

Ingero

- Hari **izigirira** intege nke (irebero nkomeza kuko intege nke zirazihorana).
- Amafaranga **twinjije** ku munsi wo kwita izina ingagi ni menshi. (irebero nshize kuko igikorwa cyarabaye kirarangira)

Mu itondaguranshinga, inshinga zigira imisozo ine: -a, -ye, -aga, -e

Ingero

- Arahinga: a-ra-hing-**a**
- Yahinze: a-a-hing-**ye**
- Yahingaga: a-a-hing-**aga**
- Uhinge: u-ø-hing-**e**

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa gatandatu

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 133)

Ibigenderwaho mu isuzuma
– Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko yasomye – Ubushobozi bwo gutahura amoko y'amagambo adahinduka – Ubushobozi bwo gutondagura inshinga mu buryo no mubihe binyuranye

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iri suzuma ku giti cyabo, iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

I. Kumva no gusesengura umwandiko

1. Rondora abanyarubuga bagaragara mu mwandiko.
Uwineza, ababyeyi be, abarezi be n'umugabo we.

2. Gereranya ibivugwa muri uyu mwandiko n'umutwe wawo werekana isano bifitanye.
Umutwe w'uyu mwandiko witwa: Yarazikabije. Aha ni inzozi zivugwa. Uwineza yabyirutse yifuza gusobanukirwa ibijyanye n'indege ataretse no kuyitunga. Byarangiye inzozi ze zibaye impano akora mu bijyanye n'indege kandi aranayitunga.

3. Wifashishije umwandiko sobanura uko Uwineza yagaragaje ubutwari.
Uwineza yagaragaje ubutwari kuko yatangiye kwita ku murimo no gukorana umwete mu masomo ye guhera akiri muto. Mu ishuri ry'inshuke, mu mashuri abanza, ayisumbuye na kaminuza. No mu mirimo ye kandi yagaragaje ubudashyikirwa.

4. Erekana insanganyamatsiko ikubiye muri uyu mwandiko unayigereranye n'uko bimeze mu Gihugu cyacu muri iki gihe.
Insanganyamatsiko y'uyu mwandiko ni ikoranabuhanga. Aho ihuriye n'uko bimeze mu Gihugu cyacu ni uko muri iki gihe Igihugu cyacu gishyize imbere ikoranabuhanga kuko ari ryo shingiro ry'iterambere.

5. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko.
Ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko
- Ikoranabuhanga
- Gukorana umwete
- Kugira ikinyabupfura no kuba inyangamugayo
- Ingingo z'ingereka ziri muri uyu mwandiko
- Gukora ubukwe no gushinga urugo
- Uburinganire n'ubwuzuzanye

II. Inyunguramagambo

1. Sobanura aya magambo ukurikije inyito afite mu mwandiko.

a) Kuyisukira: kuyigereza
b) Inyamibwa: ikintu kiza cyane kandi cyubashywe
c) Arakihanangiriza: aragitsinda cyane
d) Abiva imuzingo: arabyiga cyane, arabinonosora
e) Baratengamaye: bamerewe neza, babayeho mu buryo bushimishije

2. Koresha mu nteruro buri jambo muri aya akurikurikira.

a) Akinywa nk'unywa amazi: Umwarimu yaduhaye imyitozo yoroshye tuyikora nk'unywa amazi.

b) Agahebuzo: Uyu mwaka ibirori by'umunsi mukuru w'ishuri ryacu byabaye agahebuzo.

c) Bamuhundagazaho: Mu gihe cy'amatora umuyobozi wizewe bamuhundagazaho amajwi.

d) Kubicukumbura: Dukwiye gucukumbura ibijyanye n'ikoranabuhanga, bityo tukabibyaza umusaruro.

e) Indashyikirwa: Kuba indashyikirwa biraharanirwa.

III. Ikibonezamvugo

1. Andika ubwoko bw'amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira

a) Umva **ra**! Ikoranabuhanga ryakemuye ibibazo byinshi **cyane.**
ra: akamamo, **cyane**: umugereka w'uburyo/ingera y'uburyo.

b) **Ayinya!** Rya ryori ryo kwa Ndakaza ryiga ikoranabuhanga!
ayinya: amarangamutima

c) Yewe **da! Ukunze** ikoranabuhanga nta we bitashimisha.
da: akamamo

d) Niko se **ma** ! Ugira ngo yagana ishuri?
ma : akamamo

2. Andika uburyo n'ibihe inshinga zitsindagiye zitondaguyemo.
a) Ikoranabuhanga **ryakemuye** ibibazo byinshi cyane.
ryakemuye: ikirango, impitagihe

b) Karekezi **yiga** ikoranabuhanga!
ryiga: ikirango, indagihe
Uzige neza kugirango uzatsinde.
Uzige: ikigombero, inzagihe; uzatsinde: ikigombero, inzagihe

3. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo: cyono, buhorobuhoro, i, ororororooo!

a) **Cyono** ngwino dushyigikirane.
b) Atera hejuru ataka ngo: «**Ororororooo**!»
c) **Buhorobuhoro** twese tuzahuguka mu by'ikoranabuhanga.
d) **I** Burayi bateye imbere mu ikoranabuhanga.

Imyitozo nzamurabushobozi

1. Rondora uburyo bw'inshinga dusanga mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Uburyo bw'inshinga dusanga mu rurimi rw'Ikinyarwanda ni ikirango, inyifurizo, integeko, inkurikizo, ikigombero, inziganyo.

2. Inyamaswa, ibintu ntibivuga ariko bigira urusaku; tanga inyigana eshanu zikomoka ku bintu n'eshantu zikomoka ku nyamaswa.

Umwarimu areba ibisubizo by'abanyeshuri agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Imyitozo nyagurabushobozi

1. Kuri buri bwoko bw'amagambo adahinduka, tangaho urugero ruri mu nteruro ngufi.

2. Ubaka igika kitarengeje imirongo icumi, ukoreshamo neza amagambo akurikira: yo karama, aririmba, dumburi, arararara!, huhuuu!, henga, nyamara, nazaririmbira, ugiye, ndacyagukunda.

Umwarimu areba ibisubizo by'abanyeshuri agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

TWIYUNGURE AMAGAMBO

Abagaragu b'irimenanda: Abagaragu b'inshuti z'inkoramutima (akadasohoka)

Abakobwa b'amasugi: abakobwa bafite ababyeyi bombi

Abiva imuzingo: arabyiga cyane, arabinonosora

Agoronome: umuntu w'impuguke mu by'ubuhinzi

Akaga: icyago cyugarije abantu

Amarere: imyifatire y'ubukubaganyi cyangwa y'uburwanyi

Amazi y'ibirohwa: amazi mabi atobamye adakwiye gukoreshwa

Arakihanagiriza: aragitsinda cyane

Ayera: amata

Baratengamaye: bamerewe neza, babayeho mu buryo bushimishije

Gucumbira: kugirira uruhare

Gufata ingamba: gahunda y'icyakorwa

Gufumyamo: kwiruka

Guhimba: iyi mvugo umusizi yakoresheje aha ni igereranya ivuga ko uruhongore rugomba guhimbwa rugahimbazwa. Ni ukuvuga gukenura uruhongore inyana akazikukira mbese ntiharangwe umwanda Gutwama: gucecekesha umuntu atararangiza no kuvuga

Gukeza: gusaba ubuhake

Gukora bwangu: gukora vubavuba

Gukorera ijisho: Kwitabira umurimo ari uko umukoresha akureba

Gupfundikira imbuto: kurangiza gutera imbuto

Gusozera: kongera kunywa kandi yari yahaze

Gutatira: kugambanira

Gutona: gukundwa cyangwa kurebwa neza n'umuntu uguhatse cyangwa ugutegeka

Guturutsa: kubiba imbuto bwa mbere nk'amasaka

Ikibariro: igihe igikorwa runaka cyateganyirijwe kumara

Ikibatsi: umuriro mwinshi umuntu acanye mu gihe gito

Ikiganda: akazu gato k'icyuzuriraho ko kubamo by'agateganyo

Iminsi yicuma: iminsi igenda ihita indi igataha

Imirenzo: imitabo; ubuhinge bukoresha uturundo tw'ubutaka; bahinga barunda igitaka bikamera nk'ibizana umugongo

Inkonzo: agati gafite amashami abiri babaga bakonze. Bafataga ishami rimwe irindi bakarihingisha mu muhango wo kwita izina.

Inyamibwa: ikintu kiza cyane kandi cyubashywe

Karuhimbi: izina bakunda kwitirira umukobwa ko agomba kumenya gutereka amata no kumenya indi mirimo yo mu rugo

Kubona urwaho: kuba ubonye akanya ko gukora iki n'iki

Kubonera rubi ku muntu: kumugiriraho ibibazo, akaga

Kubunduka: kuganduka wari umaze iminsi umerewe nabi, wararwaye cyangwa warashonje

Kuganda: kutumvira cyangwa kutayoboka umutegetsi

Kugisha: kwiherera k'umupfumu agashaka indagu

Kujujubya: kubuza amahoro

Kujumarirwa: kuba uri aho usa n'uwumiwe

Kumenya amakuru by'imvaho: kumenya amakuru y'ukuri kudashidikanywaho

Kunyagwa: kwamburwa inka wari waragabiwe n'uguhatse

Kurara rwantambi: kurara utaryame kubera ibibazo

Kuririra mu myotsi: guhura n'ibyago bikomeye, ukabura uko ubyikuramo kuko igihe cyakurenganye Umurengera: ibintu byinshi cyane

Kurumanza: guha amatungo ubwatsi /kuragira amatungo ariko ukayima amazi yo kunywa

Kuyisukira: kuyigereza.

Kuzingama: Gukura nabi kubera imirire mibi

Kwarama: gufata igihe cyo kuruhuka by'umugore ukuriwe cyane ategereje kubyara

Kwera (imana): guhamya icyo umupfumu yatongereye kw'indagu

Kwikota: kwikuba ahantu kenshi utahava

Kwirozonga: gukora umurimo utabishaka, uvunisha abandi

Kwitana bamwana: gusiganira gukora ikintu cyangwa kutemeranwa ku wakoze ikintu

Ubudehe: uguhingisha abantu benshi bagataha baharuye nyiri umurima akababahemba urwaga cyangwa amarwa. Muri iki gihe ubudehe bivuga inkunga Leta igenera abaturage bayo kugira ngo biteze imbere mu gikorwa runaka.

Ubutayu: ahantu hacitse ibiti, hagasigara hambaye ubusa

Ubworo: indwara yo kubura amata ku muntu wigeze kuyabona

Umuganji: umugabo

Umukobwa w'umuyumbu: umukobwa ufite igikara kinoze

Umukobwa: (umukôobwâ): umunyiginya wo mu muryango ukomoka kuri Mukobwa (Mukôobwâ) wa Ndoba

Umupfumu: umuntu uragura

Umutozo: agati bavurugisha amata

Irebe ry'umuryango: imbere mu nzu hafi y'aho basohokera

Urubumbambaga: umuryango mugari w'abantu

Uruhamo rw'umuryango: hejuru y'umuryango ugana ku gisenge

Uruhongore ruhinda: rurimo inyana nyinshi

Uruhimbi: akameza gateguyeho ishinge baterekagaho amata

Uruhongore: uruhongore bivuga ikiraro k'inyana

Urwaho: akanya ko gukora iki n'iki (guca urwaho)

INYANDIKO N'IBITABO BYIFASHISHIJWE

BAKAME Editions (2013), Ikinyarwanda Ikibonezamvugo mu mashuri abanza n'ayisumubuye. 2nd edition, Kigali. Coupez, A. 1980. Abrégé de Grammaire Rwanda, Tome 1,2. Butare : INRS.

FOUNTAIN PUBLISHERS (2013), Ikinyarwanda igitabo cy'umwarimu, umwaka wa 4. FountainPublishers, Kigali.

IKIGÔ CY'ÛBUSHAAKASHAATSI MU BY'ÛBUHAÂNGA N'ÎIKÔRANABÛHAÂNGA, Inkoranya y'Îkinyarwaanda mu Kinyarwaanda. IRST Butare.

IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO NCDC (2008), Imyandiko mfashanyigisho, Umwaka wa kane w'amashuri yisumbuye. Kigali.

INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO (2014), Amabwiriza ya Minisitiri no 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda. Kigali.

INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO (2003), Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda. Kigali.

KANANURA, J.C (1975). Imigani y'imigenurano y'imfasha abarezi, Butare.

JACOB, I. (1985). Dictionnaire Rwandais-Français en 3 volumes, Tome troisième, I.N.R.S. Butare.

Mgr BIGIRUMWAMI, A. (1984), Imihango n'Imigenzo n'Imiziririzo mu Rwanda, Troisième édition. Nyundo

IGIRANEZA T.,1990, Isomo ry'ikibonezamvugo: iyigantego, inshoza y'inshinga nyarwanda, Kigali.

BIZIMANA, S., 2002, Imiteêrere y'kinyarwaanda II, IRST, Butare.

MBONIMANA, G. na Nkejabahizi, J.C. 2011, Amateka y'ubuvanganzo nyarwanda kuva mu kinyejana cya XVII kugeza magingo aya.

MINISITERI Y'AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE (1988), Ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda, iyigantego n'igenamajwi: Izina na ntera, Igitabo cy'umunyeshuri imyaka ibiri ya mbere, Ubuyobozi bw'integanyanyigisho z'amashuri yisumbuye. Kigali

MINISITERI Y'AMASHURI MAKURU N'UBUSHAKASHATSI MU BY'UBUHANGA (1987), Ibirari by'insigamigani, igitabo cya mbere, Presse de la Printer Set, KIGALI.

IKIGO K'INTEGANYANYIGISHO N'IMFASHANYIGISHO (2008), Ikinyarwanda. Imyandiko mfashanyigisho, umwaka wa kabiri, igitabo cy'umunyeshuri, The Jomo Kenyatta Foundation.

IKIGO GISHINZWE GUTEZA IMBERE UBUREZI MU RWANDA (2015), Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashami. Ikinyarwanda kigishwamo nk'isomo bihitiyemo. Kigali.

MUTAKE, Th., 1991, Ikinyarwanda ikibonezamvugo, imbonerahamwe y'itondaguranshinga risanzwe, Kigali: les edition de la Régis de l'imprimerie Scolaire.

MINISITERI Y'AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE (1990), Ikinyarwanda umwaka wa 7. Igitabo cy'umwarimu n'umunyeshuri. IMPRISCO, Kigali.